


6872

RÉPUBLIQUE RWANDAISE



PRÉFECTURE DE KIGALI

---

**Seminali ya ba Burgmestri n'Abayobozi  
b'Imilimo muli Prefegitura ya Kigali  
yabaye kuwa 15, 16 na 17 Nyakanga 1974.**

---

PREFECTURE DE KIGALI

*A. A. A.*

A traiter par	
Date entrée	<i>03-10-74</i>
N° Classement	<i>81/8/04/09</i>


Monsieur le Ministre de l'Intérieur  
et de la Fonction Publique  
KIGALI

Monsieur le Ministre,

Suite à votre télégramme n°678/04.09.02/1 du  
27 septembre 1974, j'ai l'honneur de vous faire parvenir avec la présente  
trois brochures relatives au Seminaire organisé pour les Bourgmestres et Chefs  
de Service de la Préfecture de Kigali, les 15, 16 et 17 juillet 1974.

Je vous en souhaite très bonne réception.-

LE PREFET DE PREFECTURE  
A. SEBATWARE.-



Copie pour information à:

- ✓ Son Excellence Monsieur le Président  
de la République Rwandaise  
KIGALI.

IBILIMO

	Urupapuro
1. Abaje mu nama	1
2. Abatanze conférences	2
3. Programu ya Seminali	3
4. Gufungura Seminali	4
5. a) Ikiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsu bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta kubyerekeye UMWANYA W'UBUTEGETSI MU MAJYAMBERE Y'IGIHUGU	7
b) Débats	26
6. Le développement communautaire, une Stratégie de mobilisation et d'Edification de la nation	29
b) Débats	45
7. a) Le système scolaire rwandais et les perspectives de son évolution	47
b) Débats	52
8. a) Ijambo ry'uhagaraliye Ministeri y'Urubyiruko	54
b) Débats	59
9. a) Amélioration et l'entretien du sol dans le développement agricole	61
b) Débats	71
10. a) L'habitat et la voirie communale	74
b) Débats	83
11. a) Akamaro ka Turisimi mu Rwanda	87
b) Débats	99
12. a) Ubucuruzi mu Rwanda	102
b) Débats	114
13. a) Akamaro k'Animation mu majyambere y'u Rwanda	119
b) Débats	128
14. a) Les éléments de planification: Importance des monographies communales	130
b) Débats	142
15. a) Le rôle de l'Information dans le développement	144
b) Débats	158
16. Isoza rya Seminali.	162

INYANDIKOMVUGO Y'IBYAVUGIWE MULI SEMINARI  
N'IBIBAZO BYAHABALIJWE KUVA KUWA 15 NYAKANGA 74  
KUGEZA KUWA 17 NYAKANGA 1974

ABALI BAHALI: Ba Bwana Prefe Andreyu SEBATWARE, Umuyobozi w'Inama.  
Su-Prefe François SERWILI  
" Simoni GAKUBA  
" Alberti TABARO.  
Eliyasi RUTERANA, Umwanditsi w'Inama.

BURGMESTRI

B.MUNYAMPIRWA wa Komini Rutongo  
J.HAGENIMANA wa Komini Kiyovu  
L.SEMANZA wa Komini Bicumbi  
Fr.NSENGIYUMVA wa Komini Gikoro  
E.BASIGAYABO wa Komini Mbogo  
C.NGIRUMPATSE wa Komini Rushashi  
A.UZABARURU wa Komini Tare  
A.MUNYANDAMUTSA wa Komini Kanombe  
P.MUTUNZI wa Komini Mugambazi  
Ch.BOYI wa Komini Musasa  
C.MULISA wa Komini Gikomero  
J.RUBAYITA wa Komini Rubungo  
J.D.KARANGWA wa Komini Kanzenze  
Ch.KAYITARE wa Komini Shyorongi  
M.MURIGANDE wa Komini Ngenda  
B.RUSHIGAJIKI wa Komini Gashora.

ABAKURU B'IMILIMO

Dr.A.MUGABUSHAKA, Diregiteri w'Ibitaro by'i Kigali.  
Madamazela P.MASENGESHO, Diregitrisi wa Fwawe.  
A.NGIRABATWARE, Diregiteri w'Amavuliro muli Kigali.  
J.MUNYANKINDI, Diregiteri w'Isuku.  
V.HABIYAMBERE, Prezida w'Urukiko rw'Iremezo i Kigali.  
C.RUSHARAZA, Agronome wa Prefegitura.  
G.RUFURUKA, Agronome wa Payizana.  
I.BIGENGIMANA, Surveya w'Ibiraro n'Imihanda.  
L.KANYAMIZIGO, Surveya w'Amazu ya Leta.  
J.MUHIRE, Surveya wungilije wa Voirie Kapitali.  
I.RWAMIGABO, Inspegiteri w'Ubucuruzi.  
J.B.MUZIGANDONYI, Shefu wa Secteur Koperative.  
G.BURENGERO, Uhagaraliye Shefu wa Parki i Kigali.  
A.NIYONZIMA, Diregiteri wa Projet Kigali-Nord.  
J.HARELIMANA, Veterineri wa Prefegitura.  
M.SENTAMA, Agent des Statistiques.  
S.SINZIHARA, Inspegiteri w'Imilimo.  
J.B.MUSONI, Responsable muby'Umuceli.  
A.NDIZIHIWE, Ushinzwe za Koperative zitali muli Projet  
Kigali-Nord.  
Pr.BENDANTUNGUKA, Kontabule wa Prefegitura.  
A.RWAKIBIBI, Diregiteri wungilije wa Gereza.  
Fr.KARERA, Chef de Bureau muli Ministeri y'Ubutegetsi  
bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta.

CONFERENCIERS

- Ba Bwana P.NDAGIJIMANA, Uhagaraliye Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu  
n'Abakozi ba Leta.  
A.NZAMWITA, Uhagaraliye Ministeri y'Ubuvuzi n'Amajyambere  
y'Abaturage.  
F.SEKAMONYO, Uhagaraliye Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu.  
C.KAREKEZI, Uhagaraliye Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.  
A.NZABARA, Uhagaraliye Ministeri y'Imilimo ya Leta  
n'Ibikoresho.  
O.RUSINGIZANDEKWE, Uhagaraliye Office du Tourisme et des  
Parcs Nationaux.  
Cl.KANYARWANDA, Uhagaraliye Ministeri y'Imali n'Ubukungu  
bw'Igihugu.  
A.NDAGIJIMANA, Uhagaraliye Association Internationale du  
Développement Rural.  
A.NZIGIRA, Uhagaraliye Ministeri ya Plan na Ressources  
Naturelles.  
B.NYABYENDA, Uhagaraliye Ministeri y'Amatangazo ya Leta  
na Tourisme.  
Fr.NSANZABAGANWA, Uhagaraliye Ministeri y'Urubyiruko.

... / ...

ORDRE DU JOUR

- Umunsi wa mbere: I. Ouverture du Séminaire;  
II. L'Administration au service du Développement;  
III. Le Développement pour et par la population;  
IV. Les problèmes scolaires et les solutions d'avenir;  
V. Le rôle de la Jeunesse dans le Développement.

- Umunsi wa kabili: I. L'amélioration et l'entretien du sol dans le développement;  
II. L'habitat et la voirie communale;  
III. Les incidences du Tourisme sur l'évolution socio-économique et culturelle;  
IV. Le commerce et les Coopératives.

- Umunsi wa gatatu: I. L'animation rurale;  
II. Les éléments de la Planification  
Importances des monographies communales;  
III. Le rôle de l'Information dans le développement;  
IV. Clôture du Séminaire.

... / ...

I. OUVERTURE DU SEMINAIRE

04

Bwana Prefe ati:

Bwana Diregiteri Jenerali, ba Bwana Burgmestri namwe ba Chefs de service; mbanje kubashimira kuba mwagereye hano igihe cyateganyijwe nkuko mwabibonye mu rwandiko nabandikiye.

Iyi Seminari iramara iminsi itatu; yateganyijwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta kugirango umurongo Umubyeyi wacu yatangaliye abanyarwanda bose igihe yashyiragaho Leta imufasha mu milimo y'Ubuyobozi bw'Igihugu kuwa 1 Kanama 1973 ukulikizwe.

Iyi Seminari yagombaga gukingurwa na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta none yagize impamvu (mission à l'Etranger). Secreteri Generali wali kumusimbura mul'iyi Seminari yagiye kureba umuvandimwe wacu Prefe w'i Kibungo witabye Imana, nkaba mbasabye guhaguruka tukamwibuka.....

Ubu rero Diregiteri Generali niwe ugiye gukorana natwe iyi Seminari, akatubwira n'ijambo ry'ibanze likingura iyi Seminari.

Bwana Diregiteri Generali ati:

Bwana Prefe,  
Ba Bwana Burgmestri,  
Ba Chefs de service,

Impamvu zaduteye gutegura inama za ba Burgmestri n'Abakozi bakuru bashinzwe imilimo muli za Prefegitura, tuzisanga muli Diskuru yo ku italiki ya mbere Kanama 1973, umunsi Nyakubahwa Prezida wa Republika ashingira Leta, mu madiskuru yavugiye muli za Prefegitura igihe yazisuraga no mu magambo yagiye avugira mu mibonano cyangwa se mu yindi minsi mikuru, nko mu gihe yifulizaga Abaturarwanda umwaka muhire wa 74, ari nawo yagize uw'ubuhinzi.

Sinakwilirwa nsubira mu byo Prezida wa Republika yashinze buli Ministeri igihe cy'ishingwa rya Leta. Ndashaka kubumvisha ukuntu za Ministeri zigomba gufatanyiliza hamwe kugirango twabahilize ibyifuzo n'imigambi Nyakubahwa Prezida wa Republika yiyemeje ku italiki ya 5 Nyakanga 1973 Ingabo z'Igihugu zifata Ubutegetsi.

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta ishinze mbere na mbere kuvugurura no kuboneza ubutegetsi bw'amakomini, kuko aliryo "shingiro ry'ubuzamukire bw'Igihugu" akaba kandi ari nayo "butegetsi bwegerereye abaturage". Umulimo wo gutsura amajyambere no gufasha abaturage gutera imbere mu bukungu no mu mibereho yabo, ntiyawushobora idashyize hamwe n'izindi Ministeri zifite uruhare mu milimo yo kuzamura Rubanda, nkuko nazo ziyikeneye kugirango imilimo yazo irusheho gutera imbere.

Uko gufatanya gushingiye ku buhanga bwa za Ministeri ntikwagira akamaro gukozwe ku buryo butatanye. Niyo mpamvu abashinzwe za Ministeri bagomba kwigira hamwe ibigomba gukorwa n'uburyo bizakorwa. Nibyo Umukuru w'Igihugu avuga ati: "buli mukozi wa Leta agomba kwihatira gutunganya umulimo ashinzwe. Uzungura abandi ibitekerezo azabishimirwa, uzaba yibeshye nawe bazamwereka inzira nziza mu mahoro".

Muby'ukuli lero, ihindurwa rya Politiki ryabaye kuwa 5 Nyakanga 1973 ntilishobora gukora ibitangaza mu mizamukire y'abaturage no mu bukungu bw'Igihugu nkuko Umubyeyi wacu abitubwira. Niyo mpamvu abakozi bose ba Leta bagomba gushyira hamwe imbaraga n'ubumenyi bwabo kugirango bakemure ibibazo byo kuzamura abaturage no kwongera ubukungu bw'Igihugu.

... / ...

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta, Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage, Ministeri y'Urubyiruko, Ministeri Naturelles, Ministeri ya Plan y'Amajyambere na Ressources n'Ibikoresho, Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Ministeri y'Imilimo ya Leta abaturage, nka A.I.D.R. na Ofisi ishinzwe Turisimi na Parike, ziyemeje muli iki kiganiro cyerekeye imizamukire ya Komini, ko zigomba gutera inkunga buli munyarwanda wese mu mizamukire rusange y'Igihugu kugirango amajyambere n'imibereho y'abanyarwanda bose bizarusheho kwiyongera.

Kugirango ingufu zili hirya no hino zidatana, abashinzwe imilimo yose yegereye abaturage bagomba gukorera hamwe, bakulikije imigambi ikubiye muli Diskuru-Programu yo ku italiki ya mbere Kanama 1973, iharanira gufasha abaturage gutera imbere, ari nabyo iyi nama igamije kubasobanulira.

Icyo abahagaraliye za Ministeri na za services muli iyi nama bagomba kwitaho ni ukubasobanulira uburyo n'amatwara buli gice cyiyemeje mu kuzamura abaturage.

Niyo mpamvu twateganiliye ibibazo umwanya uhagiye kugirango mushobore kubaza no kwiyumvisha uburyo mwarushaho gukora no gufatanya mu byerekeye gutera inkunga abaturage mu mishinga y'amajyambere yaba aya Komini, aya Prefegitura n'ay'Igihugu cyose. Nkaba nizeye ko buli muntu aboneye ho gusiganuza ku byamufasha gutunganya imilimo ashinzwe.

Muli iki gihe tulimo, programu nyinshi kandi zibangikanye ntabwo zigifite akamaro; tubona ko inzego zose zegereye abaturage zigomba gufatanya zigakorera hamwe programu z'amajyambere yaba aya Komini, aya Prefegitura n'ay'Igihugu cyose, aho kuzibangikiranyaga. Ubu buryo bw'imibonano nk'iyi buzadufasha kurwanya ibyadindiye imitegekere n'ibikorwa byinshi by'ingirakamaro mu gihe tuvuyemo.

Niyo ntego twiyemeje kugeraho kuva ubu; iyi ntego kandi nk'uko mwabyumvise, igamije ibyifuzo n'imigambi y'Umukuru w'Igihugu bikubiye muli Diskuru-Programu yo kuwa mbere Kanama 1973.

Ntitwawubagira gushimira za Ministeri na za services ukuntu bakiranye umutima mwiza igitekerezo cyo kudufasha gutunganya iyi nama. Birerekana ko ubufatanye bagaragaje bugomba gukubira no mu bice byose, byaba ibya Komini n'ibya Prefegitura, kugirango nabo bafatanyilize hamwe kwiga ibibazo biturutse mu bategetsi no mu baturage. Nkaba kandi nabasaba ko twashimira Fondation Adenauer ihagaraliye na Monsieur ZACH, yadufashije gutunganya iyi nama.

Iyi nama lero kugirango igere kubyo yateguliwe, hagomba kuba umwuka w'ubwumvikane n'ubusabane hagati y'abafashe ijamba abumva.

Ibyo bigatuma nsaba abahagaraliye za Ministeri kuvuga bike kandi byumvikana, berekana uburyo bwo kurushaho guteza Igihugu imbere. Ibitekerezo byabo nibitangwa ku buryo bwumvikana kandi bworoheye ababumva, iyi nama izagilira benshi akamaro. Ari ibibazo kimwe n'ibisubizo bigomba gushingira ku byabafasha kurushaho gutsura amajyambere mu bwitonzi no mu mahoro.

Bwana Prefe,  
Ba Bwana Burgumestri,  
Ba Chefs de Service,

Rubanda rwose ruteze amaso ibyo muzakura muli iyi nama. Mugomba lero kwibuka ko muhagaraliye abo muyobora. Mukamenya kandi ko musangiye n'Umukuru w'Igihugu intego yo guharanira ubutitsa kuvana abanyarwanda mu bukene no mu bujiji.

Inama iratangiye, kandi Prefe akaba ashinzwe kuyiyobora.

Bwana Prefe ati:

Mumaze kumva ijambo ry'ibanze none ngiye kugasomera programu yuko bili bukulikirane....  
Iyi nama twahisemo kuyikora mu kinyarwanda kuko abenshi muli twe alicyo barushijeho kumva neza.  
Impamvu y'iyi Seminari n'ukujiurana tukungurana ibitekerezo.  
Tuzaganira n'impuguke ll cyakora za Ministeri zose ntizifite abazihagaraliye. Muli izo mpuguke ll halimo 2 zihagaraliye A.I.D.R. na Ofisi ishinzwe Turisimi na Parike.  
Buli mpuguke izajya idusomera ibyayo hanyuma bayibaze ibibazo, ibyo idashoboye gusubiza neza, ujijukiwe kulicyo kibazo ayisubilize.  
Hagiye gutangira uhagaraliye Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta.

= = =

IKIGANIRO CYA MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU  
N'ABAKOZI BA LETA KUBYEREKEYE UMWANYA W'UBUTEGETSI MU  
MAJYAMBERE Y'IGIHUGU CYAGILIWE BA BURGUMESTRI N'ABAYOBOZI  
B'IMILIMO MULI PREFEGITURA (DU 27 MAI AU 17 JUILLET 1974).

---

I. I J A M B O R Y ' I B A N Z E .

Iyi nama yateguliwe kumara iminsi 3 yateganyijwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta kugira ngo abashinzwe amajyambere y'abaturage muli Prefegitura no muli Komini bashobore kurebera hamwe ukuntu bakulikiza Programu y'ubuzamura-gihugu yatanze na Prezida wa Republika ku italiki ya 1 Kanama mu mwaka ushize, igihe yashyiragaho ba Ministri bamufasha mu milimo y'ubuyobozi bw'Igihugu.

Muli iyi minsi 3 muzaganira n'impuguke nyinshi zizabasobanulira ku buryo burambuye imwe mu milimo Ministeri cyangwa se services zabo zishinzwe.

Iyi nama twahisemo kuyikora mu rurimi rwacu rw'i Kinyarwanda kuko twatekereje ko abenshi muli twe ari rwo barushijeho kumva neza. Igihe umunyarwanda aganira n'undi munyarwanda dusanga ari byiza ko bavugana mu kinyarwanda.

Ingingo nshinzwe kubaganilira muli aka kanya yerekeye "Uruhare rw'Ubutegetsi mu mizamukire y'Igihugu (l'Administration au Service du Développement).

Ntiriwe mvuga menshi, muli twe ntawe ushidikanya ko Ubutegetsi bubereyeho kwita ku bifitiye abategekwa akamaro byose. Ubutegetsi, ubwalibwo bwose, bwakwirengagiza ilyo hamwe, ntacyo bwaba bugishoboye.

Kubera ko ibifitiye abategekwa akamaro ari byinshi, Ubutegetsi bugomba gutunganywa neza kugira ngo bishobore kugerwaho ku buryo bunonosoye.

Niyo mpamvu muli iyi jambo dutangije iyi nama, ngiye kwibutsa mu magambo avunaguye Inzego zigize Ubutegetsi bwa Republika y'u Rwanda n'imilimo buli rwego rushinzwe. Iyo milimo cyangwa se ububasha buli shami ry'Ubutegetsi lifite, nibyo byerekana ahanini umwanya ukomeye Ubutegetsi bufite mu itsura ly'amajyambere y'Igihugu.

Inzego tugiyeye kuvuga ni izi :

- 1) Inteko Nkuru z'Ubutegetsi bwa Republika ya 2 n'isano zifitanye mu milimo zishinzwe;
- 2) Uko Prefegitura iteye n'isano ifitanye na Komini;
- 3) Imiterere ya Komini n'imilimo ishinzwe bitewe nuko aliyo shingiro ry'imizamukire y'Igihugu. Turavugaga kandi ibyerekeye imifatanyilize y'Ubutegetsi bwa Komini n'abandi bakozibayifitemo imilimo.

/.....

## II. INTEKO NKURU ZIGIZE UBUTEGETSI BWA REPUBLIKA YA 2 N'ISANO ZIFITANYE.

### A. Ubuyobozi bwa Republika.

Prezida wa Republika niwe mutegetsi mukuru w'Igihugu, ninawe muyobozi wa Komite iharanira amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu. Niwe mukuru w'Inama ya Leta; ahuza imilimo ishinzwe Inteko nkuru za Republika kandi akaba n'umuyobozi mukuru w'Ingabo z'Igihugu.

Kubera ko Inteko ishinga Amategeko yasheshwe n'Itangazo ry'Abategetsi bakuru b'Ingabo z'Igihugu ku munsu wa 5 Nyakanga 1973, Prezida wa Republika afite ububasha bwo gushinga amategeko yitwa amategeko-teka, ayacishije mu nama ya ba Ministri. Hali n'indi milimo Prezida wa Republika ashinzwe isobanurwa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

### B. Komite iharanira Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu.

Iyo Komite niyo shami ry'Ubutegetsi likulikira Prezidansi ya Republika nkuko byasobanuwe n'Itegeko-teka ryo kuwa 31 Mutarama 1974. Igizwe na ba Ofisiye bakuru 11 b'Ingabo z'Igihugu. Akamaro kayo ni ako gufasha no kugira Umukuru w'Igihugu inama mu milimo ashinzwe. Bamwereka ibigomba cyangwa se ibikwiye gukorwa mu buryo buhuje na Politiki rusange y'Igihugu.

### C. Gubernema (Leta ya Republika ya 2)

Kugira ngo Politiki ya Republika ya 2 idahera mu magambo gusa, Prezida yashyizeho Ministeri 13 kugirango ba Ministri yazihaye bamufashe kugaragaliza iyo Politiki mu bikorwa;

Dore mu magambo avunaguye uko imilimo ya buli Ministeri isobanuwe muli Diskuru-Programu yo ku munsu wa 1 Kanama 1973.

#### 1. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta ishinzwe

kumenya no kugarura ituze n'amahoro mu gihugu kuko alibyo shingiro ry'amajyambere; ishinzwe kandi kwita ku bakozi ba Leta kugira ngo buli wese akorane umwete imilimo ashinzwe.

2. Ministeri y'Ingabo z'Igihugu ishinzwe kureba icyahunganya imipaka y'Igihugu no guhesha abaturage amahoro n'umudendezo.

3. Ministeri y'Ubucamanza ishinzwe kwamagilira kure icyitwa akarengane n'urugomo mu baturage. Niyo mpamvu abayishinzwe bagomba kureba ukuntu Leta n'Inkiko byafashanya mu kurwanya urugomo n'akarengane, kandi bakagenzura n'imikorere y'Inkiko ubwazo.

4. Ministeri ya Pla n'Umutungo w'Igihugu ishinzwe gutegura Programu ikwiye gukulikizwa mu guteza Igihugu imbere muli byose. Ishinzwe kandi kwiga no kureba imimerere n'ingano y'umutungo w'Igihugu uli mu butaka kugira ngo uzakoreshe mu bifitiye Igihugu akamaro.

/.....

5. Ministeri y'Ubuuzi n'Ubufatanye bw'abaturage ishinzwe kureba ibyerekeye imizamukire y'abaturage ku misozi n'imifatanyilize yabo. Nukuvuga ibyerekeye ubujijuke, imilimo n'ubwiteganyilize bw'abakozi, za koperative, imyubakire ya kijyambere, n'ibindi... Iyo Ministeri ishinzwe kandi ibyo kuvura abaturage.

6. Ministeri y'Imali n'Ubukungu ishinzwe:

- kurwanya fraude;
- kwiga ukuntu amafranga aguzwe yatangwa mu buryo buboneye (la répartition rationnelle du crédit);
- kugenzura ubucuruzi bw'ibintu bili mu gihugu nubw'ibijya cyangwa se ibiva mu mahanga;
- gutuma ubukungu bw'Igihugu bwiyongera ntidukomeze kubutegekamo n'abanyamahanga;
- gufasha abacuruzi b'abanyarwanda kuzamura ubucuruzi bwabo kandi bagashobora gufatanya na bagenzi babo b'abanyamahanga;
- kwiga ibiciro bibonereye bese;
- kureba uburyo imfashanyo duhabwa n'abanyamahanga yatugilira akamero haba mu mishinga igomba kurangizwa, byaba gutoza abanyarwanda imilimo imwe n'imwe bataramenyera;
- kwilinda kurenza amafranga yagenwe gukoreshwa (kutarenza bije yemejwe);
- guteganya neza amafranga yinjira n'asohoka no kureba uburyo buboneye bwo gusoresha no kugenzura imisoro yakiriwe;
- kugenzura uko ibintu n'amafranga ya Leta bikoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsi.

7. Ministeri y'Ububanyi n'Ubufatanye n'Amahanga ishinzwe:

- kwita k'umubano mwiza n'ibihugu bikikije u Rwanda, ibya OUA n'ibindi bihugu byose bidufasha;
- kwita kubyerekeye ubufatanye n'amahanga byose.

8. Ministeri y'Amatangazo ya Leta ishinzwe:

- kumenyeshya abaturage imishinga y'amajyambere bafiteho uruhare, kugira ngo bakore bumva ibyo bakora iby'alibyo;
- kwigisha abakozi bayo umwuga wo kuvuga amakuru mu buryo bwa gihanga;
- kubara amakuru akomotse ku buhanga n'umuco-karande by'abanyarwanda.

9. Ministeri y'Uburezi ishinzwe:

- kwiga programu nshya y'inyigisho zihuye n'igihe Igihugu kigezemo, cyane cyane programu y'amashuri abanza;
- gutegura ibikoresho by'amashuri ishingiye kuli programu nshya.

10. Ministeri y'Urubyiruko ishinzwe:

- kwita k'urubyiruko rudakulikira inyigisho, ari urwigeze mu mashuri cyangwa urutarahigeze;
- kurutegulira programu rugomba gukulikiza kugira ngo rufatanye n'abandi abaturage gutsura amajyambere y'igihugu. Iyo programu izibanda kubyerekeye ubuhinzi, imyuga, za koperative n'imikino.

/.....

II. Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ishinzwe:

- kurushaho kwiyegereza abahinzi ibacengezamo uburyo bushya bwa gihanga mu by'ubuhinzi;
- guha ba moniteurs agricoles inyigisho zihagije kugira ngo bashobore gucengeza ubwo buryo bushya mu bahinzi;
- gutuma umwero wiyongera ishyingiraho ubulyo bwa gihanga buhuje n'igihe tugezemo (gukoresha ifumbire, kurwanya isuri);
- guhingisha imbuto ngandura-bukungu kuko zituma ifaranga ry'Igihugu ryongera agaciro;
- kureba ukuntu hashyiraho ibigega bihunikwamo imyaka ngandura-rugo;
- gutoza abatunzi ubworozi bwa kijyambere no kureba ukuntu ibikomoka ku matungo byagilira umworozi akamaro.

12. Ministeri y'Amaposita na Komunikasiyo ishinzwe:

- gutuma inzandiko, udupfunyika, za telegramu bigera mumpande z'Igihugu cyose no mu bindi bihugu by'isi;
- gutuma telefoni na Otobisi bikwira hose mu gihugu.

13. Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho ishinzwe:

- Gutegura za Pla z'iyubakwa ry'imijyi na za centres nini, kandi ikagenzura niba pla zemewe zikulikizwa;
- Guteganya mu mijyi no muli za centres ahantu abafite amafanga make bashobora kubaka amazu aringaniye aliko atali akajagali;
- Kwita ku mihanda n'ibiraro, byaba ibisanzwe cyangwa ibihangwa.

x            x  
                 x

Mbibukije mu magambo avunaguye imilimo buli Ministeri ishinzwe. Nkuko nigeze kubivuga, buli mpuguke izajya ibaha ibisobanuro birambuye ku milimo ya Ministeri ahagaraliye n'uburyo iteganya gukoresha kugira ngo itunganye Programu ya Leta.

Kubyerekeye Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta ndababwira mu magambo avunaguye imitunganyilize yayo, mbibutse uko Prefegitura iteye n'isano ifitanye na Komini. Kubyerekeye Komini, turaza kuvuga uko nayo iteye, tuvuge imwe mu milimo yayo y'ishingiro, imitunganyilize y'ubutegetsi bwa Komini n'abakozi ba Leta bayikoramo ndetse n'indi miryango.

Mbere y'ibyo byose aliko, raka tubanze tugire icyo tuvuga kubyerekeye Ubucamanza:

/.....

D. Inteko y'Ubucamanza.

Inteko ya 4 nkuru ni Inteko y'Ubucamanza. Nkuko dusanzwe tubizi Inkiko nizo zica imanza, zikarenganura abarengana, zigahana abanyuranya n'amategeko.

Diskuru Programu Nyakubahwa Prezida wa Republika yavuze ku italiki ya 1 Kanama 1973 isobanura ko Ministri w'Ubucamanza, abifashijwemo na Prokurere wa Republika agomba kwita ku mitunganyilize y'Inkiko na Parike kandi akaba nk'ikiraro gihuza Leta n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ububasha bushinzwe gukemura imanza bugizwe muli iki gihe n'ubwoko 4 bw'inkiko zisanzwe n'ubwoko 2 bw'Inkiko zidasanzwe.

Inkiko zisanzwe ni iza Kato (86) iz'Iremezo (10) iz'ubujulire (3) n'Urukiko rw'Ikirenga rugizwe n'imitwe itatu aliyo iyi : Umutwe usesa imanza, Umutwe w'Inama ya Leta n'Umutwe ushinzwe Imali.

Inkiko zidasanzwe n'Urukiko rwa Gisilikari n'Urukiko rw'Ubujulire rwa Gisilikari.

III. UKO MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'ABAKOZI BA LETA ITEYE :

Kugirango iyo Ministeri ishobore gukora neza imilimo ishinzwe, Ministri afite abakozi bamwegereye akoresha, akifashisha kandi ubutegetsi bwa Prefegitura n'ubwa Komini mu kuyobora abaturage.

Iyo Ministeri igizwe n'ibice bibili:

- 1) Igice cy'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- 2) Igice cy'Ubuyobozi bw'Abakozi ba Leta.

Mu gice cy'Ubutegetsi bw'Igihugu hali:

- 1) Sekreteri Jenerali ushinzwe gutanga, kugenzura no guhuza imilimo ikorwa muli icyo gice akabihaho Ministri raporo.
- 2) Ubuyobozi bukuru bw'ibyerekeye Politiki n'Ubutegetsi mu gihugu. Ubwo buyobozi bufite umubare w'abakozi babibufashamo, hanyuma bagashyikiliza raporo Sekreteri Jenerali.
- 3) Ubutegetsi bukuru bw'ibyerekeye tekiniki. Ubwo buyobozi bwita ahanini kwiga imishinga mishya itewe n'igihe tugezemo. Nabwo bufite umubare w'abakozi bashinzwe uwo mulimo, bagashyikiliza Sekreteri Jenerali ibyo bagezeho.

Mu gice cy'Abakozi ba Leta hali:

- 1) Sekreteri Jenerali ushinzwe nawe gutanga, kugenzura no guhuza imilimo y'abakozi bakora muli icyo gice, akita no kubyerekeye abakozi bese bo mu yindi milimo ya Leta.

/.....

Iyo milimo Sekreteri Jenerali ayifashwamo n'ubu-

yobozi 2 :

- 1) Ubuyobozi bwa mbere bushinzwe ahanini kwita ku mategeko agenga abakozi ba Leta;
- 2) Ubuyobozi bwa kabili bushinzwe icyitwa imishahara y'abakozi. Ubwo buyobozi bwombi bufite nabwo umubare w'abakozi basaranganya imilimo.

IV. UKO PREFEGITURA ITEYE, ISANO IFITANYE NA KOMINI.

A. Imiterere ya Prefegitura (Organisation)

- 1) Imiterere ya buli Prefegitura isobanurwa n'itegeko ryo kuwa 15/4/1963 ryerekeye imiterere y'igihugu cya Republika y'u Rwanda;
- 2) Imitegekere ya Prefegitura isobanurwa n'amabwiliza ya Prezida wa Republika yo kuwa 19/9/1969, igasobanurwa kandi n'itegeko ryerekeye imitegekere ya Komini, cyane cyane mu ngingo zaryo zisobanura ihuriro (isano) ry'ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Prefegitura.
- 3) Prefegitura ni umugabane w'Igihugu ugizwe n'umubare uyu nuyu wa za Komini kandi ukagira umurwa (chef-lieu) uturwamo n'Abayobozi bahagaraliye Ubutegetsi bukuru bwa Republika. Prefegitura iyoborwa na Prefe afashijwe na ba S/Prefe babili cyangwa se baruseho hamwe n'Abakozi bayobora imilimo ya gihanga muli Prefegitura. Prefe ahagaraliye Umukuru w'Igihugu, ubwo ni ukuvuga na Ministreri zose. Kubera iyo mpamvu, ashinzwe guhuza imilimo yose ya Leta ili muli Prefegitura, gukulikiza no kubahisha za Politiki ya Leta. Mu magambo avunaguye, Prefe niwe muyobozi mukuru w'imilimo ikorerwa muli Prefegitura. Cyakora, nubwo ahagaraliye Ministeri zose, Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta niwe ushinzwe ahanini kugenzura ibikorwa bye.

Mu kwiga ibibazo bireba amajyambere, Prefe yifashisha inama y'impuguke zili muli Prefegitura; ubusanzwe umubare w'abagize iyo nama usumba uw'abayobozi b'imilimo ya Leta ikorwa muli Prefegitura. Koko kandi abategetsi ba Komini n'undi muntu wese ujijutse, ukora umulimo wa kijyambere babarwa muli uwo mubare.

Amategeko mashya yerekeye ubuyobozi bwa Komini na Prefegitura, azasobanura neza ibyerekeye Inama y'impuguke zigenewe gufasha Prefe cyangwa se Ubutegetsi bwa Komini.

/.....

B. Ihuliro Iya Prefegitura na Komini (isano)

Itegeko-Nshinga Iya Republika lisobanura ko "buli Prefegitura igabanyijwemo za Komini zahawe ubwihagaralire. Ubwo bwihagaralire busobanura ko za Komini, kimwe n'umuntu usanzwe, zifite imilimo zishinzwe, zikagira n'umutungo wazo zigengaho (devoirs et droits). Zifite lero ubwigenge, ariko ubwigenge bulinganiye kuko itegeko liha ubutegetsi bwo hejuru ububasha bwo kugenzura ibikorwa byazo igihe cyose bibayengombwa. Ibyo bisobanurwa neza n'Itegeko ryerekeye imitegekere ya za Komini, livuga ko "Prezida wa Republika cyangwa umusimbura, aliwe ugenzura ibikorwa n'abategetsi ba Komini. Prefe nawe ashobora kwigenzulira ibikorwa n'abategetsi ba Komini akabikemura ubwe cyangwa akabishyikiliza Prezida wa Republika cyangwa se umusimbura we.

Igenzura ry'ibikorwa n'Abategetsi ba Komini ligirwa kuli ubu bulyo bukurikira :

- 1° Kwemera cyangwa gutanga uruhusa rw'ibigiye gukorwa;
- 2° Kubihagaliye cyangwa kubisesa rwose;
- 3° Kubisimbuza ibindi.

Byongeye kandi Prefe cyangwa umusimbura ajenzura Komini zili muri Prefegitura ya nibura kabili mu mwaka.

Iryo genzura rikorerwa raporo yoherezwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta kandi likamenyeshwa n'inama ya Komini ligiliweho.

Nubwo zifite ubwigenge mu milimo no ku mutungo wazo, birumvikana lero ko Komini zidashobora kwirengagiza inama cyangwa se kwanga amategeko zihawe n'ubutegetsi bwo hejuru cyangwa se ngo zange ko bugenzura ibikorwa byazo.

V. K O M I N I.-

A. Iyavaho, Inkomoko, Umubare.

Komini ni umugabane wa Prefegitura utegekwa na Burgumestri n'inama ya Komini igizwe n'umubare uyu nuyu w'Abajyanama.

- Tuzi ko mu mwaka wa 1960, igihugu cyali kigizwe na 5/chefezi 544. Igihe cy'itoro ry'amakomini lyatangiye kuwa 26 Kanama kugeza kuwa 24 Nyakanga, zasubiweho n'Iteka rya Rozida Spesiyali n° 3/60 ryo kuwa 4 Nyakanga, rigabanya umubare wazo, zihinduka Komini z'agateganyo.
- Kuva kuli iryo tora, kugeza kuwa 15/4/1963, igihugu cyali gifite Komini 230. Guhera kuli icyo taliki, Itegeko ryerekeye imiterere y'Igihugu cya Republika ryahyizaho Komini 141, tugifite na nubu.

/.....

B. Uburenganzira n'imilimo ya Komini.

Nkuko twabibonye tuvuga ibyerekeye imiterere ya Prefegitura, Komini ifite ubwihagaralire, kuko ifite imilimo yayo ishinzwe ikagira uburenganzira n'umutungo wayo yigengaho. Ifite nk'imilimo, amashyamba, amatungo, amazu, imihanda, n'ibindi....

Naho mu milimo Komini zishinzwe iy'ingenzi umuntu yavuga n'iyi :

- 1) Iyandikwa ry'ibitabo by'umwirondoro n'iby'ibarura ry'abaturage (état-civil et recensement);
- 2) Icunga ry'umutungo wazo cyane cyane ibyerekeye amafranga n'imyinjilire y'imisoro;
- 3) Kujijura abaturage (information). Kubera ko ahagaraliye Ubutegetsi bukuru muli Komini kandi akaba ali nawe uyiyobora, Burgumestri niwe wa mbere ushinzwe kubwiliza abaturage ba Komini ye gukora, a akabamenyesha amabwiliza aturutse mu bategetsu, akabagira inama kubyerekeye amajyambere yabo;
- 4) Muli Komini Burgumestri niwe uhuza imilimo yose ali iya Komini, ali iya Leta cyangwa itagengwa na Leta iba muli Komini ye (coordinateur de toutes les activités). Ibyo byose ubutegetsu bwa Komini bugomba kubwitaho kugirango Komini itadindirira.

Reka dusuzume mu magambo arambuye imwe muli iyo milimo tumaze gutangaho urugero:

1. Kwandika ibitabo by'umwirondoro n'ibarura ry'abaturage (Tenue de l'état-civil et de recensement).

Nkuko mubizi, umwirondoro bwite w'umuntu bivuga ibimwerekeyeho byose kuva akibuka kugeza igihe apfuye. Naho ibarura ry'abaturage lishingira ku mwirondoro-bwite, ku kwimuka, ku imyaka umuntu amaze avutse, ibitsina, imilimo, amacumbi, n'ibindi...

Umwirondoro-bwite n'ibarura ry'abaturage bituma bamenya uko umubare w'abavuka, abapfa, abashyingirwa, abimuka, abakozi wiyongera cyangwa se ugabanuka. Bituma abashinzwe politiki yo guteganya ibigomba gutunga abantu, abashinzwe iby'uburezi, iby'isuku, iby'inyubako n'imilimo, batunganya umulimo wabo neza.

Kubera ko umwirondoro n'ibarura ry'abaturage bifite akamaro cyane, ba Burgumestri bagomba kumenya ko ali umwe mu milimo yabo yangombwa bagomba kwitaho.

/.....

Kuki uwo mulimo washinzwe ubutegetsu bwa Komini ?  
Nuko alibwo burushijeho kwegera abaturage, basanga alibwo bushoboye gutunganya uwo mulimo. Muli iki gihe état-civil mu Rwanda ntiyandikwa wenda mu buryo bwa tekhnike ihagije nko mu bindi bihugu, aliko sicyo cyatumye tuyiterera icyo.

Muli iki gihe état-civil yandikwa mu buryo bwo-roheje bukukira :

Ibitabo by'abavuka dukoresha muli iki gihe byerekana :

- 1) Umubare w'impinza zanditswe (n° d'ordre)
- 2) Amazina, ay'idini n'amahimbano
- 3) Igitsina,
- 4) Italiki yavukiyeho,
- 5) Amazina ya se na n° ye ya resansema,
- 6) Amazina ya nyina,
- 7) Ubwoko,
- 8) Umurenge atuyeho,
- 9) Ibyitonderwa.

Ibitabo by'abapfuye byerekana:

- 1) Umubare w'abapfuye (n° d'ordre)
- 2) Amazina, ay'idini n'amahimbano y'uwapfuye,
- 3) Igitsina,
- 4) Italiki yafiliyeho;
- 5) Amazina ya se na nyina;
- 6) Ubwoko;
- 7) Umurenge;
- 8) Numero y'igitabo cy'ibarura (recensement)
- 9) Amazina y'umugabo cyangwa umugore,
- 10) Italiki yavukiyeho,
- 11) Numero y'igitabo cy'abavuka,
- 12) Numero y'igitabo cy'irimbiri.

Ibitabo by'abashyngirwa byerekana :

- 1) Umubare w'abashyngirwa
- 2) Amazina n'ay'idini y'abashakanye,
- 3) Italiki basezeraniyeho,
- 4) Italiki y'amavuko,
- 5) Amazina y'uwo bashakanye mbere,
- 6) Umubare w'abana,
- 7) Aho yaratuye mbere,
- 8) Aho yatuye amaze gushaka,
- 9) Numero y'indanga-muntu,
- 10) Ubwoko,
- 11) Inkwano,

/.....

- 12) Numero ya gitansi,
- 13) Imikono y'abashakanye,
- 14) Amazina y'abagabo,
- 15) Umukono w'abagabo,
- 16) Umukono wa Burgmestri.

Kubyerekeye risansima ubwago, dore uburyo bukuliki-  
zwa muli iki gihe kandi bushingiye ku itegeko ryo kuwa 19 Gashyantare  
1964 ryerekeye ibarura, indanga-muntu, n'iyimuka ry'abanyarwanda:

- 1) Ibarura rikorerwa abafite imyaka 16. Ntawe urenza iminsi 30 ikulikira  
uwo yujujeho imyaka 16 ataliyandikisha,
- 2) Iyandikwa likorerwa ku mafishi no mu gitabo rusange, nyuma uwanditswe  
agahabwa indanga-muntu. icyakora abana batarageza ku myaka 16, bago-  
mba kwandikwa ku mafishi n'indanga-muntu z'ababyeyi cyangwa ababasim-  
bura,
- 3) Nanone, itegeko liteganya ko iyandikwa lishobora kuba mu gihe cy'iba-  
rura rusange ryateganyijwe na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu. Ku-  
geza ubu iryo barura ntilirabaho kuko ritwara byinshi.

Dore uko amafishi n'igitabo cy'ibarura ry'abaturage  
biteye muli iki gihe:

- a) Ifishi : 1° Numero,
- 2° Umwanya w'ifoto,
- 3° Amazina
- 4° Amazina ya se na nyina,
- 5° Ubwoko,
- 6° Italiki naho yavukiye,
- 7° Umurenge atuyeho,
- 8° Komini,
- 9° Prefegitura,
- 10° icyo azi gukora (umwuga),
- 11° Amazina y'umugabo,
- 12° Amazina y'umugabo
- 13° Numero y'ifishi,
- 14° Italiki ifishi yandikiweho,
- 15° Amazina y'abana n'igihe bavukiye n'igitsina cyabo
- 16° Italiki yimukiyeho ava muli Komini.....Prefegitura  
ya..... N'igihe yagereye muli Komini.....Prefegitura ya  
.....
- 17° Ibyitonderwa,
- 18° Kashe n'umukono w'ushinzwe resansema.
- b) Igitabo rusange cyandikwamo abaturage giteye gitya:
- 1. Numero,
- 2. Amazina, /.....

3. Igihe yavukiye
4. Amazina ya se na nyina
5. Umubare w'abagore n'uw'abana (gutandukanya abahungu n'abakobwa n'ab'indagizo ukulikije igitsina),
6. Umubare w'inka, ihene, intama, ingurube, inkoko, ikawa,
7. Imisoro,
8. Ibindi.

c) Iqitabo cy'abimuka giteye qitya:

1. Numero,
2. Amazina,
3. Igitsina,
4. Igihe yavukiye,
5. Aho yavukiye,
6. Igihe yimukiye ava muli Komini,
7. Etat-Civil,
8. Umurenge aturukaho,
9. Aho azatura,
10. Ubwoko,
11. Abana afite,
12. Numero y'indanga-muntu,
13. Ibindi.

d) Iqitabo cy'abinjira giteye qitya:

1. Numero,
2. Amazina,
3. Igitsina,
4. Igihe yavukiye,
5. Aho akomoka,
6. Aho yavukiye,
7. Etat-Civil,
8. Ubwoko,
9. icyo azi gukora,
10. Igihe yagereye muli Komini,
11. Umurenge atuyeho,
12. Numero y'indanga-muntu,
13. Abana afite,
14. Ibindi.

Ba Bwana Burgmestri, Ba Chefs de services,  
muli iki gihe ibyo dusaba gukora kubyerekeye etat-civil n'ibarura ntibi-  
ruhaniye cyane.

Mu mabwiziro n° 1.272/APA/Hec. ryo kuwa 24  
Nyakanga 1972 Ministri butegetsi bw'Igihugu n'Ubucamanza yohere-  
reje ba Burgmestri bose, yasabye ko hashyirwaho uzafasha umukarani wa  
Komini na Burgmestri kuzatunganya iyo milimo. Nyamunyakurukira iyo dusuzumye  
/.....

imibare batwoherereza dusanga idahuje, indi ikavuguruzanya; kutohereza ibyo dusaba, n'amakosa ~~tujya~~ tubona mw'igenzura, byerekana ko uwo mulimo wa ngombwa utitaweho kugez'ubu. Kubera iki? icyo n'ikibazo mbajije ba Burgumestri bali aha.

## 2. Imicungire y'umutungo wa Komini.

Undi mulimo ngombwa Komini zishinzwe kandi ureba Ministeri izigenzura ni imicungire y'umutungo wa Komini. Birazwi ko nkuko abantu bagira ibyo batunga, Komini nazo zigira ibyo zitunga.

Uwo mutungo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa Komini ishobora kubona ibiguze, cyangwa se ibiherewe ubuntu. Birazwi kandi ko Komini igomba kugira aho ikura amafanga kugira ngo ifate neza uwo mutungo, ihembe abakozi bayo kandi igure n'ibikoresho bya ngombwa bituma imilimo yo mu biro igenda neza.

Amafanga Komini ikoresha aturuka ahanini ku igulisha rya bimwe mubyo itunze, za tagisi z'ubwoko bwose, k'ubukodeshe bw'ubutaka n'amazu, ku nyungu z'amafanga yabikije, kuyo yagujije, ku mpano n'imirage, no ku mfashanyo Leta ishobora kuyiha.

Uburyo bwo gufata neza umutungo wa Komini cyane cyane ibyerekeye amafanga, bikubiye mw'itegeko ryerekeye imitegekere ya Komini no mw'itegeko rusange ryerekeye kontabilite ya Komini.

Nubwo twasanze bidashoboka gusobanulira hano tekunike ya kontabilite ireba cyane cyane ba Kontabule, cyakora ni byiza kubibutsa zimwe mu ngingo zerekeye imicungire y'ibintu n'imali ya Komini.

Bikunda kugaragara kenshi ko bamwe muli ba Burgumestri batekereza ko ifatwa neza ly'ibintu bya Komini cyane cyane ibyerekeye amafanga bireba ba Kontabule bonyine. Alike kandi itegeko ryerekeye imitegekere ya Komini mu ngingo yaryo ya 61 livuga ko ubuyobozi bwa Komini bushinzwe Burgumestri ubwe; ingingo ya 96 .

Ikavuga ko ibintu Komini yihaliye bitegekwa na Burgumestri, ninawe umenya kandi ulinda umutungo w'abaturage bose.

Nanone nkuko bivugwa mu ngingo ya 126, ni Burgumestri utegura ingengo y'amafanga azakoreshwa, uko azava mw'isanduku ajya muyindi kandi kuburyo haboneka andi mafanga yiyongera. Ibyo abyereka Inama ya Komini, kugirango ibyemeze cyangwa se igire icyo ibihinduraho.

Itegeko rusange ligenga Kontabilite ya Komini livuga litya mu ngingo zikulikira:

/.....

56 mu kwezi gukulikira igihembwe gishize, kontabule agaragaza uko amafranga yinjiye mul'icyo gihembwe.

Ilyo garagazwa likorerwa ku mpapuro enye, rumwe rukoherezwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu runyuze kuli Prefe, ali nawe uhabwa urwa kabili, urwa gatatu rugenewe Burgumestri uzarwerekana mu Nama ya Komini kugira ngo ibisuzume.

71; Amafranga asohoka agenwa na Burgumestri wenyine.

Nkuko mu bibona'izo ingingo zonyine zo mw'itegeko ryerekeye imitegekere ya Komini no mw'itegeko rusange ligenga kontabilite ya Komini zerekana kuburyo buhagije ko Burgumestri aliwe uhinzwwe gucungira umutungo wa Komini.

Mu magambo ahinnye, Burgumestri ashinzwe :

- 1) Kugira igitabo cyanditse umutungo wa Komini,
- 2) Agomba kumenya uko amafranga yinjiye mu gihembwe,
- 3) Agomba gutegura umushinga w'amafranga yinjira n'akoreshwa,
- 4) Niwe wenyine ufite ububasha bwo gusohora amafranga yateganyijwe muli bije (budget)
- 5) Agomba gushyira umukono ku mpapuro zerekana uko amafranga yinjiye nuko yasohotse mu mwaka, akazishyikiliza Prefe kugirango zemerwe.

Kubera ko Kontabule aliwe ushinzwwe kwakira za tagisi n'imisoro, ba Burgumestri batali babizi bagomba kumenya, ndetse n'abali barabyibagiwe bakibuka ko, buli gihe, nkuko aliwe ushinzwwe ubutegetsi bwa Komini, Burgumestri agomba kumenya ko umutungo wa Komini ugomba kugira aho wandikwa, agakulikira uko amafranga yinjira nuko asohoka. Kumenya ibyinjira n'ibisohoka bizamufasha kumenya niba amafranga ali yose cyangwa abuze.

Kubera ko muli'iki gihe ntagutinya kubura amajwi (mw'itora) mu gihe musoresheje, mukakira na za tagisi zagenwe n'amategeko, mugomba guhora mwibuts'abaturage ko bagomba gusora buli gihe no gufasha Kontabule kwakira umusoro mu buryo butaruhanyije

Komini idafite amafranga ntacyo yakwamulira. Republika ya Kabilu isaba ko buli muturage ndetse na buli wese ushinzwwe ikintu cya rusange yafatanywe n'abandi mu ukuzamura Igihugu, izagushima cyangwa izakugaya ikulikije ibikorwa byawe.

Sinarangiza aya magambo yerekeye icunga ry'umutungo wa Komini ntabibukije ko niba za Komini zimwe na zimwe zikenye, ibyo biterwa ahanini n'amafranga yibwa, naza B.P. zuzuye mu masanduka ya za Komini. Mugomba gukora uko mushoboye kose mukagaruza amafranga ya Komini afitwe n'abantu bayatwaye mu buryo butali bwo. Za Komini nazo zigomba kwishyura imyenda yose zilimo, imigabane ya leta iva ku misoro, amafranga yerekeye isanduka y'ubwiteganyilize bw'abakozi.

/.....

3. Imibanire y'Abategetsu ba Komini n'abandi bakozi bakorana n'abaturage.

1) Umubano n'imilimo y'abategetsu ba za Komini mu abaturage.

Umubano hagati y'abaturage n'abategetsu

ba Komini ggomba gushingira kuli izi ngingo zikulikira :

Abategetsu ba Komini bagomba kwifata kibyeyi mu bikorwa byabo. Ni ukuvuga ko mu buzima bwabo bwite no mu mitunganyilize y'akazi bagomba kubera abandi urugero. Urugero : Igihe babwira abaturage kurwanya nyakatsi inama ya Komini na Burgmestri bagomba kubanza gutunganya amazu yabo, n'ibindi...

Abategetsu ba Komini bagomba kwigisha abaturage uburyo bwo gutera imbere mu majyambere babumvisha ibyabafasha kuzamuka vuba .

Abaturage bagomba guhora bamenyeshwa imishinga y'ibikorwa bigenewe kubateza imbere kugira ngo nabo bashyireho akabo, bakulikiza imigambi n'intego ya Republika ya kabili.

Abategetsu ba Komini bagomba gushyigikira ibikorwa byatangiwe n'abaturage mu ma Komini yabo, no gushakashaka ibindi bikorwa <sup>bishya</sup> byabagilira akamaro. Birumvikana ko atali abategetsu gusa bashinzwe imizamukire y'Igihugu. Abaturage bagomba kwiyumvisha ko ingufu zabo alizo zizabafasha gutera imbere mu majyambere.

2) Imibanire y'Abategetsu ba Komini n'abakozi bakorana.

Komini zimwe zifite amahirwe yo kugira abakozi ba Leta bazikoreramo. Ahanini bakora imilimo ya tekiniki idahuje, kandi bagategukwa n'izindi Ministeri.

Dore nk'urugero : abakozi bashinzwe iby'ubuvuzi, iby'ubuhinzi, abavura amatungo n'abandi. Amabwiliza agomba gukukizwa mu byerekeye imibanire yabo bakozi n'abategetsu ba Komini ndetse n'aba Prefegitura, akubiye mu nyigisho n° 3696/Cab/APA yo kuwa 26 Ukuboza 1962 Ministeri w'Ubutegetsu bw'Igihugu yoherereje ba Prefe na ba Burgmestri. Nkuko ahagaraliye ubutegetsu bukuru muli Komini kandi akaba ahanawe ushinze ubuyobozi bwa Komini, Burgmestri niwe usanganya ibikorwa byose bikorwa muli Komini ashinzwe.

/.....

Abashinzwe imilimo muli Komini bagomba kumumenyeshya imishinga bagamije. Agomba kubagira inama, agakora uko ashoboye kose kugirango imishinga yamewe izashobore kurangizwa.

Tutagombye gusubira mu inyigisho tumaze kuvuga kandi ikiliho muli za Sekretariya zanyu, byaba byiza tubibukije iby'ingenzi biyilimo :

a) Buli wese agomba gukora uko ashoboye imilimo ashinzwe ntiyivange mu ibitamugenewe.

Ibyo se bivuga ko buli wese agomba gukora ukwe akaba nyamwigendaho? Oya! gufatanya ni ngombwa ndetse byanditse mu ntego yacu. Aliko ubwo bufatanye bugomba kumvikana neza. Ugomba kumenya ko mu butegetsi bwose kimwe no mu miryango y'abantu bali hamwe, habaho Abakuru bashinzwe kugenzura uko imilimo ikorwa no kugirango akarere aka n'aka kagere ku ntego yako.

Uwo mukuru aha buli wese mubo ashinzwe umulimo uyu n'uyu kugira ngo utungane. Ni ngombwa ko ibice byose by'uwo mulimo bikorwa n'abakozi babishoboye, batazasenya ibya mugenzi wabo bitewe n'ubwumvikane buke. Aliko kugirango ibyo twavuze bigerweho, ni ngombwa ko buli wese amenya neza umulimo ashinzwe, akamenya n'ububasha bwe aho bugarukira. Nta mukozzi n'umwe wo mu butegetsi ushobora kumira icyo ageraho nyakuli atazi ibyo.

b) Icyo kabili cya ngombwa ni ukwikosora no gushyira mu gaciro mu mibanire y'umukozzi n'abagenzi be.

Iyo myifatire igomba kugaragara cyane cyane ku bategetsi no mu bakozzi bo m'urwego rukuru, bahora bahura n'abagenzi babo badahuje akazi. Mu gihe buli wese muli mwe azahora atekereza ibyo byangombwa byose uko ali bibili, azashobora kurangiza ibibazo byose byerekeye imibanire ye n'abandi.

3) Imibanire y'Abategetsi ba Komini n'abayobozi b'imiryango n'amasosiyete yigenze.

Muli iki gihe dushobora gushyiramo imiryango y'amadini, imiryango ifitanye isano na Leta nka O.C.I.R., Regideso, I.S.A.R., Banki y'Igihugu, imiryango y'abacukuzi, n'ibindi...

Abategetsi bagomba kwita ku mibanire bafitanye n'ibyo bice. Birumvikana ko ba Prefe na ba Burgmestri badafite ububasha bwo kwivanga mu mitegekere bwite bw'iyi miryango n'ayo masosiyete. Abahagaraliye iyi miryango n'amasosiyete bafite uburenganzira bwo gucunga ibyabo uko bisahakiye bapfa gusa kutanyuranya n'amategeko ya Leta cyanga se ngo bahungabanye umutungo wa Republika. Ba Prefe na ba Burgmestri bategetswe gushyikirana nabo no kumenya ibyo bakora. Uwo mushyikirano uzabatera inkunga kandi urushaho kwongera umubano.

/.....

Haramutse havutse impaka hagati y'abakozi bamwe biyo miryango n'abategetsi b'akarere imiryango ilimo, abo bategetsi basabwe kudahungabanya umubano ahubwo bakagerageza gukemura impaka babinyujije k'uhagaraliye uwo murungu cyanga sosiyete. Mu gihe impaka zitarangiliye aho, bigomba kumenyeshwa Ministri ubifitiye ububasha.

4) Ibindi.

Ba Bwana Burgmestri, ba Chefs de service kubera ko Komini aliyo shingiro ry'amajyambere mu bukungu no mu mibereho y'Abatura-Rwanda, dusanga biruhaniye muli iki gihe gito iyi nama igomba kumara, kurondora no gusesengura imilimo yose ireba Komini.

Mbere yo kurangiza iki kiganiro, ndibutsa abashinzwe ubutegetsi bwa Komini izindi ingingo ebyili z'ingenzi zituma ubwo butegetsi bugenda neza. Ni izerekeye inzandiko z'ubutegetsi n'ikulikizwa ly'inyigisho n° 253/JUST yo kuwa 22 Werurwe 1967 ya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Ubucamanza yerekeye uburyo bwo gukemura impaka hagati ya Komini n'abandi bantu.

a) Ibyerekeye inzandiko z'Ubutegetsi:

Inzandiko ni igikoresho cy'ingenzi kuko abantu babasha kumvikana batagombye gukora ingendo ndende. Akamaro kazo n'uko ibibazo byatanze mu nyandiko birushaho gukiranurwa neza kandi bikabikikana neza kurusha ibirangizwa mu mvugo.

Za raporo zireba ibyataye muli Komini, Prefegitura, imishinga igamije kuzamura Komini, ibyo byose bitangwa muli iki gihe mu nyandiko. Inyandiko ni uburyo bw'ingira-kamaro kugirango umuntu avugane n'abandi. Komini iyobowe n'umutegetsi utagira icyo yandika, nti-menyekana.

N'ubwo tubasaba gukoresha ubwo buryo bw'ingenzi igihe ali ngombwa, ba Burgmestri bagomba kumenya amwe mu mategeko akoresha mu nzandiko :

1°- Mu gihe wandika urwandiko cyangwa raporo y'ubutegetsi, ugomba kwita ku cya ngombwa kandi ukilinda gusubira mu byo wamaze kwandika cyangwa se bidafitanye isano n'icyo wandika,

2°- Inzandiko na za raporo bigomba kwandikanwa isuku. Ntizigomba kuba zisibabwaho, kandi byashoboka ukandika mu rulimi uwo wandikira yumva,

3°- Tumaze kubona ko inzandiko zihuza abantu cyane cyane abategetsi bo mu nzego zose, abategetsi ba Komini bagomba kwandika igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo bamenyeshe abategetsi babigenewe ibibazo bafite. Tuboneyeho akanya ko kubibutsa ko gusubiza inzandiko bitagomba guhalirwa gusa umukarani wa Komini. Burgmestri agomba gufata iminsi ibili cyangwa itatu mu cyumweru agakora akazi ko mu biro, cyane cyane agasubiza inzandiko kandi agakora za raporo.

/.....

4°- Buli rwardiko, buli raporo ireba imitegekere ya Komini yoherejwe umuryango wikorera, cyangwa se Ministeri, igomba kunyuzwa kuli Prefe, kugirango igihe ali ngombwa ashyireho icyo abitekerezaho..

5°- Urwandiko rwose rusohotse cyangwa se rwinjiye muli Komini rugomba kwandikwa mu gitabo kugirango bizorohereze abazarukenera hanyuma. Kwandika mu gitabo n'uburyo bwo korohereza ubika inzandiko n'izindi mpapuro mu gihe cyo kuzishaka.

6°- Akamaro ko kubika inzandiko zinjiye na kopi z'izisohotse hamwe n'amabwiliza, n'uko bizoroha mw'ishaka ry'inzandiko zifitanye isano n'ibibazo bivuka.

b) Ikemura ry'impaka Komini zifitanye n'abandi bantu.

Muwa 1967, Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yasanze za Komini zikunda gutsindwa n'ianza zifitanye n'abandi bantu. Kubera izo mpamvu amafanga menshi yaratakaraga. Burgmestri cyangwa umujyanama wabaga ahagaraliye Komini mu rubanza ntiyabaga azi ingingo azaburanisha kuko yabaga atateganyije cyangwa se atateguye bihagije uburyo bwo kwiregura arwana ku mutungo wa Komini, ibyo bigatuma hatakara byinshi.

Niyo mpamvu yatumye Ministri yohereza ba Burgmestri bese inyigisho n° 252/Just. yo kuwa 22 Werurwe 1967 abasaba kujya banza kumwoherereza ianza Komini ziregwa kugirango ajye abanza kugira icyo azivugaho mbere yo kujya mu rukiko.

Ayo mabwiliza agikulikizwa kugeza ubu, akubiyemo ibi bikulikira :

Iyo Komini ireze umuntu cyangwa iyo aliwe uyireze mu rukiko, Burgmestri agomba kubanza gukora ankete kugirango amenye aho ikirego gishingiye. Ibyo birangiye, ashyikiliza inama ya Komini ibyo yagezeho kugirango irebe niba Komini ifite ingingo zihagije kandi ishyireho uzayiburanira.

Imyanzuro yose n'ibyemejwe n'inama ya Komini mu byerekeye imanza, bimenyeshwa Ministri kugira ngo nawe agire icyo yongera ku ngingo zizaburanishwa kandi kugira ngo ahe Komini ububasha bwo kuburana. Niba abona ko Komini izatsindwa, azabagira inama yo kubirangiza batagombye gukururana mu manza zita igihe.

N'ubwo Komini yaba yahawe uburenganzira bwo kuburana hanyuma igatsindwa, igasanga kandi igomba kujulira, ni ngombwa kwongera kwohereza Ministri ingingo nshya izitabaza; byamara kwongera gusuzumwa, Ministri akabaha uburenganzira bwo kujulira. Ubwo buryo buzakomeza gukulikizwa niba Komini ishaka kujya mu Rukiko rw'Ikirenga.

Ubwo buryo bwose bwashyiliweho gufasha za Komini gutegura neza ingingo zo kwiregura.

/.....

- 18 -

Cyakora nta na limwe Komini ishobora kubuza imanza gucibwa cyangwa se ngo iryamire umuntu mu byo afiteho uburenganzira. Niyo mpamvu igihe Burgmestri abonye urwandiko ruhamagara Komini kujya kuburana n'umuturage, agomba kwoherereza Ministri bidatinze ankete na kopi y'urubanza (niba rwaligeze kuburanwa).

#### VI. UMWANZURO.

Ba Bwana Burgmestri, ba Chefs de Service, muli iki kiganiro maze kubagilira ku byerekeye umwanva w'ubutegetsi mu mizamukire y'Igihugu, nababwiye mu magambo make imiterere y'ubutegetsi bwa Republika y'u Rwanda muli iki gihe. Mbabwira imwe mu milimo buli shami ry'ubutegetsi lishinzwe. Ndatekerezako ko rya jambo twatangiliyeho tuvuye ko Ubutegetsi bubereyeho kwita kumizamukire y'Igihugu no guteza abaturage imbere lyarushijeho kumvikana.

Ubutegetsi bubereyeho koko kwita ku bifitiye abaturage akamaro byose.

Abakozi bose ba Leta bagomba gushyira hamwe imbaraga zabo bihatira gutunganya imilimo bashinzwe.

Niyo Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali-Majoro HABYARIMANA Yuvenali, yatubwiye muli Diskuru yavuye ku munsi w'ishingwa rya Leta kuwa mbere Kanama 1973, agira ati :

"Ushinzwe Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu <sup>ababwira</sup> n'Abakozi ba Leta azabihanangiliza ko Igihugu kibavunikira kibahemba, gikeneye ko bakorana umwete imilimo bashinzwe".

"Ntidushobora kuzihanganira ubunabweli bwali bumaze kuzamya imitegekere y'Igihugu mu gihe gishize.....Buli mukazi wa Leta agomba kwihatira gutunganya umulimo ashinzwe. Uzungura abandi ibitekerezo byiza azabishimirwa, uzaba yibeshye nawe bazamwereka inzira nziza....."

-----

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Kera umuntu yabonaga ashaje cyangwa agiye gupfa akabwira abana be cyangwa abo bava inda imwe ati muzampambe aha n'aha. Nk'ubu umuntu aje akambwira ati ngomba guhamba Data mu rugo rwe namusubiza ngw'iki?

Bwana NDAGIJIMANA ati:

Icyo kibazo ni cyiza n'abandi bagiye bakibaza. Ibyo byo kuraga barabikoraga koko, aliko amategeko aza kubibuza kubera ko batacukuraga umwobo uhagiye cyangwa bagapfa kujugunyanga abapfu aho babonye. Ubu, uwaba yujuje ibyangombwa byose, yasaba uruhushya ubutegetsu bwa Komini nubwa Prefegitura akaruhabwa.

Bwana Diregiteri w'Isuku ati:

Hali ibintu byinshi byakozwe muli Komini Ngenda nka Dispenseri amashuri n'ibindi none byahezaho ntibikorera; nta buryo byashakirwa umuti?

Bwana NZAMWITA ati:

Icyo kibazo ndabona atali jye wagisubiza gusa, abakuru b'imilimo babigenewe babimfashamo.

Bwana Diregiteri w'Ibitaro ati:

Ubundi iyo Dispenseri ijya kubakwa, babanza kwereka Plan yayo Ministeri y'Ubuvuzi; iyo ibemereye ubwo itangira guteganya ibikoresho n'abakozi bazahakora. Abaturage nibo basaba imfashanyo; sinumva ukuntu O.B.M. yagiye kubaka ibyo byose bidakenewe kandi itabimenyeshije ababigenewe.

Bwana Diregiteri wa Secteur-Médical ati:

Iryo vuliro ry'i Ngenda lirazwi. Nakoreye Ministri raporo ambwira ko azoherezayo umukozi kimwe niry'i Kanzenze uretse ko nta macumbi ahali; dutegereje abazasohoka ubu.

Bwana Prefe ati:

Ndasaba ko abafite projet, bajya babimenyeshya abategetsi b'akarere iyo projet izakorwamo aho kubishyira aho babonye mu bihuru hatagerwa n'abantu kandi natwe tugira ibyo tugamiye (programmation) nko muli za peyizana cyangwa ukuntu Leta itegeka A.I.D.R. gutanga amazi.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Amagambo tumaze kumva ni meza cyane aracengeye aliko kuzayakulikiza nibyo bikomeye. Dukwiye kubwira abaturage icyo bakora kibafitiye akamaro bitali ukurya gusa kandi tugakorana nabo. Iyo bahinze byinshi bikabura aho bigulirwa bibaca intege cyangwa ku giciro kidahwanye n'imvune bagize. Nsanga kubumvisha gusa bidahagije hakwiye kubaho n'itegeko.

Bwana Diregiteri w'Isuku ati:

Hali uburyo buteganijwe bwo gukoresha abaturage?

Ibihe creuses n'ibihe? N'iki bagomba kubikoramo?

Bwana NZAMWITA ati:

Tugomba kongera imilimo niyo ntego yacu twese. Abasore benshi bigize amabandi bakanga gukorera hamwe ikintu cyabaha ikibatunga n'amafaranga. Muzi mwese Camp Jeunesse Bugesera, abasore bahigira imyuga myinshi maze bagaruka iwabo ugasanga barataye umuco wa kibandi basigaranye uwo kungura Igihugu nabo batiyibagiwe. Kweza byinshi bidafite abaryi ntacyo bimaze, tugomba kubanza kureba niba tuzabona abaguzi ndetse byahimbaza hakaba haba usine. Ntawe uyobewe CONFIGI n'izindi rkayo.

Ibihe creuses ninkiby'impeshyi nta hinga liliho. Aho kunywa ibigage gusa bagakora nk'imihanda.

Bwana Inspegiteri w'Imilimo ati:

46

Ubundi nalinzi ko abanyarwanda bazi guteganya none wowe nunvisse ubihinyura: vivre au jour le jour; ibyejo bibara abeje; amavuta y'umugabo namuraye k'umubili; ntiwambwira ikigutera iyo migani yose?

Wongeye ngw'imibereho y'abanyarwanda ba kera ntikwiye kubaho kandi jye mbona hali ikwiye kugumaho; urabona igumyeho halicyo yadindiza ku majyambere?

Bwana NZAMWITA ati:

Wabigize ibibazo bibili aliko bikubiye muli kimwe. Umunyarwanda yazigamaga itungo, agatera ishyamba n'ibindi byagira akamaro mu gihe kili imbere; ibyo byerekana ko yarafite igitekerezo cyo kuzigama. Hali n'undi ubika amafaranga ye mw'ihembe kandi wamubwira uburyo bwiza bwo kuzigama ntabwumve kandi bwagilira mugenzi we akamaro (crédit) bitaretse Igihugu cyose. Nicyo gituma hagiye kuza uburyo bwo kuzigama no kuguza (système d'épargne et de crédits) ku mirenge.

Bwana MUZIGANDONYI ati:

Hagomba igihe kingana iki ngo Koperative ibe ishinze imizi?

Ubundi ushinzwe ibya Koperative mul'iyi Prefegitura ni nde ko hali benshi babyivangamo?

Bwana NZAMWITA ati:

Nkuko nabivuze mu magambo nababwiye, ugomba kumenya agaciro k'igihe. Igihe cyo kurerwa kibaho aliko wabona babifitemo inyungu, ugashyiramo umurego ntibibwanagize. Komini zibyumva zashyiraho abantu bakora ako kazi batali rwihalira.

Koperative zo muli Projet-Kigali-nord zigengwa na MUZIGANDONYI J. Baptiste naho izisigaye zikaba iza NDIZIHIWE Ananie.

Bwana Burgmestri wa Komini Musasa ati:

Ko wavuze indira (parasites) baza bagaca ingando barya ntacyo bakora; ukavuga n'abitwerereza bagize ubukwe cyangwa urundi rubanza; hali umuti wabibonera?

Bwana NZAMWITA ati:

Nukubirwanya buhoro buhoro twumvisha bene wacu ko igihe tugezemo bene nk'ibyo bidakwiye kubaho. Gutwerera byo simbirwanya cyane aliko hali igihe bikabya.

Urugero: Umuntu avuye i Cyangugu aje kukubwira ko azashyingira, kuva yo yatanze amafaranga arenga 1.500, ubwo se nujya kumuha intwererano uzamuha 500fr? Uzamuha ageze nko ku bihumbi 6; ngirango urumva aho azaba agusize ntavuze iby'amazimano.

= = = =

LE SYSTEME SCOLAIRE RWANDAIS ET LES  
PERSPECTIVES DE SON EVOLUTION.-

---

Le système d'enseignement au Rwanda, régi par la loi du 27 août 1966 et l'Arrêté Présidentiel du 28 avril 1967 comporte trois degrés: l'enseignement primaire et post-primaire, l'enseignement secondaire et l'enseignement supérieur.

I. Enseignement Primaire et post-primaire :

1.1. Enseignement Primaire :

Il comprend six niveaux, numérotés de 1 à 6 à partir du niveau d'entrée.

L'âge de la scolarisation est fixé à 7 ans. Les niveaux 1, 2 et 3 fonctionnent en double vacation, c'est à dire que l'horaire hebdomadaire s'établit à 16h30 par semaine pour les élèves des trois premiers niveaux et à 31 heures/semaine pour les trois autres.

L'enseignement est donné en Kinyarwanda aux niveaux 1 et 2 partiellement en français à partir du niveau 3. Bien que l'enseignement primaire soit régi par l'Etat qui en assume la totalité des charges de fonctionnement, il demeure un enseignement de type confessionnel, chacune des religions pratiquées au Rwanda possédant des écoles spécifiques, parfois proches les unes des autres et pratiquant une concurrence coûteuse pour le budget national.

A titre expérimental, une formule d'enseignement rénové avec initiation aux techniques agricoles modernes a été introduit dans 10 écoles pilotes à 5 niveaux et sans double vacation. Dans ces 10 écoles est pratiquée la promotion automatique des élèves d'un niveau au niveau supérieur et l'enseignement du français est dispensé dès le niveau 1.

Au cours de l'année scolaire 1973-74, 396.872 élèves ont fréquenté l'école primaire, sous la direction de 7755 moniteurs avec une répartition très inégale allant de 104.766 élèves au niveau 1 à 40.166 au niveau 6. La proportion des filles est égale à 44,85% de l'effectif total. Pour 100 garçons inscrits à l'école primaire, on trouve 82 filles. Sur ce point le système tend vers un certain équilibre, en

1969-70, il y avait 76 filles pour 100 garçons (progression moyenne de 1,5% par an).

Le coût moyen par élève/année est de 1.200 francs, mais sur cette somme, 23 francs seulement sont affectés aux dépenses de matériel et de fournitures.

Les coûts en capital pour constructions et premier équipement sont supportés par la population sous forme d'apport en espèces et en travail par les parents d'élèves (investissements humains). L'ensemble immobilier et mobilier est généralement de médiocre qualité, et, bien souvent, le matériel de premier équipement fait défaut. Il a été estimé que la rénovation de l'ensemble des infrastructures existantes exigerait un investissement global de l'ordre de 1 milliard.

#### I.12. Problèmes posés et perspectives :

Il faut, de nos jours, distinguer très nettement l'éducation de l'enseignement proprement dit: celui-ci consiste en l'acquisition d'un certain nombre de techniques par des élèves incorporés dans un système structuré, tandis que celle là résulte de la connaissance progressive d'un environnement, et, partout, s'échelonne sur la durée entière de la vie en embrassant tous les domaines possibles (éducation culturelle, artistique, sportive, etc..). Tandis que l'enseignement relève du Ministère de l'Education Nationale qui est celui "des écoles", l'éducation est la chose de la Nation entière et des individus eux-mêmes. C'est dans cette perspective que la Déclaration Présidentielle du 1er août 1973 a assigné à l'enseignement primaire un objectif précis qui est la "formation de citoyens et de producteurs". Le système actuel permet-il de réaliser cet objectif? Il est permis d'en douter, et de déceler les failles qui font obstacle à cette réalisation:

- En fait, le système actuel, par la sélectivité à tous les niveaux, qui engendre un taux élevé de redoublement et d'abandons constitue seulement une voie d'accès éventuel vers l'enseignement secondaire et de ce fait, ne répond pas à l'objectif fixé, puisque son contenu est purement de caractère "académique" et rejette, sans la moindre formation pratique, les "laissés pour compte"

- Par ailleurs l'école primaire était naguère considérée comme une " garderie " aux niveaux les plus bas et spécialement au niveau 1. En 1969-70, 42.191 élèves de moins de 7 ans fréquentaient les classes et constituaient plus de 10% de l'effectif global. La rationalisation du recrutement, grâce à la carte scolaire, a ramené les "moins de 7 ans" à 1.470 unités seulement en 1973-74 (0,35% de l'effectif).
- Le déséquilibre entre les masses financières affectées au paiement du personnel (91% des crédits) et au matériel et fournitures (9%) nuit au rendement du système, car les enseignants sont généralement démunis du matériel le plus indispensable.
- Le coût élevé du fonctionnement global par rapport aux résultats obtenus (passage de 2.000 unités dans l'enseignement secondaire, soit 2% de la classe d'âge) fait peser sur les finances de l'Etat une charge qui demeure hors de proportion avec la productivité du système.
- La mauvaise structuration des écoles dont 50% demeurent "à cycle incomplet" stimule les abandons et redoublements. Néanmoins, le système compte aujourd'hui 41 classes de sixième pour 100 classes de première, tandis qu'en 1969-70, cette proportion était seulement de 24 pour 100. Le redressement structurel s'est opéré à cause de la pression exercée par la carte scolaire ne suffira pas à surmonter toutes les difficultés inhérentes au système lui-même.

## I.2. Enseignement post-primaire :

### I.2.1. Composition :

Ce degré comprend les sections Familiales(75) et les CERAR(12). Le projet de Plan quinquennal avait envisagé l'ouverture de 5 CERAR supplémentaires chaque année. Mais l'expérience entamée en 1970-71, n'a pas engendré un développement assez rapide de ces établissements, faute de disposer des moyens financiers nécessaires. La généralisation des CERAR et sections familiales à 3 niveaux, pour les 38.000 élèves sortant de 6e primaire et ne trouvant pas place dans le secondaire supposerait une dépense supplémentaire de 900 millions par an et l'extension à la classe d'âge entière l'incorporation de 80.000 élèves par an au coût de 900 millions par an.

### I.22. Problèmes posés :

Celui de l'enseignement post-primaire est essentiellement celui de son extension ou de sa généralisation en raison des ressources financières et des ressources humaines (personnel formé) à mettre en oeuvre. C'est d'autant plus dommage que ces établissements répondent parfaitement aux objectifs assignés, c'est à dire la formation de "citoyens et de producteurs".

### I.3. Les issues possibles :

Un système idéal pour l'enseignement primaire comporterait donc 9 niveaux dont 6 de "formation générale" et, après sélection en fin de 6e, orientation d'une minorité de 2.000 élèves vers l'enseignement secondaire et d'une majorité importante vers les établissements de type CERAR ou sections familiales.

Malheureusement, le coût de chaque niveau s'établissait antérieurement au 19 mai 1974, à environ 75 millions par niveau. L'augmentation des traitements du personnel portera sans doute ce coût à un peu plus de 90 millions par niveau, c'est à dire le coût global à 810 millions pour 9 niveaux et 540 millions pour 6 niveaux, dans le cas d'effectifs maintenus constants, c'est à dire sans scolarisation à 100%.

Dès lors, une structuration plus restreinte de ce système idéal pourrait donner 4 niveaux seulement de formation de base et deux niveaux différenciés après sélection des élèves à l'issue du 4e niveau.

Les 6 niveaux primaires étant ramenés à 4 avec double vacation sur la moitié du cycle et les trois niveaux post-primaires étant ramenés à deux, on pourrait sans doute concevoir un système rénové dont les coûts de fonctionnement demeureraient compatibles avec le volume des ressources disponibles tout en répondant parfaitement aux objectifs définis par la Déclaration du 1er août 1973. C'est ce qui a été envisagé dans le Projet de Réforme scolaire actuellement à l'étude.

### 2. L'enseignement secondaire :

La fonction sociale consiste à fournir à la Nation les cadres subalternes et les cadres moyens dont elle a besoin. C'est pourquoi, dans la plupart des systèmes scolaires, on distingue un secondaire "court", généralement de niveau 4 ans et un secondaire long, généralement de 7 niveaux (1973).

lorsque le 1er cycle compte seulement 3 niveaux)/

2.1. Problèmes posés :

- La question du contenu de l'enseignement secondaire se pose en premier lieu: doit-il être de "formation générale" ou doit-il être "à finalité". La réponse à cette question engendre des conséquences sociales très importantes. Lorsque domine un enseignement de type "général" la porosité joue à plein et tout l'effectif du secondaire tend à rechercher une issue vers l'enseignement supérieur, provoquant ainsi un déficit en cadres subalternes et en cadres moyens. Lorsque l'enseignement secondaire est entièrement "à finalité", le risque réside dans la possibilité de l'engorgement de certains secteurs de la production, par formation annuelle d'un nombre trop important de sortants trop étroitement spécialisés. Cette conception stimule la "viscosité de la main d'oeuvre" et tend à accroître le chômage technologique. La solution doit être recherchée dans une distribution équilibrée entre l'enseignement général et l'enseignement à finalité, en assurant les formations très spécialisées dans le cadre de "projets" en cours de réalisation.

Le "dosage" entre les diverses formations résultera des travaux à mener par des analyses de Ressources Humaines chargés de déterminer, à court et moyen terme, les perspectives d'emploi. La présence, dans les services du Ministère du Plan, d'une telle unité de spécialistes est indispensable pour guider les services techniques de l'Education Nationale, dans la recherche d'une structuration adéquate des sections de l'Enseignement secondaire.

D'autres problèmes devront être résolus; sur le plan quantitatif global, l'extension de l'enseignement secondaire dépend du volume des investissements possibles puisque tous les élèves sont internes, ou bien de la mise en cause du système de l'internat. Par ailleurs, pour faire face aux dépenses de fonctionnement qui vont toujours s'accroissant, une participation des usagers pourrait être sollicitée, par exemple par remboursement d'un prêt d'honneur consenti pendant la durée des études. Sur tous ces plans, le problème fondamental de l'enseignement secondaire est celui du financement de son fonctionnement, et la recherche de solutions est actuellement à l'étude.

Il en va de même pour l'enseignement supérieur.

DEBATS

52

Bwana Prefe ati:

Mumaze kumva ibyerekeye Uburezi bw'Igihugu, cyakora nkuko bisanzwe no mu nama ya Kadre nnyambona nta bibazo bikunda kubazwa niba nta bihali nako sinamenya impamvu ibitera.

Bwana Burgmestri wa Komini Musasa ati:

Muli examen officiel ishize bagiye bandika ku bibaho, nk'ahali bito bikaba agacuki, umwana ntashobore kubibona neza bigatuma yatsindwa kandi atali ubwenge buke; ntabwo mwajya mubishyira ku mashini nkuko byali bisanzwe?

Bwana SEKAMONYO ati:

Byatewe no kwanga ko binyura mu ntoki za benshi bakabibona. Muzi ko Kigali yigeze gusubiramo, bikomeje bityo byatwara amafaranga menshi Ministeri itabona; uretse nibyo abanyeshuli bamenyerereye gusoma ku kibaho. Twagiye dufata centre zifite ibibaho binini, nahali bito bagendaga bahanagura bakandika ibisigaye aho kubigira agacuki. Aho nagiyeye ngera, bambwiye ko byagenze neza kereka usanzwe ari butsinde.

Bwana Burgmestri wa Komini Rubungo ati:

Hali amagambo yagiye aza muliyo examen officiel y'ikinyarwanda abana batazi ndetse n'abalimu batashoboye kumenya; sinzi niba hose basigaye bigisha imibare mu kinyarwanda? Ese basanze kuvanga ikinyarwanda n'igifransa alibyo byiza?

Bwana SEKAMONYO ati:

Ayo magambo yakoreshejwe ntabwo ari mashya, biga imibare mu kinyarwanda guhera muwa mbere kugeza muwa kane. Igihe ibitabo bitaraza, twamenyereza tuvanga amagambo y'ikinyarwanda nay'igifransa.

Bwana Su-Prefe TABARO ati:

Ibigo by'amashuri muli Kigali bisanwa n'amadini, leta cyangwa ababyeyi n'ibihe?

Bwana SEKAMONYO ati:

Kugeza ubu ntibyigeze bigerwaho; cyakora hose bafatanyaga n'ababyeyi. Ntaho ibigo bili byiza kuko imfashanyo y'ababyeyi ari nkeya.

Bwana Inspejiteri w'Imilimo ati:

Wavuze ko uburezi bugomba guforma abana responsables, umwana yaba responsible mu kintu ate?

Bwana SEKAMONYO ati:

Ntabwo navuze abana responsables ahubwo abaturage responsables. Abana baziga ubukolikoli bwinshi n'ubuhinzi ku buryo bazagenda bakagira icyo bamalira Igihugu nabo ubwabo. Aho wumvise responsabilité, jye nashatse kuvuga rendement.

====

Bwana Inspegiteri w'Imilimo ati:

Ubundi nalinzi ko abanyarwanda bazi guteganya none wowe numvise ubihinyura: vivre au jour le jour; ibyejo bibara abejo; amavuta y'umugabo namuraye k'umubili; ntiwambwira ikigutera iyo migani yose?

Wongeye ngw'imibereho y'abanyarwanda ba kera ntikwiye kubaho kandi jye mbona hali ikwiye kugumaho; urabona igumyeho halicyo yadindiza ku majyambere?

Bwana NZAMWITA ati:

Wabigize ibibazo bibili aliko bikubiye muli kimwe. Umunyarwanda yazigamaga itungo, agatera ishyamba n'ibindi byagira akamaro mu gihe kili imbere; ibyo byerekana ko yarafite igitekerezo cyo kuzigama. Hali n'undi ubika amafaranga ye mw'ihembe kandi wamubwira uburyo bwiza bwo kuzigama ntabwumve kandi bwagilira mugenzi we akamaro (crédit) bitaretse Igihugu cyose. Nicyo gituma hagiye kuza uburyo bwo kuzigama no kuguza (système d'épargne et de crédits) ku mirenge.

Bwana MUZIGANDONYI ati:

Hagomba igihe kingana iki ngo Koperative ibe ishinze imizi?

Ubundi ushinzwe ibya Koperative mul'iyi Prefegitura ni nde ko hali benshi babyivangamo?

Bwana NZAMWITA ati:

Nkuko nabivuze mu magambo nababwiye, ugomba kumenya agaciro k'igihe. Igihe cyo kurerwa kibaho aliko wabona babifitemo inyungu, ugashyiramo umurego ntibibwanagize. Komini zibyuma zashyiraho abantu bakora ako kazi batali rwihalira.

Koperative zo muli Projet-Kigali-nord zigengwa na MUZIGANDONYI J. Baptiste naho izisigaye zikaba iza NDIZIHIWE Ananie.

Bwana Burgemestri wa Komini Musasa ati:

Ko wavuze indira (parasites) baza bagaca ingando barya ntacyo bakora; ukavuga n'abitwererereza bagize ubukwe cyangwa urundi rubanza; hali umuti wabibonera?

Bwana NZAMWITA ati:

Nukubirwanya buhoro buhoro twumvisha bene wacu ko igihe tugezemo bene nk'ibyo bidakwiye kubaho. Gutwerera byo simbirwanya cyane aliko hali igihe bikabya.

Urugero: Umuntu avuye i Cyangugu aje kukubwira ko azashyingira, kuva yo yatanze amafaranga arenga 1.500, ubwo se nujya kumuha intwererano uzamuha 500Fr? Uzamuha ageze nko ku bihumbi 6; ngirango urumva aho azaba agusize ntavuze iby'amazimano.

====

Ijambo ly'uhagaraliye Ministeri y'Urubyiruko muli  
Seminari za ba Burgumestri n'abakuru b'imilimo mu  
Maprefegitura.

Mbanje gushimira abateguye iyi seminar y'ababurgumestri  
n'abakuru b'imilimo muli Prefegitura, kuba baratumiye Ministeri y'Urubyi-  
ruko kugirango dutatanyilize hamwe gusobanukirwa n'ibibazo by'Urubyiru-  
ko, tubonereho no guhamya umwanya rufite mu mizamukire rusange  
y'Igihugu cyacu, dukulikije umurongo Umubyeyi wacu, Nyakubahwa Jenerali  
Major HABYARIMANA Yuvenali, Prezida wa Republika na Prezida wa Komite  
y'Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu yatangaliye abanyarwanda bose igihe ashya-  
raho Leta ye kw'italiki ya 1 Kanama mu w'1973.

Ikibazo cy'Urubyiruko si icya Ministeri irushinzwe gusa,  
ni ikibazo cya buli wese, kuko ari kimwe mu bibazo bikomereye Igihugu  
cyacu; ni ikibazo cya buli mubyeyi, ni icy'umurezi wese, ni icy'umutekini-  
siye, ni icya buli mutura-Rwanda, yaba muto yaba mukuru, kuko twese tugifi-  
temo uruhare runini.

Turagerageza kurebera hamwe uko Urubyiruko ruteye muli iki  
gihe, amatwara n'uruhare by'Urubyiruko mu majyambere rusange, hanyuma  
turebe Programu ya Ministeri y'Urubyiruko.

Urubyiruko ruteye rute muli iki gihe

Iyo tuvuze Urubyiruko, kenshi abantu bumva ko ari abahungu  
n'abakobwa batagira umukoro, badafite icyo bishoboreye, bakili mu kwaha  
kw'ababyeyi babo cyangwa babataye bakararuka, bagatega kulya abandi imi-  
tisi, nta mvune cyangwa icyuya biyushye ngo babone ikibatunga, kandi bite-  
gulira nabo imibereho myiza y'ejo. Kuvuga ko ntacyo bashoboye gukora  
rero, byaba ari ugukabya; ahubwo twavugaga ko batatojwe hakili kare umuco  
mwiza wo kugira akamara aho bali hose; ntabwo babona abantu babatera  
inkunga, ngo babashyiremo umurego, ishema n'ubushyuhe bwo kwumva ko nabo  
ari abantu, bagomba kwiyubaha, bagakorera hamwe n'abandi mugushaka icyaba-  
zamura ubwabo, kikazamura umurenge, Komini, Prefegitura batuye, n'Igihugu  
kikaboneraho ingufu zo kuzamuka. Ikibazo cy'Urubyiruko kiliho koko,  
cyane cyane ikireba abasore n'inkumi bidakulikira amashuri, badafite  
akazi nkuko bivugwa, kandi ni nabo benshi, kuko bageze ku gice kimwe cya  
gatatu cy'abaturage bose mu Rwanda. Turavugaga abahungu n'abakobwa bafite  
hagati y'imyaka 10 na 25 y'amavuko.

Ibyo twabonye dukulikije raporo twohererejwe na ba Burgumestri ba Komini  
z'u Rwanda, twasanze abasore n'inkumi batashoboye gukomeza amashuri, bagi-  
ze ibice 95 kw'ijana by'abali muli kiliya kigero twavuze haruguru bose;  
kuko moyenne y'Igihugu cyose dusanga ari abasore n'inkumi 9.000 muli

buli Komini. Abenshi muli abo nibo bataye uburere n'umuco by'i Rwanda, birukira ibyateye batebanje no kureba iyo bibajyana, bagahunga ababyeyi n'inama bagirwa, bagashaka kubaho nta mvune, bakilirwa mu mafeyeli, mu mihandanda, mw'isoko ntacyo bahakora kigaragara, bakalinda kuyobera mu mwijima w'uburara, urugomo, ubunebwe, ubushomeli, ubufrodeli, ubwamanzi, mu kwijijisha ntibarebe aho ukuli guherereye, nta musoro, nta nama ya Komini bajyamo, barababwira ntibumve kandi bagashaka kubaho kimwe n'uwiyushye icyuya, imyaka igahita, indi igataha ntacyo ibasigiye, usibye guhimba amayeli yo kwiba no guhubanganya amahoro n'amajyambere y'abaturage.

Yego haliho mbarwa muli bo batangiye kumva, bakora bafatanyiliza ku mirenge yabo, babifashijwemo n'ababyeyi cyangwa se Komini yabo. Abo ngabo ntawashidikanya kubatera inkunga kugirango babere urugero abandi bakili mu mwijima, bataracengerwamo n'amatwara y'Igihugu, ashaka ko buli mutura-Rwanda yakora agasagulira isoko, akwongera umusaruro buli gihe, agatutura heza, akamererwa neza, akitega igihe kili imbere yizigamira ubwe n'ababose. Bamwe mu basore n'inkumi bagejeje igihe cyo kwubaka urwabo, aliko abibuka kurushinga bafite umusanu w'intango ngo rutabasenyukiraho bucyeye, ni bake cyane. Nta na limwe usanga abasore n'inkumi bashishikaliye kugisha inama ababatanze kubona izuba, ngo baboneraho gukora mu nzira z'ubwitonzi n'ishyaka lyo gukunda imilimo y'amaboko buli muntu mu gapande kw'ubushobozi afite, kandi bikagaragazwa n'ibyo akora, yikorera, akorera n'Igihugu cyamubyaye.

Haliho abatagira icyo bakora bagahora basaba imfashanyo, amafaranga n'ibindi biturutse ahandi. Abo nibo badindiza amajyambere kandi nyuma bagasigara mu cyeregati, abandi barabasize. Ak'imuhana kaza imvura ihise.

Amatwara n'uruhare by'Urubyiruko mu majyambere rusange

Urubyiruko rwa buli karere rwagombye kugira umwihaliko w'ibikorwa rwifatanyilijemo, ntirufunge roho ngo iby'isi birizana. Hamwe na hamwe abasore n'inkumi batangiye ibikorwa bifatanyije ku mirenge yabo, mu masegeteri ya Komini, ndetse hali naho bafatanyiliza mu gikorwa kimwe gikwiliye Komini yose. Abasore bose n'inkumi nibo bafite ingufu z'amaboko n'ubwenge bwo gutekereza no guhimba byinshi, ntibakwiye rero kwilirwa batembera mu mihandanda y'imijyi, nkaho nta milimo bashoboye gukora. Ibyo nibyo bikurura urugomo, ubwamanzi, ubunebwe, uburangare, uburara bw'ububandi n'ubushomeli, ubuzererezi bukururwa no kutamenya kwitunga no kwizigamira, cyangwa se bushingiye kw'irali lyo gutungwa n'utw'abandi. Ubundi imilimo iliho kandi imyinshi n'iyo Urubyiruko rushoboye, nko guhingira (ibilibwa, amakawa, za cyayi aho zili, imboga, imbuto n'ibindi) tugasagulira amasoko, bityo tukwongera umusaruro kandi tukamenya kuzigama inyungu yacu. Ikindi ni ubwifatanye mu bikorwa rusange bihuliweho n'amaboko (Koperative). Ubundi umulimo ukozwe n'umuntu umwe, ntaho uhuliye n'uteraniweho n'ubudehe; guterana inkunga bituma abafatanyije batarambirwa, bakeza byinshi kandi byiza, bakazigamira hamwe kandi buli wese akazigama ku giti cye.

Kugeza ubu hali bamwe mu basore n'inkumi bashoboye kugerageza bene ibyo bikorwa, ndetse bamwe na bamwe bakaba barabigaragaje; twavugaga nko muri:

- Prefegitura ya Kigali, abasore n'inkumi bo mu ma Komini ya Rutongo, Shyorongi, Tare, Gashora, Gikomero.
- Prefegitura ya Butare, abo mu ma Komini ya Muyira, Maraba, Mbazi, Mukura, Gishamvu, Nyakizu.
- Prefegitura ya Gitarama, abo mu ma Komini ya Nyakabanda, Nyamabuye, Taba, Bulinga, Mukingi, Tambwe, Ntongwe, Kigoma.
- Prefegitura ya Gikongoro, hali abo mu ma Komini ya Mubuga, Karama, Nyamagabe, Karambo.
- Prefegitura ya Cyangugu, hali abo muri Komini ya Gishoma, Gisuma, Cyimbogo, Gafunzo, Kagano, Bugarama.
- Prefegitura ya Kibuye, hali abo muri Komini ya Gishyite na Mabanza.
- Prefegitura ya Gisenyi, hali abo mu ma Komini ya Kayove, Nyamyumba, Karago, Mutura, Giciye.
- Prefegitura ya Ruhengeri, hali abo mu ma Komini ya Nkuli, Mukingo, Kinigi, Ruhondo.
- Prefegitura ya Byumba, hali abo mu ma Komini ya Kibali, Mukarange, Bwisige, Kinyami, Muhura.
- Prefegitura ya Kibungo, hali abo muri Kayonza, Kabarondo, Muhazi.

Abeshi mu rubyiruko rw'izo Komini bafatanyiliza mu guhinga imyaka ngandura-rugo n'iy'inzamurabukungu, kubaza, gucuruza, kubaha, gutaka, kudoda, kubumba amatafali n'amategura, gukukura no gucuruza amabuye n'umucanga, kworora amatungo, gutera mashyamba, kuzamura amajyambere rusange (imihanda, amateme, amavuliro, amashuli).

Bamwe ndetse twavugaga ko bageze kure muri tekinike, abo ni nkabakora confitire n'imitobe bakura mu mbuto, bakabishakira ubulyo byashyingurwa mu macupa no mu bikombe bicurulizwamo.

Ibyo ni bimwe mu byo Urubyiruko rwaba ruherereye, rubifashijwemo n'inkunga ruterwa n'abajyanama ba Komini n'impuguke zili mu turere ruherereyemo. Mubyo Urubyiruko rukora byose, rugomba kwiyubaha kandi rukwubaha ababyeyi, abategetsu, abaruruta, kandi narwo ubwarwo rukwubahana, rukilinda agasuzuguro, rugahorana ikinyabupfura n'ishimo ly'uburere bwiza, rukwubaha kandi rugakulikiza amategeko, ntirugire uwo rubuza amahoro, rukilinda urugomo n'imizi yarwo yose, nkuko Umubyeyi w'Igihugu yabivuze muri diskuru ye yo kuwa 1 Kanama mu w'1973 agira ati: "Abo bana bo tubasabye ubwitonzi, bagategura neza akamaro bazagilira u Rwanda, ari mu milimo yo mu byaro, ari mu mashuli, bakamenya neza ko ibintu byose n'imilimo yose igomba gukorwa muri discipline".

#### Programu ya Ministeri ishinze Urubyiruko rutali mu mashuli

Mbere y'uko Urubyiruko rugira ibikorwa by'ingenzi rugeraho rugomba gucengerwamo n'intego y'Igihugu na Programu ya Leta mu majyambere twese tugomba gufatanyiliza kugeraho.

Dore uko Nyakubahwa Jenerali Major HABYARIMANA Yuvenali, Prezida wa Republika na Prezida wa Komite y'Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu yabivuze ku munsu w'Ishingwa Iya Leta ye: "Ministeri y'Urubyiruko ishinzwe gutegura programu no gukoresha urwo Rubyiruko mu gutsura amajyambere; izihatira cyane cyane kwigisha abo bana gukunda Igihugu cyabo no kubamenyereza mu buzima n'imilimo bazagomba gukora iwabo ku mirenge. Ntawavugaga bagomba kubigisha guhinga n'imilimo y'indi ya kijyambere. Ibinyuranye byose bwo gufatanya muli coopératives n'ibindi.

Iyo Ministeri izagomba kujya itegura kenshi ibyashobora gutuma abana bishina, bakidagadura haba mu byaro cyangwa mu migi.

Iyo nzeho izayigeraho nishobora kugera muli buli Komini kugirango icengeze mu Rubyiruko". Ministeri y'Urubyiruko rero ntiyatinze gutangira icyo programu. Yahise ishyiraho uyihagaralira muli buli Prefegitura, akamanga kandi agatera inkunga imilyango y'ubufatanye y'Urubyiruko ihu, agafasha n'abaturayigeraho gutangira. Ashinzwe ibikulikira:

- Niwe wiga plan y'amajyambere y'Urubyiruko muli Prefegitura, akareba imilimo Urubyiruko rushobora gukora muli buli karene rubifashijwemo n'abatekinisiye bahakora.
- Agomba kwiga no kwigisha Urubyiruko amajyambere afitiye akamara Igihugu nk'ubukolikoli, kworora amatungo magufi, guhinga n'ibindi.
- Agomba kwiga ikibazo cy'uburara n'ubwamanzi mu migi, agakoresha inama z'Urubyiruko ku mirenge, agasura kandi akabwira anakipi y'imikino, afatanyije na Komite ya Komini n'iya Prefegitura guteza imbere imikino mu nzego zose.

Ababyeyi bafite uruhare runini mu burere bw'abana bwa icyo gituma nta programu y'Urubyiruko ishobora kubaho ngo ishinge imuri ababyeyi batayihugukiweho, ngo baba abambere mu kuyishyigikira.

Niyo mpamvu uyu mwaka w'1974 uzasiga buli Komini y'Ururunda ifite amashuri w'Urubyiruko, ugomba gucengeza Programu ya Ministeri mu mirenge n'amashuri yose ya Komini. "Ijya kulisha ihera ku rugo", koko rero ntawavugaga ko Igihugu kijijutse bidashingiye muli Komini; ntawavugaga ko Komini yateye imbere abaturage bakili injiji bese, batazi kwirwanaho, badatuye heza, badahinga cyangwa ngo borore bya kijyambere, batazi gukora umwuge uwo ariwo wose ku bulyo ubaha inyungu ihagije, ishobora kubatunga n'urugo rwabo. Kenshi na kenshi ntidushobora kwemeza ko abasore n'inkumi bapfa kuraruka gusa nta mpamvu zindi bitewe gusa no kwanga gukora imilimo y'amaboko nkuko bikunda kuvugwa; ahubwo twavugaga ko ahanini ari ukutabona aho bakoreraga, no kutamenya icyo bahakorera, ntibagira kandi ubibateramo inkunga. Iyo mpamvu programu ya Ministeri y'Urubyiruko igomba kubanza gusobanurira ababyeyi guhera ku mirenge kugeza kuli Komini na Prefegitura yose.

Igihe kirageze ko ababyeyi, abasore n'inkumi, abategetsyi ba Komini n'aba Prefegitura bafatanyaga gushakira icyazamurako Igihugu mu milimo y'amaboko. Igihugu gifite ibibazo byinshi bikomeye: nk'amasambu agenda agabanuka, ibitunga umubili bikaba bike kandi ari nako abantu biyongera buli gihe. Nicyo gituma rero tugomba gukora uko dushoboye kwose, kugirango ibike duhagurukire kubibazamo ibidutungira, dusagurukire n'amasoko, dukoresheje ingufu duhagurukire mu bulyo bubonyeye amajyambere u Rwanda rugamije. Ibyo bizagerwaho ni twumvisha kandi tugatera inkunga Urubyiruko nkuko maze kubibasobanurira.

=====

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Kugirango urubyiruko rugere ku gikorwa kingirakamaro (entreprise) hagomba ibikoresho (équipement) hali agasanduku mwateganyije kabigenewe?

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Mwumvise ko kuguza iteka hazamo ubwishingire. Leta ishobora kwishingira abatangiye bigenda neza (rentable) kubera ko bagize inkomyi igaragara ituma entreprise yabo idindira. Leta yitaye kul'icyo kibazo.

Bwana Burgmestri wa Komini Musasa ati:

Komini ikoze uko ishoboye kose ikareba uko yakwigisha urubyiruko kwikorera no gufatanya; Ministeri yanyu yayiha abalimu?

Mwabusabye ba Encadreurs ba Komini nibura bafite imyaka 3 yisumbuye, abenshi bababifitiye akazi; tubonye abafite make bajijutse ntitwabohera?

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Mbere yo gushinga ishuli mugomba kubitumenyesha aho kubitumenyesha lifungurwa. Sinzi niba CERAR na FAMILIAL bizajya muli Ministeri yacu kandi programu nshya (réforme scolaire) nitangira, ayo mashuli ntacyo azaba akimaze.

Igituma twashatse abafite imyaka 3 yisumbuye nuko statut itemera abali munsu yayo, cyakora ubonye abajijutse batayifite twabahemba sous-contrat.

Bwana NIYONZIMA ati:

Abana bavuye mu myuga iyo babuze aho bakora muli entreprise nibo babababi kurusha abandi. Abavuye muli CERAR nabo ntibabona aho bahinga. Ndabona mukwiye kwiga uko urwo rubyiruko ruzamera.

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Twe ntabwo dushinga za centre zigisha ahubwo twigishiliza urubyiruko aho rukorera (sur le chantier), rwamara kubimenya rukikomereza, akazi kacu kakaba karangiye. Naho ubundi ubigishije gusa nta entreprise byarushaho kuba bibi.

Bwana Veterineri wa Prefegitura ati:

Kuki mwita kubya abahungu gusa ntimukorere n'abakobwa?

Sinumva ukuntu urubyiruko rwakubaka hamwe (village) rutaye amasambu cyangwa se ku mihanda?

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Abakobwa bafite aho bigira bihagiye na programu ikwiye igihe cyibategereje naho abahungu nta mashuli abigisha ikizabagilira akamaro. Abakobwa nabo bajya muli Koperative: muli CONFIGI halimo umubare w'abakobwa ungana n'uw'abahungu.

Kubakira hamwe hagomba byinshi ntibiragerwaho aliko urubyiruko rukwiye kubaka hafi y'ibikorwa byarwo ntiruvunike rukora urugendo.

Bwana Diregiteri w'Ibitaro ati:

Ko mwumvisha urubwiruko gukoresha amaboko yarwo bagafatanyiliza hamwe, abaturage ntimubumvishe akamaro k'ibihingwa cyangwa ibikorwa byurwo rubwiruko bizagurwa na nde?

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Urubwiruko rugomba gutangilira ku bintu byoroheje umuturage wako karere yagura, bigakomeza bityo bagenda bahindura bakulikije ubuzima n'imibereho y'abaturage.

Bwana Burengero ati:

Kugirango ikintu gitangire kigira aho gikorera n'ibikoresho (investissement) hali amafaranga yateguwe muzajya mubagulizamo?

Bwana NSANZABAGANWA ati:

Abagenewe kuguza ntibaguza abakene; babanza gutangira hanyuma bahura n'ingorane bagafashwa. Ba Encadreurs bakorana nabo nibo bandika mw'izina ryabo tukabafasha, kereka abatangirana amashini ava mu bindi bihugu naho kubumba amatafali cyangwa amategura ntihagomba imfashanyo yo gutangirana.

Bwana Prefe ati:

Birumvikana ko abantu bashobora kugira igitekerezo cyo gukora ikintu bakabura amafaranga; ese udashoboye kwigulira isuka cyangwa umuhoro wamuha amafaranga akayamaza iki; s'ukuyarya gusa. Igihe bagitangira wabaha inama.

Familial yiga neza kuko bigishwa n'ababizi naho abahungu nta balimu bafite babigenewe; murabitekerezaho iki?

Bwana SEKAMONYO ati:

Ibya CERAR byarahubutse ntibyateganijwe nk'ibya FAMILIAL uretse abalimu bava muli ETO nt'abandi; ubu haliho abakora stage i Byumba. Iyo mpamvu yatunye za CERAR zashinzwe, inyinshi zaraguye.

====

L'AMELIORATION ET L'ENTRETIEN DU SOL DANS LE  
DEVELOPPEMENT AGRICOLE.

PAR

L. GAHAMANYI

DIRECTEUR GENERAL DE

L'AGRICULTURE.-

1. Superficie, orographie et végétation Naturelle.

La superficie du pays est de 26.338 Km<sup>2</sup>.

A vol d'oiseau, le Rwanda se situe à 1.200 Km de l'Océan Indien et à 2.000 Km de l'Océan Atlantique.

L'altitude moyenne est de 1.500 mètres mais le relief est fort tourmenté. D'ouest en Est et du sud au nord, nous distinguons:

A. La zone bordant le lac Kivu.

Zone relativement étroite d'une largeur de 20 à 30 Km.

Elle appartient au bassin du fleuve Zaïre. La crête séparant ce bassin et celui du Nil est couronnée en partie par une forêt naturelle.

B. La zone de la plaine de la Ruzizi.

C. Les zones d'altitude s'étendant sur le versant oriental de la crête Zaïre-Nil

D. Le plateau central qui constitue la partie la plus importante du pays délimité par les affluents de la Nyabarongo-Akagere: Mukungwa, Mwaga, Akanyaru et par la frontière tanzanie-Uganda. Cette zone comprend les savanes arbustives du Mayaga-Bugesera, du Gisaka et du Mutara.

E. La chaîne des volcans Birunga entourée de vastes champs de lave généralement recouverts d'une importante forêt.

2. CLIMATOLOGIE.

Nous distinguons principalement trois types de climat dans le pays.

- climat (AW2) chaud avec une saison sèche de 2 mois.

Ce climat se retrouve le long des rives du lac Kivu

- climat (CW) climat tempéré chaud dans les zones d'altitude

- climat (AW3) climat chaud avec une saison sèche de 3 mois.

Ce climat se retrouve sur le plateau Central.

La pluviosité annuelle augmente avec l'altitude mais totalise généralement 1000 à 1300 mm sauf dans les régions les plus orientales, qui constituent une zone de faible pluviosité (moins de 800 mm de pluie).

Le climat rwandais montre souvent une grande irrégularité dans ses pluies tant en ce qui concerne l'époque et la durée de celles-ci, qu'en ce qui regarde la hauteur totale des précipitations au cours de chacune des saisons.

.../...

66

La température moyenne annuelle connaît de faibles amplitudes, vu la proximité de l'équateur et est relativement tempérée, étant donné l'altitude; elle est d'environ 18° C pour l'ensemble du pays.

3. POPULATION.

L'effectif total est de 3.954.073 habitants au 31.12.1972.

Le taux moyen annuel d'accroissement est de 2,8%.

Dans ces conditions, la population atteindra à la fin de cette décennie environ 5 millions d'habitants.

La densité moyenne au Km<sup>2</sup> est de 150; en 1976 elle atteindra 182 au Km<sup>2</sup>. Les préfectures de Butare et Ruhengeri ont respectivement 311 et 282 habitants au Km<sup>2</sup>.

4. REPARTITION DES TERRES.

La superficie du Rwanda est 2.633.800 Ha dont 1.856.000 sont à vocation agricole et pastorale. Cette superficie se répartit comme suit;

880.375 Ha de terres cultivables

745.116 Ha de terres de pâturages

228.102 Ha de terres boisés ou à reboiser.

Des superficies hors vocation agricole se répartissent comme suit:

124.600 Ha couverts de lacs

246.000 Ha Parc National de l'Akagera

12.000 Ha Parc National des Volcans

68.000 Ha Domaine de chasse du Mutara

289.800 Ha des marécages inexploitable et des terres totalement incultes.

Partie 2: SE SOL

Le sol est la formation naturelle de surface à structure meuble et d'épaisseur variable résultant de la transformation de la roche mère sous-jacente sous l'influence de divers processus physiques, chimiques et biologiques.

Les sols agricoles proviennent de la transformation par l'homme des sols vierges par l'application des méthodes culturales dans un but purement économique: l'obtention des récoltes. Cette intervention a pour résultat de modifier profondément la morphologie, la composition et les propriétés du milieu.

Le sol est composé par des éléments inorganiques et organique. Les éléments inorganiques proviennent de la décomposition de la roche mère sous-jacente ou d'apport alluvionnaires.

Les constituants organiques proviennent essentiellement de la décomposition d'organismes vivants végétaux et animaux.

.../...

Parti 3: SOLS DU RWANDA.

Les sols du Rwanda, hormis les laves et sols des marais, font partie de la grande famille de sols tropicaux. Ce sont des sols fortement altérés, pauvres en éléments nutritifs pour la plante, et riches en fer et alluminium (sols ferrallitiques, sols latéritiques) La valeur de ces sols ne réside que dans la couche superficielle composée d'humus (matière organiques).

Partie 3. DEGRADATION DU SOL

Un proverbe arabe dit : " La forêt précède l'homme; le désert le suit. " L'histoire nous enseigne que de nombreuses régions aujourd'hui déboisées, voire même désertiques ont été dans un passé plus ou moins récent, recouvertes de forêts . La disparition de ce couvert végétatif entraîne l'érosion. A cause de l'érosion, la couche superficielle contenant tous les éléments nutritifs pour les plantes est décapée; le sol se dégrade; la productivité diminue; le désert s'installe; la misère suit. Avant de voir les méthodes de lutte contre l'érosion, voyons d'abord les facteurs qui la provoquent.

1. La répression du couvert végétal.

L'homme détruit la forêt par le fer et par le feu. Les abatages sont destinés à satisfaire aux besoins en bois de chauffage et de construction.

En règle générale, après abatage, une jachère forestière s'installe. Dans nos conditions où l'explosion démographique est très forte, cette jachère est impossible; plusieurs espèces disparaissent consacrant ainsi la dégradation de la végétation primitive. Le sol n'étant pas couvert, il est sujet aux fortes pluies qui le détruisent, l'arrachent et le transportent dans les rivières. Cette situation provient du fait que la pluie tombée ne s'infiltré pas dans le sol très facilement à cause d'une topographie trop accidentée. L'eau ruisselle sur des collines avec une force de plus en plus grande creusant des ravins, des éboulements emportant des tonnes de terres.

Non seulement la terre est emportée mais aussi le débit des sources d'eau faiblit, la nappe phréatique baisse. Ceci amène à l'érosion accélérée.

2. Erosion accélérée.

La couche superficielle du sol, oeuvre des siècles, qui rend possible la vie animale et végétale, peut être emportée. Dès que la couverture végétale disparaît, le sol n'est plus protégé contre les gouttes des pluies ou contre la vitesse des eaux dégringolant la colline. Voici les différents stades d'érosion:

a) La couche du sol superficiel des terrains en pente est progressivement emportée.

b) Les composants du sol sont séparés les uns des autres et déplacés à des distances variant avec leurs dimensions et leur poids, pour aller former plus bas des plages

.../...

- 4 -

d'alluvions ne présentant qu'exceptionnellement les mêmes qualités que l'horizon primitif.

c) Le ruissellement, en s'intensifiant, accentue le ravinement, et menace l'équilibre du régime hydrographique.

Tous ces facteurs sont aussi favorisés par des mauvaises méthodes culturales (labour dans le sens de la pente, mauvaise préparation du sol, etc...) ; le surpâturage aboutissant à une dénudation presque complète des collines, les feux de brousse etc...

L'appauvrissement de la végétation est un phénomène quasi général, imputable pour une part à des exploitations forestières intensifiées, mais principalement aux défrichements entrepris pour aménager des terres de cultures.

La dislocation des composants du sol se traduit par un déséquilibre des propriétés du sol et partant par une diminution spectaculaire de la fertilité.

#### MOYENS DE LUTTE

Partie 4:

L'appauvrissement du couvert végétal, l'érosion accélérée des sols sont des conséquences directes ou indirectes de l'intervention de l'homme. Ces phénomènes menacent l'avenir de notre pays en mettant en danger l'existence même de la population rwandaise. Il est donc du devoir de tous de combattre cette situation.

a) Des mesures appropriées doivent être prises pour enrayer la destruction inconsidérée de la végétation naturelle et entamer un programme de reboisement pour enrichir les boisements existants et protéger ainsi le sol.

b) Les collines dénudées ne permettent pas à l'eau de pluie de s'infiltrer. Celle-ci va ruisseler. Sa vitesse augmente au fur et à mesure de la descente, tout en emportant des particules solides et des matières dissoutes. Le pouvoir érosif de ces particules en mouvement est proportionnel à la cinquième puissance de leur vitesse ( $V^5$ ). Les dimensions des particules que cette eau peut tenir en suspension sont proportionnelles à la sixième puissance de la vitesse. Il faut donc trouver des moyens pour diminuer la vitesse des eaux descendantes. Plusieurs méthodes sont préconisées:

- Fossées anti-érosives continues ou aveugles secondées par des haies de graminées selon les courbes de niveau.
- La culture en contre pente; les billons devant servir de barrages contre l'eau descendante.

.../...

- La culture en bandes. La largeur des bandes devant être adaptée à la pente. Une pente raide entraîne une bande étroite. La bande supporte une culture différente de l'autre. Une rotation judicieuse doit être observée.
- Application du fumier. Ce fumier favorise une bonne croissance des plantes couvrant complètement le sol et le protégeant ainsi contre l'intensité de la pluie.
- Eviter à tout prix les feux de brousse.
- Faire un élevage rationnel en tenant compte de la disponibilité des terres.

#### Partie 5. AMELIORATION DES SOLS

Fertilité des sols tropicaux: La végétation luxuriante des forêts tropicales a conduit à attribuer aux sols tropicaux une fertilité naturelle élevée. Les faibles rendements obtenus dans la culture indigène suffisent à montrer que la conclusion précédente comporte de sérieuses réserves. Les sols tropicaux sont pauvres en éléments nutritifs. La matière organique constitue alors la source essentielle des éléments puisés en profondeur et concentrés en surface par la végétation. Ces éléments libérés au cours de la minéralisation de l'humus permettent le développement de quelques récoltes après défrichage au feu de brousse mais la baisse rapide de la fertilité entraîne le déplacement des cultures. La couche humique disparue laisse en surface un horizon très appauvri. La savane s'installe progressivement avec un envahissement d'espèces sans valeur comme des graminées (*Eragrostis*: *ishinge*). C'est pourquoi les mesures de conservation et d'amélioration des sols s'imposent. Nous avons parlé de l'érosion et des moyens de la combattre; nous allons nous pencher maintenant sur l'amélioration des sols.

L'amélioration des sols doit aboutir à l'intensification des cultures c.à.d. obtenir le plus haut rendement possible par unité de surface.

- La fertilité des sols dépend de plusieurs facteurs connus ou inconnus pour le moment, mais pour les sols tropicaux, cette fertilité dépend essentiellement de la matière organique.

Les expériences menées au Rwanda et dans d'autres pays sous les tropiques <sup>tropiques</sup> /démontrent qu'une application d'engrais minéraux sur les sols ferrallitiques<sup>s/</sup> pauvres en humus, donnent des rendements inférieurs à ceux escomptés. Il ressort de ces mêmes expériences qu'une application de fumure organique est préalable pour atteindre des meilleurs résultats. Nous sommes arrivés à la conclusion que l'association agriculture élevage constitue la meilleure formule pour le maintien de la fertilité des sols et partant l'augmentation de la production.

.../...

agricole. Cette formule convient bien pour le pays dont la structure agricole repose sur une multitude de petites fermes indépendantes. L'agriculture et l'élevage se complètent admirablement.

- Une haie anti-érosive peut être plantée en fourrage (setaria, pennisetum) dont les coupes sont destinées au bétail.
- Une jachère artificielle de longue durée (Desmodium) peut être pâturée.
- Une courte jachère (Mucuna) enrichit le sol et les graines et les feuilles sont destinées au bétail comme supplément.
- De nombreux sous-produits agricoles sont bien apprêtés par le bétail : feuilles et stippes de bananiers après récolte, fanes de légumineuses, pailles etc...

Le maintien et le développement de l'élevage sont donc une nécessité sur le plan agronomique, social et économique. Une vache en stabulation peut donner 8 tonnes de fumier par an. Mais pour ça il faut que l'on dispose d'une étable convenable, d'une litière abondante et régulièrement renouvelée, d'une fosse à fumier couverte pour faciliter la décomposition et garantir une qualité supérieure de fumier.

Pour des personnes ne possédant pas de vache, des compostières sont recommandées tout près de la maison pour recueillir tous les déchets de la ferme ainsi que des fanes et pailles provenant des champs. La compostière doit être couverte mais de telle façon que l'eau de pluie puissent passer à travers.

Pour avoir un bon compost, on doit le garder humide et le remuer souvent pour que la décomposition soit homogène.

Le fumier de vache et le compost doivent être enfouis équitablement au moment du labour. Quant le fumier reste exposé au soleil, certains éléments comme l'azote, s'échappent dans l'atmosphère ou se transforment dans des formes non assimilables par les plantes.

Le fumier utilisé est destiné <sup>à</sup> redonner au sol tous éléments exportés par les plantes et permettre ainsi une bonne récolte pour la saison suivante.

Un élevage tel que nous le concevons, bovin et petit élevage doit donc apporter au paysan de la fumure pour retaper son capital-sol, des protéines animales pour sa consommation et de l'argent provenant du surplus commercialisable.

Partie 6. CARACTERISTIQUES DE L'AGRICULTURE RWANDAISE.

La population rwandaise est avant tout agricole puisque plus de 95% s'occupent des activités agricoles. En 1971, la superficie moyenne de terres cultivables disponible par famille était de 1,25 Ha. En 1980, elle sera peut être tombée à la moitié.

La rareté de nouvelles terres agricoles, la baisse de la fertilité des sols et la très forte explosion démographique, placent l'agriculture rwandaise devant l'impérieuse nécessité de passer du mode d'exploitation plus ou moins extensif au mode intensif pour produire plus.

Notre agriculture est encore au niveau de subsistance puisque la grosse part de la production agricole est auto-consommée. La production agricole subit le contre coup de l'infini morcellement des terres. Les rendements sont très faibles. Un état de semi-disette existe dans de nombreuses régions du pays surtout dans la période de soudure.

Les enquêtes alimentaires en milieu rural ont montré l'abondance de glucides et protides végétaux, le manque de lipides d'origine végétale et animale, l'importance des boissons ferment ainsi qu'une consommation encore faible de légumes verts.

La conservation et l'amélioration des sols, la pratique des meilleures méthodes culturales, l'utilisation des semences à haut rendement permettront selon les objectifs du 2<sup>e</sup> plan quinquennal d'obtenir un accroissement moyen annuel de plus de 3% pour les productions vivrières. Cette augmentation doit être supérieure au taux de croissance démographique pour que notre agriculture passe de l'économie de subsistance à l'économie de marché.

Le développement des cultures moins traditionnelles soja, riz, différentes sortes de légumes, doit être soutenu par tous les responsables de l'économie nationale. Ces cultures apporteront un meilleur, équilibre dans la ration journalière des populations par l'apport de lipides et protéines d'origine végétal.

A côté des productions vivrières. Le Rwanda dispose d'une gamme de produits industriels:

a) Le café: Le café occupe une place prioritaire dans l'économie nationale. Son rôle est déterminant en ce qui concerne

.../...

Le revenu monétaire des masses rurales, l'activité commerciale, l'équilibre budgétaire et les ressources en devises de la nation.

Les responsables dans les préfectures, dans les communes doivent prendre à coeur la culture du café et encourager le paysan par l'exemple et les conseils à bien entretenir les caféiers en leur apportant les soins nécessaires tel que: le paillis, la taille, la desinsectisation etc....

Vu l'importance de notre café, sur <sup>le</sup> plan aussi bien intérieur qu'extérieur, nous avons créer des zones d'intensification pour atteindre l'objectif 80 de 30.000 tonnes de café marchand. Les zones qui n'ont pas été choisies ne doivent pas délaissier cette culture. Les mêmes efforts doivent être faits par tous les caféiculteurs.

Grâce au programme de diversification des cultures industrielle. Déjà mis sur pied par le gouvernement, les plantations et les usines de traitement de thé se développent à un rythme très soutenu. Les autres culture telles que le pyrèthre, le coton, le quinquina, la canne à sucre, arachides etc... reçoivent aussi une attention toute particulière.

Le développement de toutes les cultures est destiné à assurer un revenu appréciable au paysan et à relever son standing de vie. Aussi les autorités préfectorales et communales sont appelées à faire réussir les objectifs contenus dans le Discours Programme de notre Chef d'Etat pour le bien être de tous.

-----

Bwana Veterineri wa Prefegitura ati:

Kurwanya isuli bazajya mu milima y'abaturage cyangwa nahadahinze gusa?

Bwana KAREKEZI ati:

Abaturage bazajya bateranira hamwe barwanye isuli mu masambu yabo ndetse nahadahinze kuko batahakoze ntacyo bababakoze.

Bwana Prezida w'Urukiko rw'Iremezo ati:

Ko aho batangira guhinga batema amashyamba bagatwika ibyatsi wowe ukaba uvuga ko bibujijwe n'urwili bararwihorera?

Bwana KAREKEZI ati:

Ibiti biracanwa, ibyatsi bikarundwa, urwili ruhinduka ifumbire iyo ruli hamwe. Ifumbire y'ivu ntabwo itinda mu butaka.

Bwana Prefe ati:

Nange ntabwo nemeraga ko urwili rushobora kubora rugahinduka ifumbire, nabibonye kwa Bwana NKEZABERA birantangaza; none abaturage bo mu karere ka Busanza Komini Kanombe, nta numwe ugitwika urwili, bararurunda, rwamara umwaka rugahinduka ifumbire.

Bwana Burgmestri wa Komini Rushashi ati:

Kurwanya isuli mu buryo mwavuze mu misozi y'iwacu, turabikora akaba alibwo imisozi itwarwa cyane. Jye n'Agronome twemeje ko ahameze hatyo twajya tuhatera amashyamba cyangwa ubwatsi.

Bwana KAREKEZI ati:

Ahabi cyane mwahatera ishyamba naho ahandi mwacukura cyane itarasi hanyuma mugatera ubwatsi. B'Agronome bazaberekera kandi tuzageragereza hamwe turebe icyaba kiza.

Bwana Burgmestri wa Komini Mugambazi ati:

Hashize igihe twaracukuye imingoti aliko na nubu twabuze ubwatsi badusezeraniye; ubwo se nzongera mbwire abaturage gucukura indi bankundire?

Bwana Diregiteri wa Projet ati:

Ubu ubwo bwatsi buragumye. Twajyaga tubukura muli Kabusa none bwarashize. Ubu ntegereje kubwo muli Peyizana buzaboneka nkabazanira cyangwa se ahandi nabubona nko muli ISAR.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Bakwiye kujya bakora pépinière y'ubwatsi aho bageze barwanya isuli.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanzenze ati:

Abagapita batatu bazatangwa bazajya no muli paysannat?

Mwali mukwiye kuzadushakira udutabo twigisha iby'ubuhinzi kugirango tujye dusobanulira neza abaturage.

... / ...

Bwana KAREKEZI ati:

Muli paysannat n'abakungu bafite ababo kandi badahali babashyiraho. Abo batatu navuze nabazafasha abaturage batali muli peyizana. Muli abo uko ali batatu, utazakoresha metero 500 ntazandikirwa umubyizi. Uzakora metero nyinshi mu munsu azabona amafaranga menshi.

Agatabo kabigisha ibyo guhinga natwe twaragatekereje. Ministri yategetse ISAR kukandika; kazaboneka mu minsi ili mbere.

Bwana KANYAMIZIGO ati:

Abo bagapita bazashyirwaho bazaba arabize amashuli, abize CERAR cyangwa abaturage gusa?

Bwana KAREKEZI ati:

Babonye ababizi byaba ali byiza kandi nabize amashuli babyemeye ntacyo bitwaye aliko ntibazashyireho abana. Ako n'akazi ka Burgmestri n'Agronome w'akarere.

Bwana Su-Prefe TABARO ati:

Namva abantu bavuga ko umulima wagiye ifumbire ya kizungu (engrais chimique) iyo ibuze ntayindi ishobora kujyamo ngo were; n'ukuli?

Bwana KAREKEZI ati:

Jye simbyemera ahubwo ntiwera nkuko weraga zilimo. Izindi fumbire zitanga biko (rendement) naho yo itanga byinshi kubera ko yinjira mu biterwa vuba.

Bwana Inspektori w'Imilimo ati:

Waruze ko ubuhinzi aliyo ntango (base) y'amajyambere, sinzi niba umunyarwanda ashobora kugera ku mibereho myiza akoresha isuka gusa cyangwa ngo agere ku majyambere ahanitse (industrie) adategereje iby'ahandi. Ndakubaza niba koko bizashoboka?

Bwana KAREKEZI ati:

Nuko ahahingwa ali hato, dufite hanini byashoboka. Nicyo gituma muli iki gihe dukwiye kwihatira kongera umusaruro ngengabukungu (Cultures industrielles) byadufasha kugera ku majyambere ahanitse.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Amashyamba batera n'inturusu na barakatsi bivamo inkwi bikanubaka. Imbaho ziva mu mahanga zirahenda kandi abana bava muli za CERAR bakeneye imbaho zo kubaza; ndabaza niba hali programu yo gutera amashyamba nk'ayo?

Bwana KAREKEZI ati:

Navuze amashyamba yo kurwanya isuli no gufata ubutaka atagomba ahantu heza. Amashyamba avamo imbaho ashobora guterwa ku mihanda cyangwa se ahandi habonetse aliko heza. B'Agronome babibafashamo mukagira pépinière ya Cyprès na Greveria iruhande rwiya bya byatsi (cetaria) nkuko Agronome wa Prefegitura yabivuze.

Bwana Direktori w'Ibitaro ati:

Maze kubona ukuntu twiyongera n'ibindi byinshi byavuzwe, murabona koko ubuhinzi bwonyine buzagira icyo butugezaho?

... / ...

Bwana KAREKEZI ati:

Twihatiye gufumbira cyane imilima yacu umusaruro ukiyongera, twabona amafaranga tukagira industrie noneho tugahaha kuko dufite hatwaha hahingwa.

Bwana Su-Prefe GAKUBA ati:

Igihe barwanya isuli nk'iterasi igaca mu murongo w'ikawa cyangwa mu nzu, ubwo babigenza bate?

Bwana KAREKEZI ati:

Ubundi niveau ziba ku misozi ahadatuwe naho mu masambu b'Agronomes bazi uburyo babihunga.

=====

74  
SOMMAIRE

1. HABITAT.

A) PROBLEMES DE LA POPULATION.

B) LES GROUPES RESPONSABLES SONT AMENES A:

C) LE PROBLEME DE L'HABITAT.

2. LA ROUTE.

1) L'IMPORTANCE DE LA ROUTE.

2) LE BUT DE LA ROUTE ET SES CARACTERISTIQUES TECHNIQUES.

3) VOIRIE COMMUNALES ET SON ENTRETIEN. (GENERALITES)

4) ENTRETIEN

5) BUT DE LA CONFERENCE.

---

- Le  
veut  
- Il ne  
en dess  
nas.  
environ de 3 % par an; cela  
o millions d'habitants.  
les 45 % de notre peuple sont formés par les jeunes

- De tous ces chiffres nous pouvons voir que nous nous trouvons devant une situation qui nous oblige à une action commune et bien organisée.
  - Le développement communautaire n'est possible qu'avec le concours des citoyens, ( par des efforts concertés et une participation active).
- Notre Gouvernement s'efforce de tenir compte de toutes les nécessités du pays et du peuple sur tous les domaines; comme:
- santé publique
  - jeunesse et sport
  - éducation
  - travaux publics etc...

Pour mentionner seulement quelques uns des plus importants.

- Cette tâche du Gouvernement dont les ressources ne sont pas illimitées, serait presque insoluble sans la coopération du peuple bien encadrée dans une action organique et coordonnée.

#### C. BROSSONS EN VITESSE LE PROBLEME DE L'HABITAT.

- Comme vous le savez notre peuple habite actuellement non seulement dans la communauté, villages ou villes, mais surtout séparément formant un type de communauté dispersée.
- Seul 10 % de notre population vit dans des villages ou des villes.
- L'avenir de notre nation n'est pas imaginable sans une vie communale et organisée
- Nous devons nous habituer à passer du plan d'action individuel au plan d'action commune.
- Notre espace vital devient jour à jour plus étroit; cela nous oblige à nous resserrer pour former une communauté unie.
- Cette dispersion de la communauté, réduit fortement la surface du terrain à cultiver.

Par exemple:- La surface du terrain utilisée est de 70 % du territoire national.

- Sur cette surface utilisée de 18.650 Km<sup>2</sup> vit et travaille 97 % de notre population.
- Le sol est travaillé surtout par des familles pour couvrir les besoins familiaux.
- Il est absolument nécessaire d'atteindre une production agricole supérieure.
- Pour cela il est nécessaire d'appliquer des méthodes de culture plus intensives.

Tout cela est important et urgent, il ne peut être achevé que si on se resserre et s'organise dans des communautés.

On peut donner à ce sujet des innumérables exemples pour démontrer la nécessité vitale de se resserrer, de s'unir et de s'organiser en communes.

## 2. LA ROUTE.

### 1) Est-ce que la route est importante?

- Oui, très importante pour la nation, un pays sillonné de routes de voies ferrées, disposant de ponts et d'aéroports est un pays qui grandit et qui se développe.
  - La superficie, si faible soit-elle, ne réduit pas son importance; ses moyens de communication le placent au sommet du progrès.
  - Il n'ya donc pas de développement possible sans facilité de transport.
  - Je crois qu'il ne servirait à rien d'accroître la production de diversifier l'économie, de créer des industries, si les régions entières devaient rester isolées, si les hommes ne pouvaient se connaître et commercer entre eux, s'ils n'étaient pas en mesure d'échanger leurs valeurs et de se stimuler dans le commerce.
  - Les Suisses ont fait sauter les rochers, ils ont creusé leurs montagnes, ils ont dépensé dix fois plus que les autres pour vaincre les obstacles placés sur leurs chemins parce que, malgré le coût de l'effort, l'accroissement des moyens de communication représentait une question de vie ou de mort pour l'économie de leur pays.
- Les tâches devant lesquelles nos communes se trouvent placées sont innombrables, elles n'en sont que plus stimulantes.
- Les programmes sont difficiles à établir, parce que souvent, le choix de priorité semblent impossibles à déterminer.
- Mais il en est un qui dépasse en importance tous ceux qui un jour, feront de votre commune, une commune riche et prospère parce qu'il est à la base de cette richesse et de cette prospérité: c'est l'accroissement des liens entre les habitants et entre d'autres communes.
- Un critère capital du développement d'une nation, d'une commune est la fixation de son revenu par tête d'habitant. Quel que soit l'enrichissement d'une ville ou des villes, quel que soit l'établissement d'industries généralement connexes à ces villes, le niveau moyen du revenu par tête d'habitant ne pourra jamais s'élever dans des proportions acceptables tant que les habitants des campagnes n'aurent pu participer à cette expansion des centres urbains.
- Ils ne le pourront que si leurs lieux d'habitation sont reliés à des centres avec lesquels ils pourront commercer, vendre leurs produits, acheter ce dont ils ont besoin. Il faut qu'ils sentent leur rôle dans la vie de la nation, qu'ils y participent avec rendement.

### 2) Le but de la route et ses caractéristiques Techniques.

Une route est contruite pour faire transporter les marchandises et des personnes; d'une manière confortable et qui n'est pas dangeureux.

.../

...

Les différentes parties de la route:

- a) L'emprise de la route est la surface du terrain appartenant à la collectivité ainsi qu'à ses dépendances.
- b) L'assiette de la route: est la surface du terrain réellement occupée par la route.
- c) La plate-forme: est la surface de la route qui comprend; la ou les chaussées, les accotements et terres-pleines (Bermes centrales).
- d) La chaussée: est la surface aménagée de la route, sur laquelle circulent normalement les véhicules, la route peut-être à chaussée unique, soit à chaussée séparées.
- e) Les chaussées séparées: peuvent être construites sur une même plate ou sur des plates formes différentes.
- f) Les pistes cyclables: sur certaines routes, une ou plusieurs voies spéciales légères sont aménagées sur les accotements.
- g) Les trottoirs: sont des accotements aménagés pour la circulation permanente des piétons.
- h) Les fossés : sont creusés dans le terrain pour l'écoulement des eaux. Ils sont en général en forme trapézaïdal ou à profil triangulaire suivant les cas.
- i) Ponçons: Ouvrages d'art pour évacuation des eaux pluviales et ruissellement.

3. VOIRIE COMMUNALE ET SON ENTRETIEN.

- Notre réseau routier, comme partout ailleurs a son origine dans le raccordement des sentiers familiaux; c'est -à-dire que ce sont des routes et chemins pour satisfaire principalement un besoin individuel et quotidien. Ces chemins servent dans la plupart des cas seulement pour le trafic des piétons. Ils ne peuvent pas être utilisés par des véhicules surtout à cause de leurs pentes très prononcées.
- Aussi dans ce domaine des communications et des transports on est à présent engagé et dans l'avenir on le sera chaque jour plus. Les moyens de locomotion, trouvent de plus en plus leur place dans notre vie quotidienne.
- Mais cela sera possible seulement si les voies de communications mènent vers des communautés serrées et organisées.
- Celui-ci est un des grands problèmes devant lequel se trouvent aujourd'hui les routes communales.

4. ENTRETIEN

- Notre pays a une situation très favorable au point de vue climatique et topographique.
- Les saisons de pluie et sèches sont régulières.
- Mais au point de vue entretien des routes pendant la saison de pluie, agrave et complique notre tâche d'entretien.

a) Comment les entretenir?

Evacuer les eaux pénétrées le plus rapidement possible. C'est-à-dire Donner la forme de la route. (voir croquis en annexe 1,2).

.../

- 5 -

A) Conduire l'eau superficielle vers les canaux de chainage:

Toute l'eau venant de la plate-forme de la route sera recueillit par les avaloirs, qui la conduit vers les ouvrages spécialement conçus pour la recevoir. (caniveaux saignées).

Caniveaux: (voir annexe page 3).

Saignées: elles sont en général espacées de 15 à 20 m max., elles doivent avoir une largeur d'au moins 0,60 m et de préférence 1 m pour mieux fonctionner.

B) LES CAUSES QUI ENTRAVENT L'ECOULEMENT DES EAUX:

1. L'exhaussement des accotements gazonnés
2. Ornières bordant la chaussée.
3. L'affaissement de la bande de roulement.

Remèdes plus explication.

5. BUT DE LA CONFERENCE.

Le but de ma conférence était de vous donner une perspective sur la relation de l'habitat et de la voirie communale, de vous informer en grandes lignes le programme de construction et d'entretien des routes.

Vous expliquez les points importants sur l'entretien des routes communales. Nous sommes au début d'un programme routier important.

Exemple: Asphaltage des grands axes routier

Entretien massif des routes nationales.

Vous devez avoir une conviction que votre travail est très important pour le développement de la nation.

Le Gouvernement a pensé à s'adresser à vous parce que vous êtes les seuls à pouvoir influencer sur la volonté de coopération et de travail de vos hommes et de vos voisins.


Nous avons l'espoir qu'en partant d'ici vous allez consacrer tous vos efforts pour le progrès du pays et de son peuple.

AUTEUR: NZABARA Anastase


Chef de Division "Travaux "

C/o Ponts et Chassées. KIGALI.--  
sé/

UHU!! MES  
AMORTISSEURS!




(BON) MWIZA




MAUSAIS  
MUBI


REPARATION  
GUSANA




BON MATERIAUX  
IBIKORESHO BYIZA




NETTOYER LES TROUS  
KOZA IBINOGO




LATERITE BIEN MOUILLEE  
URUSE KABUYE RUTOSE





COMPACTER PAR COUCHES  
GUTSINDAGIRA BULIGITAKA



LA CHAUSSEE BIEN REPAREE  
UMUHANDA UKOZE NEZA





ÉCOULEMENT DES EAUX PLUVIALES




ÉCOULEMENT DES EAUX




COUPER L'HERBE SEULEMENT  
ÇA PROTÈGE L'ÉROSION  
ENEMA IBRAHIM GUSA EILINDA ISULI




LOCALISATION




METHODE




LA TRANCHEE PROFONDE, LARGE




PAS ASSEZ PROFOND



REMBLAI EN TERRE: RECHARGEMENT  
COMPACTAGE



RECHARGEMENT  
REMBLAI  
ARBRES



DEBATS

83

Bwana Su-Prefe GAKUBA ati:

Imihanda yose uravuga ko ali mibi,ubu murategura iki kugirango murwanye icyo cyorezo?

Ali ugutura barundanye cyangwa ku mihanda ikiza n'iki?

Bwana NZABARA ati:

Muli iki gihe twagize imvura idasanzwe naho ubundi twajyaga turwanya.Ibikoresho ntibihagiye hagakubitiraho n'ubumenyi buke. Nicyo gituma tugiye kwigisha abagapita ngo be kuba abahagalikira gusa.

Jye ubu sinabona icyo nkubwira bizaterwa na Etude izakorwa.

Bwana Prefe ati:

Hali ikibazo gikunda kuza cyane kerekeye za centres de négoce et administratif;nta programme d'urbanisation ihali? Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yagishyikilije iyanyu aliko sinzi aho bigeze.Byali bikwiye kumera nkuko bimeze ino i Kigali.

Bwana NZABARA ati:

Iyo Komini ifite ikibazo nkicyo iracyidushyikiliza. Sinzi ko twatega hose kubaka ku buryo bumwe ngo bishoboke.Nzabishyikiliza abanteguka,bazabasubiza.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Hali umuhanda Leta yirengagije kandi unyurwamo na za Bus. Usanga abaturage bavuga ko batazakora imihanda Leta yananiwe;nta nubwo mwatumenyeshije ko uwo muhanda ali twe tuzawukora ngo tubiteganye.

Bwana NZABARA ati:

Icyo n'ikibazo kili hose.Mbere hali imihanda Leta yakoraga hanyuma ejo bundi bagira inama yo kuyireka ikaba iya Komini kubera amafaranga make.

Muli Kiyovu na Kanombe hali imihanda dushyiraho tubafasha;iyo mihanda iyo yuzuye ifatwa neza na Komini.Mwabyumvisha abaturage ko al'iyabo, aliko kuko muli hafi yacu twajya tubanyulizamo icyuma.Muzarebe mu nzandiko bilimo.

Bwana Prefe ati:

Uwo muhanda baretse,ujoya kuli Komini na Camp Militaire; sinumva igituma bawuretse ukulikije agaciro ufite?

Bwana NZABARA ati:

Voirie ya Kigali ntiragira imbago.Mushobora kwizera ko wazemerwa mu yindi twagennye (proposées) izakorwa na Leta.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Hali umuhanda ujoya i Jali ukorwa na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ndetse na Burgmestri akabidufashamo kuko ufite akamaro cyane; nabazaga niba Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho itadufasha gutinda ibiraro biwulimo byananiranye?

Bwana NZABARA ati:

Twagiyeyo dukora devis; amafaranga naboneka tuzabafasha.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Ibyo byo gutuza abantu byali bikwiye kuza vuba kugirango umuntu atazubaka inzu ikomeye ikazasenywa ngo ntabwo ili ahakwiye.

Bwana NZABARA ati:

Biracyigwa ku buryo bitazababaza umuturage, Turisime n'Ubukungu bw'Igihugu. Ushatse kubaka inzu ikomeye nakugira inama yo kubaka k'umuhanda upimye.

Bwana Prefe ati:

Muli Peyizana ho bimeze neza uretse ko imihanda yabo idakorwa neza. Nabazaga niba Projet Kigali-Nord nta Etude ifite kubyerekeye habitat?

Bwana Diregiteri wa Projet ati:

Nta mpuguke dufite ibizi; cyakora twabishyize aho bagomba kubitwigira (Aménagement du Territoire). Hali uwo twohereje wagiye kubyiga, naza tuzatangira. Ubu icyo dukora nuguhuza imihanda.

Bwana Burgmestri wa Komini Mugambazi ati:

Twabandikiye tubasaba ikiraro n'ubu nta gisubizo turabona? Iyo mubuze kudufasha mwanga no kutwoherereza impuguke idukorerwa devis?

Bwana NZABARA ati:

Iyo tujya gufasha tureba amakomini akennye kurusha ayandi. Nka Komini Mugambazi ili muzikize ndetse zakwirwanaho. Impuguke twohereje ikora devis ikwerekako ko dufite umutima mwiza wo kugufasha aliko namwe mujye mushyiraho akanyu.

Bwana Prefe ati:

Ayo mafaranga y'imfashanyo, mwali mukwiye kujya muyagabanya za Prefegitura noneho tugafatanyaga namwe tukareba ibyihutirwa. Ubundi usanga halimo uburyamirane kuko hali Komini nyinshi zidafashwa kandi byali ngombwa.

Bwana NZABARA ati:

Ibyo natwe twabigezeho dusanga nta kamaro kuko Prefegitura yabona make (100.000Fr). Nk'iteme ryubatswe na 1.000.000Fr likaba ryihutirwa urumva ko ryamara inyaka cumi. Nzogera nibutse bateganye menshi.

Bwana Burgmestri wa Komini Kiyovu ati:

Nkuko dufite abagronome mu makomini ntimwaduha impuguke zizajya zidupimira imihanda zikadutindira n'ibiraro?

Bwana NZABARA ati:

Kugeza ubu dufite abakozi batatu (ingénieur) babizi aliko nizeye ko abagapita tuzahugura bazagerageza kubafasha.

Bwana Burgmestri wa Komini Tare ati:

Ese twakwandikira Service y'Ibiraro n'Imihanda ko twandikira Ministeri ntidusubize? Hali na facture twohereje none twabuza amafaranga.

Bwana NZABARA ati:

Wandikira Ministeri hanyuma ubigenewe (Chef de bureau courrier et archive) agakwiza inzandiko muli Service zibishinze.

Ndabibutsa ko ibiti biteye k'umuhanda al'ibya Leta. Utura k'umuhanda, ajya inyuma y'intambwe (metero) 15.

Bwana Burgmestri wa Komini Bicumbi ati:

Hali imihanda inyerera igomba amabuye; kuyatundisha ingorofani bikaturushya; nta buryo twakodesha imodoka iwanyu cyangwa mukayiduhaho imfashanyo?

Byashoboka ko twaboherereza abantu mukabatwigishiliza ibyerekeye imihanda n'amateme tukabihembera?

Bwana NZABARA ati:

Biterwa nibyo mwatwatseho imfashanyo, n'imodoka bishobotse twazitanga nuko ubu dufite natwe nke.

Icyo cyifuzo cyawe nanjye ndagishyigikiye. Ndagishyikiliza abakuru barebe ko bakwigana n'abagapita b'Ibiraro n'Imihanda.

Bwana Burgmestri wa Komini Rushashi ati:

Ese batoranya imihanda bakulikije iki kugirango imwe ibe iya Leta indi isigare al'iya Komini?

Bwana NZABARA ati:

Hali inama (commission) iyitoranya na Prefe w'iyo Prefegitura aba ayilimo, hanyuma bikajya mu nama ya Leta ikabyemeza.

Bwana Burgmestri wa Komini Musasa ati:

Hashize imyaka irenga 3 dusaba ko badukulira ibitare bili mu muhanda uduhuza na Komini Shyorongi nta gisubizo. Birababaje ku buryo nta muturage tuzongera kubwira gukora umuhanda ngo akunde kubera akanaro uwo muhanda wali ubafitiye batayeho amaboko yabo. Niba mudafite ibikoresho ntimwabwira SOMIRWA ikadutiza?

Bwana NZABARA ati:

Ibikoresho twatumije biracyali mu mato n'amafaranga dufite ni make. Nkuko wabivuze, mubwiye Bwana Prefe cyangwa Burgmestri wa Komini Rutongo yabatilira ibikoresho muli SOMIRWA.

Bwana SEKAMONYO ati:

Imihanda myinshi ntigira ibyapa bigatuma imodoka zihuta cyangwa zica ahataliho zikaba zakwica abana.

Iyi mihanda (pistes) inyura mu masambu abaturage bashobora kuyituraho?

Bwana NZABARA ati:

Ibyapa birakenewe cyane ndetse na Leta ibilimo. Twatangiye kwiga uko tuzabikora (Etude de signalisation). Komini nayo ifite amafaranga abigenewe yatubwira tukayihira inama maze zigahuza (normalisation). Turasaba ko ibiliho batabyonona babikoramo imbabura, babigonga hanyuma n'agasigaye bakakarandura. Abakora ibyo mubabonye mwabitumenyesha cyangwa mukabadushyikiliza bagahanwa.

.../...

Ahateye ibiti, bagomba gutura muli metero 15 uvuye k'umuhanda.  
Iyo ali benshi bubaka kimwe n'inzu zigaherera hamwe (harmonie).

Bwana Diregiteri wa Projet ati:

Igihe ibyapa bitaraza ntimwaba muduhaye Karte y'imihanda aho  
kugirango umuntu agende ayobagulika?

Ibintu bazubakisha bili mu gihugu n'inkibihe?

Bwana NZABARA ati:

Iyo Karte yarakozwe aliko halimo ibikosheje bigikosorwa.  
Uyishatse bayiguha ntihakoshejemo byinshi.

Ibikoresho bili mu Rwanda n'amatafali n'amategura. Ubu Ministeri  
yacu ifatanyije niya Plan baliga ukuntu itegura ryasimbura fibrociment.

=====

AKAMARO KA TURISIMI MU RWANDA.

Ni mugire amahoro mukomeze amajyambere muli iyi Prefegitura. Kandi mutahe n'abakozi ba Ofisi ya Turisimi na Parki Nasiyonalali mu Rwanda badutumye ahangaha.

Abakuru ba Ofisi n'intumwa zayo muli kumwe hano bishimiye cyane kubonana namwe, kugira ngo tunganire ibyerekeye akamaro ka Turisimi mu Rwanda, ngo twungurane ibitekerezo, dukomeze ishyamba ryo gufata neza igihugu cyacu, kugitaka ngo kirusheho kugendwa no kunogera abagenzi, kuragira ibyiza bitatse u Rwanda. Ibyo byose tukabimenya tukabyumvisha abantu dushinzwe kuyobora.

Mbere yo gutangira iki kiganiro, aliko, ari abakozi ba Ofisi ari namwe mwese, dukwiye gushima cyane Abakuru b'Igihugu cyacu. Umubyeyi wacu Nyakubahwa Jenerali Major HABYARIMANA Yuvenali, Prezida wa Republika akaba na Prezida wa Komiti y'Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu, abafasha ba Prezida mu milimo y'Ubuyobozi bw'Igihugu cyane cyane uw'Ubutegetsi bw'Igihugu n'abakozi ba Leta, Lieutenant-Colonel KANYARENGWE Alegisi waduteguliye uyu mwanya w'akataraboneka ngo duhure tunganire.

Abakuru b'Igihugu bashinze Ofisi ya Turisimi na Parki Nasiyonalali mu Rwanda kugira ngo yite ku byerekeye abagenzi bagenzwa no kureba ibyiza bitatse igihugu cyacu. Abo bagenzi tubita kenshi mukerarugendo. Ntibagenzwa no gucuruza, imibonano ya politiki cyangwa impamvu zindi zishingiye ku bukene cyangwa guhaha amafranga... n'izindi nk'izo. Bajya kureba ibihugu, kuruhuka, kwimara amatsiko y'abantu bali batarabona. Basanga imali yabo ikwiye kubungura ibitekerezo bareba imyifatire y'abantu badahuje umuco, bakaganira, bakagura nk'utuntu tw'urwibutso bazajya baratira ab'iwabo. Hali n'ab'ihanduzacumu bagenda ku maguru, bakikorera uturingiti twabo bakarara ku misozi... aliko amaherezo bakagera ku cyifuzo cyo kubona inyamaswa zitaba iwabo, imisozi iteye ukundi... u Rwanda bali buliwe. Ntitwibagiwe n'abatuye mu gihugu kuko nabo ababishoboye twifuza ko bamenya aho batazi mu gihugu cyabo. Kandi tukiyumvisha ko abo bagenzi atali abaturutse i Burayi gusa. Twizeye ko n'abo mu bihugu bidukikije, nako abo mu bihugu bya Afrika nabo batazabura kutugenderera mu buryo bwa turisimi.

/.....

Impamvu zatumye bashyiraho Ofisi, Abategetsiki ba Republika y'u Rwanda bahereye ku byiza bitatse u Rwanda "ali mu muco w'abanyarwanda w'ubugwaneza, ali uko rumeze mu bushyuhe no mu bukonje bwawo bimeze neza cyane, amazi yarwo imisozi yarwo, ibirunga byarwo, amashyamba yarwo, inyamaswa zarwo, cyane cyane izo muli Parki zarwo, abanyamyuga barwo n'abakinnyi barwo n'ibindi n'ibindi.

Ibyo byose basanze ali ngombwa ko habaho ibiro bifite amategeko agengwe gutsura amajyambere ya Turisimi no kulinda ibyo byiza bitatse u Rwanda ngo hatagira ikibihugu ahabwo byitabweho kugira ngo bigilire igihugu akamaro, byungure ubukungu bw'igihugu mu gihe ba mukera-rugendo baza ali benshi barehejwe na Ofisi nayo ishingiyeye kuli ibyo byiza birutatswe izabereka. Bajye bagira icyo basiga mu gihugu.

Nibwo mu mwaka ushize iteka ryo kuwa cumi n'umunani kamena 1973 rishyirwemo Ofisi ya Turisimi na Parki Nasiyonali mu Rwanda.

Ibyo biro bishingiyeye kuli Leta byitwaga Ofisi ya Turisimi na Parki Nasiyonali mu Rwanda, mu magambo ahinnye O.R.T.P.N. irangwa n'ijamba Ofisi, ifite ubwihagaralire, ikagengwa n'amategeko yayo mu bikorwa byayo byerekeye tekiniki, ubuyobozi n'imali ikulikije imbibi zishyirweho n'itegeko ryayishyirweho.

Ihagaliye na Prezida wa Republika, ibiro bikuru byayo bishinzwe i Kigali. Iyo Ofisi igenewe guteza imbere Turisimi no gukora igishobora gufasha Turisimi kujya mbere nko :

- a) kwamamaza no gukundisha ibyiza n'imikino kamere by'u Rwanda,
- b) kwiga, kugaragaza no kurwanilira amategeko yose, ubuyobozi bwose n'ubundi buryo bwose bwatuma igihugu kigendwa n'abaturarwanda n'abava mu mahanga kandi bagatsura turisimi, nicyo gituma iyo Ofisi igomba kubwira ababashinzwe kulinda amahoro mu mihanda, gutunganya ibyerekeye gutuma n'impapuro z'ingendo, gushyira ibimenyetso ku mihanda, kurwana ku mahoro y'abantu, no gutunganya ibya ngombwa byose by'ingendo n'amacumbi.
- c) guteza imbere no guhuza ibikorwa bya Leta n'iby'abantu ubwabo, cyane cyane ibyo bitangiliye, iby'imitwe y'abanyamyuga n'abanyamikino y'igihugu, n'indi mitwe yose y'abakora mu byerekeye Turisimi mu Rwanda;
- d) kugira umubano na za Ofisi za Turisimi z'ahandi n'abategura ingendo bo mu mahanga, cyane cyane abo mu bihugu duhuje imipaka;
- e) gufatanya n'abashinzwe amatangazo yamamaza igihugu cyacu ;
- f) gushakashaka no gutera inkunga abashaka gushyira amafanga yabo mu byerekeye Turisimi; ifasha imiryango y'igihugu n'abikorera kugera ku butegetsiki;

/.....

2° Kulinda ubutaka uko bwaremwe mu bice byose bya Republika ifitemo imilimo ya Turisimi cyane cyane kulinda ibimera n'inyamaswa, guteza imbere ugushakisha kwa gihanga na Turisimi, igihe ntacyo byishe kerekeye kamere y'ubwo butaka. Kandi iyo Ofisi ifite uburenganzira bwo kwibutsa ubutegetsu icyafasha cyose kulinda ubutaka uko bwaremwe muli Republika yose.

3° Gucunga neza ibintu byimukanwa yeguliwe kubera imilimo yayo ;

4° Gusaba Leta kugira amapatano cyangwa amasezerano yerekeye kulinda "ubutaka uko bwaremwe" n'ayerekeye Turisimi ku buryo bunyuzwe mu nzira ngufi cyangwa ndende.

5° Kumenyeshya ababigenewe uko bakulikiranya ibyimukanwa bifite agaciro kerekeye amateka, ubuhanga, ubumenyi bw'imibereho ya kera, ubuhanga mu myuga, itaka, na Turisimi.

Iyo Ofisi yasimbuye Institi ya Parki Nasiyonali yashyizweho n'Iteka ryo kuwa 26 Ugushyirye 1934 na Ofisi ya Turisimi yashyizweho n'iteka ryo kuwa 4 Kanama 1959, izakomeza amasezerano Institi ya Parki Nasiyonali na Ofisi ya Turisimi byali bisanganywe mu milimo yabyo mu Rwanda.

Umurage wa Ofisi ugizwe n'ibitimukanwa n'ibyimukanwa byose Leta yali yarahaye ubuyobozi bushingiye kuli Leta, busimbuwe na Ofisi mu milimo yabwo, ni nkibi ngibi :

- Parki Nasiyonali y'Akagera n'uturere tuyometseho ;
- Agace k'umuhigo ko mu Mutara n'uturere tukometseho ;
- Parki Nasiyonali y'Ibirunga n'uturere tuyometseho ;
- Hoteli za Leta, za Guest-House n'ibijyana nazo ,
- Uturere ntakorwa, za Parki Nasiyonali, uturere tugenewe umuhigo bizashyirwaho.

Iyo Ofisi ifashwa mu milimo yoyo n'umusaruro wayo, igizwe n'ibikulikira :

- a) Ibiva mu mahoro, mu myenda yishyujwe, mu bihano no mubyafashwe mu buryo buteganijwe n'itegeko,
- b) Ibiva mu mayira y'ubucuruza n'ayandi y'imali ahuje n'imilimo yayo,
- c) Ibiva mu murage no mu byo ishinzwe gucuruza,
- d) Iby'ihawe cyangwa irazwe,
- e) Kuguza,
- f) Ishobora guhabwa intwererano za Leta za buli mwaka.

Kugira ngo Ofisi yemere ibyo ihawe, iby'ituwe cyangwa irazwe, bigomba uruhusa rwa Prezida wa Republika.

/.....

Ofisi igengwa n'Inama y'Ubuyobozi (Conseil d'Administration) iyobowe na Diregiteri Jenerali ufashwa mu milimo n'abandirigiteri n'abandi bakozi, ibyo birumvikana. Hali Diregiteri ugenewe ibyerekeye Parki z'igihugu no gufata ubutaka neza, hali ugenewe Turisimi, hali ugenewe imicungire y'imali, hali n'ugenewe ibyerekeye ingendo n'umushyikizano n'incuti za Ofisi. Mu magambo make nguko uko Ofisi iteye ubu. Ishinzwe kwamamaza u Rwanda ngo rurusheho kumenyekana no kugendwa. Ubwo kandi murumva ko uwo mulimo atali umwihaliko w'abakozi ba Ofisi gusa, ni uw'uwitwamunyarwanda wese. Niyo mpamvu twateraniye hano ngo iyo ngingo tuyibibutse, dukomeze imihigo, tuzabone n'uko dukomeza abo tuyobora. Cyane cyane aliko, nk'uko byateganijwe kuli programu muli uyu mwaka, tulibaza akamaro ka Turisimi mu Rwanda. Abashyizeho Ofisi, abifuza bese ko u Rwanda rugendwa, baba bagamije iki ?

Izo ngendo zifite akamaro gakomeye. Zigomba aliko kunyura mu nzira ziboneye, gutegurwa neza.

I. AKAMARO KA TURISIMI :

1. Ku byerekeye ubukungu bw'igihugu.

"Discours programme yo kuwa 1 Kanama 1973, kuli Turisimi, Nyakubahwa Prezida wa Republika agira ati : Turisimi igomba kuba moteli izamura amajyambere y'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage n'ubujijuke bwabo, aliko ntibe impamvu yica imico myiza dusanganywe". Ni koko Turisimi ntizana imali mu gihugu mu byo bahagurira gusa ahubwo igikomeye ni uko bazana amafanga y'iwabo ari yo twita "devises". Ayo mafanga niyo atuma dushobora kugura ahandi ibintu tuba dukeneye. Niba amasuka akorerwa mu Bwongereza kugirango tuyabone batwaka amafanga akora iwabo. N'ahandi ni uko bigenda.

Abahanga mu byerekeye ubukungu kw'isi yose, bavuga ko Turisimi ifite umwanya wa gatandatu mu byo Afrika ifite biyizengira devises, ikulikira peteroli, umulinga, ikawa, ipamba, kakawo. Turisimi izana 4,5%.

Ku byerekeye akamaro ka Turisimi dufite ingero nyinshi. Mu gihugu cya Kenya Turisimi yinjiza amadovises 40% naho Tuniziya yo ibona 70%. Mu mwaka wa 1971-1972 Tanzaniya yinjije amadovises miliyoni ijana aturutse kuli Turisimi. Nanone abahanga bakulikiranye uko Turisimi yagiye yiyongera, bavuga ko mu mwaka umu itaha ba mukera-rugendo bari ziyongeraho miliyoni 40. Iyo ikazaba ari inyongera igera kuli 45% ugereranyije n'umubare wa ba mukera-rugendo uliho ubu. Uko kwiyongera kwa ba mukera-rugendo ntigushyirakanywa kubera ko habayeho ibiciro byoroshye by'indege zibazana. Iyo igihugu kigendwa mu buryo butunganye, ba mukera-rugendo bari kizanira imali y'iwabo (devises). icyo ni kimwe. None se umuntu wagera ahantu akahamara iminsi ibili, itatu cyangwa igihe kirenzeho aterajya kugura ibimutunganya, atagira aho acumbika ?

/.....

Muli 1976 twiteguye kwakira ba mukera-rugendo bagera ku bihumbi makumyabili tudashyizeho abo mu gihugu, abaturutse ahandi. Ibyo kandi birashoboka kuko mu bihugu duturanye byo mu burasirazuba byadutanzwe Turisimi babona abagera ku bihumbi mirongo itanu, tukabona ko bamwe muli bo bajya bakomeza urugendo rwabo bakagera mu Rwanda, kuko bamaze kumunyanya ko twahagurukiye natwe gushyiraho ibya ngombwa bifasha ba mukera-rugendo.

Ibyo byose bizagomba abakozi bagera ku gihumbi. Abazigishwa ibyo gukora muli Hoteli kugeza muli 1976 kandi bikazakorerwa mu Rwanda bazatangirwa miliyoni cumi n'eshanu.

Kugirango abazaza babone uko bagera aho bashakira kugera, hagomba amamodoka nibura nka kombi zagera kuli mirongo ine, na za Landoroveli zibajyana kureba Parki. Kugira ngo abashaka kwugendera mu Kivu bashobore kubigeraho hateganijwe amato nibura yatwara abantu mirongo itanu.

Kugira ngo <sup>bajye</sup> babasha kuva ku Gisenyi, bajya ku Kibuye cyangwa i Cyangugu. Ibindi bigomba kwitabwaho ni gutunganya imihanda minini n'igera aho dufite ibyiza bireshya ba mukera-rugendo. Kunonosora uburyo bwa za telefoni cyangwa bwa telegramu n'ubwo kohereza inzandiko. Kwita ku myuga kugira ngo haboneke ibyo bagura by'urwibutso. Guteganya uburyo bwo kubona ibyo bagura muli za Hoteli cyane cyane izituye kure y'umugi. Aho rero bizaba ngombwa kumvikana n'abahinzi bifatanyije (coopératives agricoles).

Ugiye muli Hoteli ahasiga amafranga y'ibyo ahaliye n'ay'icumbi bamuhaye. Ufite inyota ajya mu kabare. Akagira icyo ahasiga. Icupa ni ifranga. Ubonye akantu gateye ubwuzu akakaguraho urwibutso, aba adusigiye ifranga. Ugeze ino akoherereza ab'iwabo ibarwa yo kubamenyesha aho aherereye, akora mu mufuka agatanga ifranga. Hali inzira nyinshi amafranga y'abo bagenzi abava mu ntoki : amahoro ku mipaka, umusoro ngo bashobore kwinjira muli Parki bagiye kureba inyamaswa, bakodesha imodoka ngo bashobore gutembera mu Rwanda... n'ibindi. Igihe dufashe igihugu cyacu neza, abo bantu baraza, bakishimira kurekura imali yabo ngo bimare agahinda.

Gutunganya izo ngendo bitanga akazi mu gihugu (création emplois). Hoteli bacumbikamo irubakwa : iyo ni imilimo ibonetse mu gihugu. Iyo yuzuye abakozi bayikoramo bakira abashyitsi. Iyo si imilimo se ? Nk'ubu Hoteli Kayovu na Hoteli des Diplomates i Kigali, zifite abakozi 109 zombi hamwe. Abantu 109 babonye mu buryo bwiza umusoro bakimara ubukane; ni ubusa ? Mille Collines imaze kuzura ifite abakozi 115 bahembwa 600.000 mu kwezi. Umuhinzi, umwarozi ugemulira (agriculture) i Hoteli nabo baba babonye akazi kuko mu milimo yabo bateganyiliza isoko, umusaruro wabo ukabazanira ifranga. Uworoye inkoko, inkwavu... tutavuze amatungo manini, yabura iki ? Igi ni amafranga angahe ?

/....

Umuhinzi ufite urutoki, ibirayi, ibijumba ntiyikenura ? Niba ufite ya myaka ba mukera-rugendo bibandaho, karoti; intoryi... n'ibindi! N'imilimo yindi iliyongera kuko abo ikorerwa biyongereye : tagisi mu mihanda, amagaraji, abashoferi, abayobora abagenzi, abanya-myuga babona ibyo bakore bigulika, abakora mu maposita, abakora ku mipaka, abazi imikino yo guhamiliza no kubyina, nabo batumirwa ngo biyerekere ba mukera-rugendo, abakora mu mabanki.. Imilimo ifitanye isano n'ingendo z'abo bashyitsi ili kwinshi. Uko baza ali benshi, niko yiyongera. Ufite ibintu abona aho abigulira, uwali afite ubute yiyumvisha akamaro ko kubishaka, umukozi abona aho asaba akazi, abantu b'abanyamurava ntibatindana umusoro wa Leta kuko isuka n'ibdi milimo byabafashije kuwubona bwangu.

Hali benshi badahura na mukera-rugendo. Si ngombwa kandi. Aliko igihe usaguliye isoko ntuhendwe, igihe ubonye imilimo rusange y'igihugu yiyongera, ujye ugira uti : haba ubwo byaba bifatanye isano n'uko igihugu kigendwa cyane.

statistiques: mutées-recettes-entrées-aéroport (recettes-voyageurs)

## 2. KUBYEREKEYE KUGWIZA UMUBANO N'UBUJIJUKE:

Abanya-mahanga bakunda igihugu cyacu, barakibubwira bakifuza kukibona aho guhora bakibwirwa gusa. Kandi ni cyiza koko u Rwanda rufite umwamba, mwiza, ubushyuhe buringaniye, imisozi iteye neza, ibiyaga, utugezi tuhali; amashyamba, inyamaswa zo muli Parki.....u Rwanda rutatse ibyiza. Twe ntitubwitaho kenshi, aliko abanyamahanga bageze ino baratangara rwose. N'abanyarwanda bageze mu mahugu yandi bavuga ko ahasa n'igihugu cyacu ali hake cyane.

Ngaho rero, umuhamya umubwirako na ba mukera-rugendo uzadukiza, uzatwungura iki ? Kirahali kandi kinini :

- Umunyarwanda uhuye n'abo bashyitsi alitonda akabitegereza akabatega amatwi akabumva.
- Igihe abakira neza, baza bahuzagulika akabayobora neza, burya aba yiga afata ingingo y'ijambo, asesengura imyifatire y'abo bantu badahuje ibara rwangwa umuco. Kwakira abashyitsi neza bakishima bakanyurwa, byerekana ubupfura kandi bikabukomeza.
- Guhura na ba mukera-rugendo, bifasha kenshi kumenya indimi z'ahandi. Burya no kumva amarenga ni ubuhanga.
- Bidufasha kubaha abandi, kwitondera abanya-mahanga. Ntiduhore dukeka ko ali twe tuzi ibintu byose, dukora neza gusa.. Abo bantu bazi umuco w'iwabo ntibazi uw'iwacu. Kworoherana tukumvikana, ntako bisa. Natwe ejo twajya ku nzira. Umuntu yagendera kuli izo ngero tubona.

- Mu gihe duhuye n'abo bantu tunganira iki ?  
Badutunganyilije iwabo, batubwiye aho banyuze... icyo gihe tubasubiza iki ?  
Kumenya igihugu bavukamo (aho giherereye, umuco wacyo, ubukire bwacyo) buli muntu uko asobanukiwe mu bujijuke, bimufasha kwongeraho indi ntambwe.
- Uburyo bwo kurata igihugu mu mahoro, abo tuvugana tukabashyiramo igitekerezo cyo kurushaho kutwemerera ubugabo bwacu, umutima mwiza n'urugwiro. Kubana neza si ikintu duhaha kure; turabisanganywe. Uwo muco mwiza ukarushaho kwiyongera. Kwishima, kwirata ni byiza igihe bitatwibagije ko n'abandi bageze ku majyambere ashobora kuba asumbye ayacu. Ubwo lero bakaba bagira icyo batwunguraho inama.
- Ese iyo mwibajije ikigenza abo bantu, musanga uwakwirangaraho bazongera kugaruka ?
- Kwibagirwa urulimi rwacu ni ubuswa. Urwo rulimi rituruvugana n'abashyitsi ba Turisimi aliko ibyo tubereka bigaragaza umuco wacu, umwihaliko w'u Rwanda, bishingiye ku kinyarwanda.
- Ibintu abahanga mu myuga bakora bisa bite ?
- Imitako, uduseke bataka amabara, amacumu bacura n'ibindi... niba ari ibya kinyarwanda, nibibe byo byeruye, niba ari uguhimba cyangwa kwigana iby'abandi ibyo bili ukwabyo.
- Amazina y'ibintu dutunze atangiye kujya yibagirana ... ngo ay'indimi z'ahandi niyo atubangukiye. Uburangare bushobora kudutesha umukiro du-fite kandi ntibutugeze kuwo twifuza. Wa mu gani ngo : yabonye isha itamba, ata n'urwo yali yambaye. Ibyo dushobora kubisanga mu ngero nyinshi. Aliko kandi, murabyumva, gukomera ku muco wacu si ugupiganira gusubiza abantu mu mpu cyangwa muli nyakatsi. Umutako mwiza uranga u Rwanda, umutima mwiza, umubano ukeye n'ibidufasha kubikomeza ni byo duharanira gukomeza ngo tubiratire abanya-mahanga, ngo tuzabishyikilize u Rwanda rw'ejo. Umuco wacu, umurage w'abasekuruza bacu umwihaliko u Rwanda rurusha ibindi bihugu ... ngiyo intego duharanira gukomeza mu nzira zitsura amajyambere nyayo.

### 3. KUBYEREKEYE GUFATA UBUTAKA, IGIHUGU CYACU NEZA.

Ibintu ni magilirane. Umuco wacu ntuzajya mbere tutubashye ubutaka bwacu. Isuka itsembye amashyamba mu Rwanda, umwuka warwo wahinduka, imvura yabura, ugasanga imisozi yahindutse ubutayu. Hali ahan-tu hagenewe guturwa n'ahandi usanga hadakwiye iyo milimo. N'ahaturwa kandi, hamwe haba hakwiranye n'imilimo rusange (amasoko, dispensaires, amashuli..), ahandi hakwiliye ingo z'abaturage.

Ubwo rero mbere yo gutanga ibibanza, ababigenewe babanza kureba akamaro kabyo cyangwa ingaruka mbi yabyo.

/.....

Inyamaswa zili muli za Parki nizo abagenzi baza kureba. Zicitse igihugu cyagendwa se nk'uko byifuzwa ? Abiha guhiga muli utwo turere ni abagome bahemukira u Rwanda rwose bahemukira n'amahanga menshi. Izo nyamaswa kandi ntizitungiwe umulimbo gusa, zifasha abahanga kungura ubwenjye; bakavumbura imiti yo kuvura abantu, bakagera no ku bundi bumenyi.

Mu turere dutuye, hali ahantu hafite amazina agira icyo atwibutsa mu mateka y'igihugu. Uwahindura iryo zina nta mpamvu igaragara cyangwa akagenda akahatengagura yaba agize neza ?

Ubutaka bwacu burasaza, Nta munyarwanda ukibihekana. Aho kubufata neza ngo tugiye gutwika imisozi n'ibindi; bikorwa n'umuntu umwe, bigakurulira umuze n'ubukene imbaga yose. Aho dukwiye kuhibaza.

## II. INGARUKA MBI TURISIMI YADUKURULIRA:

Twishimiye ko igihugu cyacu kigendwa mu mucyo. Icyo tutemeye ni uko cyavogerwa n'abadindiza amajyambere yacyo. Kwamamaza amatwara anyuranyije n'umuco w'igihugu.

Kwigana ba mukera-rugendo mu bitanogeye umuco w'igihugu.

Kutamenya aho bagera hose.

Kutamenya amafoto bateye ayo aliyo

Kutamenya uko bakoresheje imali mu gihugu

Gutwara ibintu by'agaciro batabifitiye uruhushya.

### I. Kubyerekeye ubukunqu bw'igihugu.

- Imali ba mukera-rugendo bakura iwabo (devises) ntikwiye guca mu myanya y'intoki ntigilire igihugu akamaro. Ayo mafranga ntajye yifatirwa n'abamanyi bikulikiliye inyungu yabo bwite.
- Ibikoresho bigenewe kwakira abashyitsi ntibikwiye guturuka ahandi kandi byashoboraga kuboneka iwacu.  
Kuko ubwo abenegihugu babura akazi, bakabura inyungu bali bakwiye kugeraho, bagasinzira ntibashishikalire amajyambere.  
Guhaha ibyo udafite si bibi, aliko nawe ugomba gukoresha ubwenge ushyiraho akawe ntutungwe n'aka'imuhana iteka.
- Kwigana ba mukera-rugendo, tukibwira ko icyo baliye alicyo kigomba kudu-tunga, inzoka igahurwa ibikomoka ku isuka yacu tugatungwa n'ibituruka mu mahanga.
- Gushikira ibya kizungu byatwibagiza gukora. Wasanga abashomeli biyongera ngo kubaho neza ni ukwiruka inyuma ya mukera-rugendo. Ububandi n'ubwamanzi n'ingeso zindi ugashanga ziliyongera. Aho kwibaza icyo ukwiye gukorera urugo n'igihugu.
- Guhora tubona abantu bigendera gusa ntibikatwibagize ko amajyambere azanwa no gukora n'ubwo byaba ali imilimo ivunanye kandi itazana amafranga menshi cyane.

Wasanga ndetse bamwe batungwa no gusabiliza gusa kandi atali ibimuga.

/.....

2. Kubyerekeye kuwiza umubano n'ubujijuke.

Abatugenderera sibo batwubakira tutabishaka. Ahubwo wa mugani ngo : urushenye nyirarwa, umutiza umuhoro, uwareba nabi wasanga bamwe badohoka ngo abantu ni abanya-mahanga twe ntacyo dushoboye, turagorwa n'ubusa ... n'ibindi.

Na baliya ibyo bagezeho ntibabigezeho mu mwaka umwe. Aho gucika intege, dukwiye gushaka inzira nyazo z'amajyambere nyakuli, tukayaharanira ubudahwema.

Kwifuza iby'abandi, bikakurakaza ukivumbura ... si yo nzira y'amajyambere nyakuli. Kubona abagenzi .. limwe na limwe haba n'ubwo baba batiyubashye bihagije ugakuka ko kubaho neza ali ukubigana, ni ukuyoba. Abo bantu iwabo barakora, si inyanda uko ubikeka. Baz mu kiruhuko ino, aliko iwabo ali abafundi, ali impuguke mu nzego nyinshi, ali abanyeshuli muli za universite. Ubona ko umuntu utishoboye yabona uruhusa rwo kuza ino ?

Guhinyura ibyiza bitatse u Rwanda kandi ali byo abanya-mahanga batangalira, abali bashoboye guhamiliza, kubyina, gukulikirana imyuga igaragaza ubuhanga bwa kinyarwanda ngo ibyo twarabirenze. Ibyo nukurwanya byeruye no gusebya umuco w'igihugu cyacu.

3. Kubyerekeye gufata ubutaka, igihugu cyacu neza:

Mwese muzi ko dufite Parki Nasiyonali y'Akagera n'agace ko mu Mutara kagenewe umuhigo. Utwo turere dufite Ha 317.000. Urebye n'ahantu hadashobora guhingwa ngo here, keretse ahali ahagerewe ibiyaga, aliko naho imvura ntikunda kuhagwa cyane, ku buryo rero tuhahinze, hadashobora kumara imyaka itatu hadashaje, ngo habe ku mbuga, imisozi idatwawe ngo he kugira n'icyatsi kizongera kuhamera.

Murebe no muli Parki y'Ibirunga, dutemye ibiti tukahahinga byatunga abaturage igihe gito cyane, ubundi ubutaka bukajya bwimanukira mu mibande. Imvura yabulirako. Muzi ko imisozi miremire iliho ishyamba aliyo ituzanira imvura.

Aho gupfusha ubusa utwo turere dushaka kumererwa neza igihe gito, dukwiye kuhareka uko hameze no kulinda inyamaswa n'ibihamera bituma abantu bashika bakava ikantarange kuza kuhareba. Ni uko tugikennye tutarabona uko twahatunganya, ahasigaye amafranga abaza kuhareba bakwinjiza yatugilira akamaro twese, aho kwihalirwa na bamwe kandi nabo ntacyo habavuye.

Muli Parki y'Akagera hali inyamaswa z'amoko menshi :

Imparage, inimba, imbogo, intare, inyemera, ingurube, inkorokoro, indonyi, ingwe, impala n'izindi. Ibyo byose abantu batabigira iwabo bazishyura amafranga yo kubireba. Muli Parki y'Ibirunga hali ingagi zitakiba ahandi kw'isi, hali inzovu, imbogo n'izindi nyamaswa. Abantu bazifitiye amatsiko murumva ko bazahasiga amafranga menshi.

/.....

Lero, abategetsi bose bakwiye kumvisha abaturage akamaro k'izo Parki.

Kuziragiramo bituma inyamaswa zo mw'ishyamba zitabona ubwatsi, aho inka zilishije hamera ibyatsi inyamaswa zidakunda, ntizishobora kubangikana. Abahigamo, bagatega inyamaswa rwihishwa, bamenya ko bakora nabi.

Ni ugusahura umutungo w'igihugu, bashaka impu n'amahembe yo kugulisha ngo bishyilire mu mufuka wabo gusa by'akanya gato.

Twizeye ko ba Bourgmestre bazabidufashamo. Ni itegeko ry'Umukuru w'igihugu tugomba twese kubahiliza. Nyakubahwa Prezida wa Republika arashaka ko ishyamba rya Rugege n'irya Bigogwe biba Parki. Naho n'isoko y'amazi, n'ibiti bifitiye igihugu cyose akamaro. Muli Ofisi tuzabiteganya vuba kugira ngo he gukomeza kononekara, halindwe hagilire igihugu akamaro.

Recherche scientifique-culture et récréation.

Kuhabonera ibya ngombwa bigenewe kulinda Parki y'Akagera n'iy'Ibirunga no gushakira abarinzi ibya ngombwa bibafasha muli byose, amacumbi, imyambaro, amahema yo kuraramo n'amamodoka bikaba bitegan- yilijwe amafanga 6.713.905 F.B. imfashanyo y'ababiligi.

-Statistiques = recettes PNK + PNV. Prix des animaux au Kenya .-60millions.

### III. INAMA TWAKWIGIRA.

- Akamaro ka Turisimi twakumvise n'ingaruka mbi zayo kandi abantu batabaye cyane ntizabura. Ubwo lero n'ukuvuga ko umulimo w'abayobozi ukili wose. Umubyeyi wacu Nyakubahwa Prezida wa Republika yadusabye gushishikalira gutunganya ibyerekeye ingendo z'abanya-mahanga baza ino kuko bifite uru- hare rukomeye mu gutsura amajyambere y'igihugu. Aliko kandi n'ugukorana ubwenge n'ubwitonzi iyo milimo. Yavutubwiye ati: Turisimi igomba gutera inkunga no gutsura amajyambere y'igihugu mu bukungu, mu mubano no mu bu- jijuke. Tutabyitondeye aliko yahumanya igihugu, umuco mwiza ugasubira inyuma. Akomeza agira ati: "Igihugu cyacu ni cyiza gishimisha abagenzi. Abo bagenzi aliko si impogoma zibonetse zose, zakonona igihugu. Umushyi- tsi mwiza aliyubaha akakirwa uko bikwiye".

Nyuma y'aho mu kwakira 1973 inama yali iyobowe na Nyakubahwa Prezida wa Republika yemeje ko ba mukera-rugendo baza ino bagomba kuza bifashe neza, bambaye neza; Hali inzandiko Diregiteli Jenerali wa Ofisi yaboherereje agira ngo dufatanye :

- 1) Kumenya ibyiza bitatse u Rwanda cyane cyane mu karere dutuye (N° ORTPN/01.04/189 du 16 novembre 1973).
- 2) Gutunganya ibyerekeye ibimuga byifashisha kugira ngo be kujya basaba n'abagenzi bataramenya umuco w'ino (N° ORTPN/01.05/206 du 26 novembre 1973).

/.....

- Itangazo rya Ministri w'Ubucamanza ryibukije iyo ngingo vuba aha mu kwezi kwa Werurwe. Hali itegeko-teka ryo kuwa 19 Ugushyingo 1973 lirengera urubuyiruko.

Uwandagaye akili muto ntashoboka cyane cyane ageze haruguru.

Abagenewe gutanga impushya zo kwinjira mu Rwanda, bazi ko batatwoherereza abantu b'indashoboka. Abali ku mipaka y'igihugu nabo ni uko.

Imwe mu migambi ya Ofisi mu bihe bili hafi ni iyi :

- Gukora pla yerekeye amajyambere ya Turisimi
- Kumenya umubare wa ba mukera-rugendo
- Kwigisha abazakora mu mahoteli
- Gukulikira neza icyo ba mukera-rugendo baba batishimiye
- Gushaka ibitabo n'impapuro zindi byamamaza Turisimi
- Kumenya ahantu hose hakwiye kwerekwa ba mukera-rugendo
- Kumenyeshya abaturarwanda uko Turisimi iteye
- Gutera inkunga abanyamyuga, kwamamaza ibyo bakora no kubabonera ababigura.
- Kumenya imyuga yose ili mu gihugu
- Kubonera ba mukera-rugendo uburyo bubageza aho bashaka
- Kumenyeshya ibikwiye kwihutirwa kugira ngo Turisimi itere imbere
- Gukora ibishoboka byose kugira ngo za Parki z'u Rwanda ze kugira ikizonona
- Kwigisha abalinzi ba za Parki n'abayobozi b'abazigenderera n'abandi bose Turisimi ikeneye.
- Gushaka uburyo bwo kugira amahoteli ahagije n'ubundi buryo bucumbikira ba mukera-rugendo.

Dore ingero z'imishinga imwe n'imwe Ofisi yiyemeje kugeraho bidatinze.

- Kwagura i Kigali, Hoteli des Diplomates ho ibyumba 40
- Kwagura Hoteli y'i Gabiro ho ibyumba 60
- Kubaka Hoteli i Kiyonza (Ihema) ibyumba 60
- Kubaka Hoteli y'ibyumba 100 ku Gisenyi
- Kubaka Hoteli y'ibyumba 60 ku Kibuye.

Ubundi muli buli Prefegitura hakwiye hoteli, niko tubyifuza iyiba twali dufite amafuranga yo kubaka kuko dusanga nta Prefegitura idafite ibyiza bikwiye kwerekanwa kandi byafasha n'abanyarwanda kujya kureba aho bataragera mu gihugu.

Icyakora twatangiyeye gushaka aho twabona amafuranga yo kubaka andi mahoteli nko hafi ya Parki y'Ibirunga, i Cyangugu, ku Rusumo, i Butare n'ahandi.

Tukaba dusaba ababishoboye nabo ko bakwishyira hamwe cyangwa se ubishoboye wenyine akaba yakubaka Hoteli cyangwa se ikindi gitsura Turisimi.

Naho navuze twizeye kubonera imfashanyo mu bihe bitali kure ayo mahoteli azaba atagihagije. Ofisi ya Turisimi na Parki Nasiyonali mu Rwanda yantumye kubisaba nkomeje.

Uwaba afite igitekerezo cyo kubaka yagikora rwose.

Natwe muli Prefegitura tulimo ni ngombwa kuba maso tukareba abo bagenzi.

- Kwakira abatuyoboza neza, mu mahoro
- Kuvugana nabo mu kinyabupfura, tukamenya iryo tubabwiye
- Kurwanya ababandi bagenzwa no kwambura ba mukera-rugendo
- Kumenya neza gusobanulira abo bagenzi ibyiza bitatse akarere dutuye
- Kwibuka igihe cyose ko iyo duhuye n'abagenzi, imyifatire yacu n'uko tubakiliye, babyitilira abaturarwanda bose.

Mwumvise ukuntu Turisimi ifitiye igihugu cyacu akamaro gakomeye mu byerekeye ubukungu umubano n'ubujijuke ku mutura-rwanda wese, ikagira akamaro ku byerekeye gufata ubutaka bwacu neza no kubaha igihugu cyacu.

Ikindi kandi, twiyibukije ukuntu turisimi ali ikintu cy'ingirakamaro igomba kwitonderwa igategurwa neza. Bitabaye bityo yagira ingaruka mbi zandindiza amajyambere duharanira kugeraho.

Ni nayo mpamvu abakuru batwereka inzira itunganye imilimo yose ikwiye kunyuramo. Natwe kandi tukaba dukwiye kureba igihe cyose uburyo dushobora gutera inkunga abayobozi bacu, tukarushaho kugira inama nziza abo duturanye tuyobora.

Mugire amahoro, Prefegitura ikomeze ijye mbere.

---

Bwana Inspejiteri w'Ubucuruzi ati:

Iyo twumva Mukerarugendo twumva ibandi, dukulikije ibyo bambara nuko bifata handi ntibajya muli Hoteli; mwe mubibona mute?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Kwambara nabi biterwa n'imihanda yacu mibi nibyo bababikoreye. Iyo bagiye muli Hoteli bambara neza kereka abafite ibindi bashaka, nabo tugerageza kubagenzura na ba Burgmestri badufasha kuko ntawushobora gufata ifoto mu giturage. Twohereje muli z'Ambassadors zacu amategako abyerekeye ngo bayamenyeshe ba Mukerarugendo (uko bambara). Nyuma y'amezi 6 tuzashyiraho ibihano nibatikosora.

Bwana Burgmestri wa Komini Shyorongi ati:

Haliho abaza mu makomini barasa inkware n'inyoni n'ibindi; hali uburenganzira bagomba kugira?

Hali uburyo muteganya kugirango tujye tujya muli Parki kureba inyamaswa?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Bagomba uburenganzira bwo gutwara imbunda nubwo guhiga. Iyo atabifite arafatwa agahanwa.

Muzatwandikire (Agence de voyage) mutumenyesha umunsi, tuzabasubiza mwitegere.

Bwana Dirasiteri wa Projet ati:

Mwali mukwiye kujya mugira imikino (soirée culturelle) mukulikije ibya kera (histoire) kandi mukita ku hantu hariye habera ikintu kera (site).

Dusigaye dufite congé ndende (ukwezi) mukwiye kureba ukuntu mwajya mutujyana kureba izo za sites tukamenya ibya kera.

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Ba Burgmestri bazatwandikire batumenyesha ahantu nkaho (sites) natwe tuzahatunganya uretse amalimbi yabapfuye.

Muli benshi, mwateranya amafaranga tukabageza aho mushaka hose.

Bwana Burgmestri wa Komini Rubungo ati:

Inyamaswa yitwa ingagi mu gifransa yitwa iyihe?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Mu gifransa yitwa Gorille. Ubu mu birunga hali umukobwa w'umunyamerikane uzi kuvugana nazo akazihanagara zikamwitaba.

Bwana RUFURUKA ati:

Ko mwatanze itangazo libuza guhiga, ntimuvuge ahabujijwe n'igihe bizamara?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Mu Rwanda hose umuhigo urabujijwe kugeza mukwa cyenda (Nzeli) uretse igishuhe n'inuma. Inyamaswa zigomba igihe cyo kororoka, iyo zihoramo umuheto ntizibyara.

... / ...

100

Bwana Diregiteri w'Isuku ati:

Numvise mufite imigambi yo kwagura no kubaka za Hoteli, mwali mukwiye gufata neza aliho kuko amaze kuba mabi kandi yuzuye vuba.

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Ibyo dukora byose ntitwibagirwa ko hali service y'isuku. Cyakora mbona mufite abakozi bake nko mu Ruhengeli ntawe ushinzwe isuku uhali ubwo ugaya ino aliho muli nakubwira s'iki?

Bwana Prefe ati:

Imisarane ya Milles collines imeze nabi cyane ku buryo uri kuli za Ministeri abyumva ndetse bigera muli Ambassade y'Ubufransa. Sinzi igituma Hygiène yabemereye ko bakora batyo? Ndabona bakwiliye kwihutira kuhakosora.

Bwana Diregiteri w'Isuku ati:

Kuli Mille collines uko byateguwe siko byakozwe. Baracukuye ntibashyiramo amabuye kandi boherezamo n'ibiva mu gikoni. Twabategutse gucukura ahandi kinwe no muba Bernardines.

Bwana Burgmestri wa Komini Ngenda ati:

Nta buryo mwaturwanaho ko inzovu n'invubu zamaze abantu zikona n'imyaka y'abaturage?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Nabonye urwandiko rwa Bwana Prefe rubivuga. Umuzungu witwa VERULST azaza iwanyu gutunganya ikibazo cy'invubu. Naho inzovu turashaka kuzimura; hali umuzungu uzazitera umuti akazishumika kuli Kajugujugu.

Bwana Burgmestri wa Komini Bicumbi ati:

Ba Mukerarugendo bakunda kuza ku kiyaga cya Mugesera; nasabaga ko mwahagira neza tukahabonera amafaranga ndetse tukahajijukira.

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Nkuko nabivuze haruguru, uzandike ubinyuze kuli Prefe hanyuma tuzohereza impuguke izaza kubyiga.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Niyunvisha ko muli ba Mukerarugendo hashobora kuzamo ba Magigili bakatumaraho. Abaza mu Rwanda bava mu bihugu dufitanye umubano cyangwa n'abandi hose baraza? Niba dufitanye umubano se ntitwaganira ngo twungurane ibitekerezo?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Dufite z'Ambassades mu mahanga, ntawe ushobora kwinjira mu Rwanda adafite visa y'Ambassade yacu. Uturutse mu bihugu italimo, ajya aho ili bakamutereramo iyo visa; agomba kugira Casier judiciaire (icyemeza ko atali bandit) na Leta yabo ikamwishingira. Iyo ari umuntu ushidikanywa (douteux) atanga ingwate (caution) kugirango azabone ikimusubiza iwabo. Ntawakubujije kuganira naba Mukerarugendo ahubwo nibyo byiza kumenyana.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Ko hali inyanaswa zilibwa ntimwashaka uburyo mwasimbura inyana ziva mu mahanga (conserves)?

... / ...

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Niba wakulikiye neza, izo nyamaswa n'ibyiza bitatse u Rwanda (symboliques) ubwo se tuzahutse tukazirya baza kureba impu gusa? Ba Burgmestri basabwe kurwanya abahigi nkuko barwanya nyakatsi.

Bwana Su-Prefe GAKUBA ati:

Ko umuhigo ufunzwe mu Rwanda hose, abiga kurashisha imiheto bihigira utunyamaswa tworoheje nabo ntibazabikora?

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Bagomba kwigira kurasa ku mitumba n'ibindi nkibyho aliko ntibakinishe kurasa inyamaswa iyaliyo yose ndetse n'inyoni.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

Mukwiye kutubwira inyamaswa zibujijwe guhigwa kugirango umuturage atazica ikinyogote cyamumaliye inyaka akabizira.

Bwana RUSINGIZANDEKWE ati:

Nzabaha tableau yizibujijwe ndetse na taxes bazitangaho. Si muli Parki gusa no mu giturage umuhigo urabujijwe.

=====

SEMINARI YA BA BURGUMESTRI N'ABAKURU B'IMILIMO  
MULI PREFEGITURA.

-----

Bavandimwe mwese muteraniye hano,

Mbanje kubashimira mwese kuba mwaje muli iyi Seminari Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubutegetsu bw'igihugu n'Abakozi ba Leta yadutumiyemo. Murabizi, mwatumiliwe kugirango bagenzi banjye na njye tugeraze kurebera hamwe na mwe icyatuma igihugu cyacu gitera imbere nu nzego zose, ari mu byerekeye ubutegetsu bwa Komini zanyu, ubuzamukire bw'abaturage, ubuhinzi n'ubworozi, uburezi bw'abana bacu n'ibindi.

Ikiganiro cyange cyo rere, kerekeye ubucuruzi mu Rwanda na za Koperative, Nyakubahwa Generali Majar Juvénali HABYALIMANA, Prezida wa Republika, na Prezida wa Komite y'Amahoro n'Ubumwe umunsi atumenyeshya abagize Leta yacu nshya kuwa mbere Kanama 1973. Mulibuka ibyo yatubwiye, yagize ati: twashatse kugarura umwuka mushya mu gihugu cyacu dukunda, umwuka w'amahoro n'ubumwe, ubwumvikane mu bantu bose.

Muzi mwese uko byali bimeze mbere y'uwa 5 Nyakanga, muzi mwese ko Komini aliyo rwego rw'ubutegetsu rwegerereye abaturage, niyo mpanvu Burgumestri agomba kuba umunyamurava mu butegetsu bwe, akaba umuntu w'amajyambere, uharanira ko abaturage be bazamuka mu bukungu. Ibyo babitwe n'ibikorwa aberekeraga gu-tsura amajyambere afatanije n'abandi bategetsu be muli Prefegitura banwegereye. Burgumestri agomba kumva ko amajyambere y'abaturage muli Komine ashinzwe aliwe ashingiyeho mbere na mbere, abandi baza banutera inkunga. icyifuzo cya Leta nshya ni uko Komine yakwikuramo twa dutiliganya twa politique tudindiza amajyambere, aho kuba ishingiro ry'ibikorwa bitsura ubukungu bw'igihugu cyose.

I. UBUCURUZI MU RWANDA

Ubucuruzi mu Rwanda muzi mwese uko bwifashe cyane cyane muli iki gihe ibintu bimwe na bimwe byabuze, abantu bose basa n'abakutse imitima bibaza ikibitera. Mbere yo kubanyulira mu ngingo zimwe na zimwe zerekeye ubucuruzi bw'iki gihe cy'ibura ry'ibintu, nureke tubanze turebe icyo ubucuruzi buvuga.

.../...

a) Ubucuruzi ni iki ?

Mwese murabizi, nta muntu n'umwe wakwibeshaho. Ukenera ikintu ukajya kukigura, ari mu isoko, ari mu mangazini. Igikorwa nk'icyo ni kimwe na nene n'iki gikulikira. Iyo uli umunyabukolikoriri, cyangwa umuhamizi cyangwa umworozi, ugira utya ukajyana icyo wakoze, inyaka wejeje, itungo ryawe mu isoko. Igice cya mbere cy'ubucuruzi ni ukugurana. Ni rwo rugero rwa mbere rw'ubucuruzi bubaho. Kera mu Rwanda muzi ko bagurana umunyu amasuka n'indi myaka ubwo n'ubucuruzi.

Ingingo ya kabilili y'ubucuruzi, ni ubucuruzi bushingiye ku ifaranga. Mu bukungu bwa kijyambere, ibigurwa naho bikenewe ni byinshi. Muzi neza ko ntaweza ibizamutunga wenyine kandi ko ntawe utungwa n'ibyo yikoreye byonyine gusa. Abantu ni magilirane. Kenshi na kenshi igikoresho kijya kugera k'uzagikoresha kumaze kunyura mu maboko y'abantu benshi; cyahererekanyijwe. Umurungu isuka uhingisha izakugereho, iba yanyuzemuli uzine nyinshi: ubutare bujya mu ruganda bakuramo icyo bita asiye, muli asiye bagacuramo isuka. Umucuruzi agatumira icyo suka mu ruganda. Uruganda rukayihira imodoka izayikugezaho. Niyo mpamvu ifaranga likubiyemo ubukungu bwinshi.

Ibyo byose mbabwira nzi ko mubizi aliko aho nshaka kugera ni aha. Ubucuruzi bwacu mu Rwanda ni ubucuruzi bubonye ? Niba atari bwo kuki ?

b) Ubucuruzi n'Abacuruzi.

Ubucuruzi bwacu bwatangiye gutera imbere nyuma y'ubwigungo bw'u Rwanda. Ni naho bwatangiye kwinjira mu maboko y'Abanyarwanda. Ubucuruzi bwacu ntibubonye rwose, ni nayo mpamvu Burgenstri na Prefet bagomba gufatanya na Inspejiteri w'Ubucuruzi kumirango bafashe abacuruzi b'abanyarwanda kuwva neza umwuga bakura.

Ubucuruzi bwacu bwicwa n'iki ?

1. Abacuruzi bacu bize umuco w'ubucuruzi nabi.
2. Ibyo bacuruza bituruka cyane cyane hanze.
3. Abantu bese bashaka gucuruza
4. Abacuruzi bashaka gucuruza byose kandi bagacuruliza hose.

.../...

Muzi ko mbere y'ubwigenge bw'u Rwanda ubucuruzi bwali cyane cyane mu maboko y'Abanyamahanga: Abarabu, Abahindi n'Abagereki. Abo bese bali bafite umuco w'ubucuruzi, utaboneye na gato. Ali uguhisha ibintu, ali uguhisha igiciro kugirango muze gucililikanya, wenda aguhende uko ashaka. Iyo mico abacuruzi bamwe b'abanyarwanda barayirebaga. Kuzana: igicuruzwa kitanyuze ku bategetsi ba gasutano byali igikorwa bumva ko ari kiza. Kuko abanyarwanda batigeze babona ubucuruzi nyakuli bafashe iyo mico y'ubucuruzi inyuranye n'imico myiza y'ubucuruzi.

Kuko ibintu dukoresha ino ibyinshi bitahakorera, tugomba kubitumiza mu mahanga. Ni cyo twita Impertation. Niyo twaha dufite ibintu byinshi mu magazini yacu, aliko byaravuye mu mahanga, ntumukagire na kimwe igitekerezo ko dukize. Unukiro wacu, amajyambere y'igihugu cyacu ntashobora gushingira ku bucuruzi bw'ibicuruzwa bivuye mu mahanga. Tugomba no "guhanga" kugira ubukori-kori bw'ibintu byinshi. Niyo mpamvu muri iki kiganire cyacu Ministeri ya Pla n'iy'Ubuhinzi n'Ubworozi igomba kubunvisha akanaro ko kubyaza ubutaka bwacu ibikoreshe dukeneye. Gutangira gushingira twa Industri muri Komine ni igikorwa cyiza cyane. Mu mizamukire y'igihugu cyacu igikorwa gishingira Industri kiruta anagazini menshi yegeranye aliko acuruza ibintu byavuye mu mahanga.

Igihugu cyacu ntigituliye inyanja, ibyo bigatuma ibicuruzwa bigera ino bitinze kandi bihenda. Bikanatuma ba bacuruzi bacu bize umuco mubi wa frede bawukomeza. Yego na none igihugu nk'icyacu gikennye ntigikwiye kwirengagiza ubucuruzi n'amahanga aliko twabugira bwose. Mwebwe ba Bourgmestri mutuliye imipaka mugamba gufasha Ministeri y'Imali n'Ubukungu bw'Igihugu kurwanya uwo muco wa frede. Ndifuzaga kubereka ukuntu ari mubi rwose. Kandi niba mubyibuka, Nyakubahwa Presida yadusabye twese kurwanya uwo muco agira ati: "ku byerekeye ubukungu bw'igihugu, turabona ko ubutegetsi bwo hambere butarwanyije frede ku buryo buhagije".

Ububi bwa frede bulihe?

Dere nk'ubu ibintu byabuze, ari abacuruzi, ndetse ari na bamwe muri twe, twibwira ko ari byiza kujya mu bihugu bimwe bitukikije kuzana ibicuruzwa, binyuze ari mu mashyamba, ari se mu zindi nzira bene gukora bene ibyo biyiziye. Yego, tutarebye kure, wasanga ari byiza ko aho kubura isabune yo kwega wakwemera ugetanga n'inka yawe. icyo bamwe badatekereza n'iki? Ntibatekereza ko n'ubwo umuntu yakuka ko frede izana ibintu mu gihugu ari nziza, bibagirwa ko nayo iba itwiba.

Kuko umucuruzi azana ibyo bintu ahanini ntaba yatanze amafranga ahubwo aba yatanze ibindi bicuruzwa. icyo tutibuka rero ni uko ibyo bintu aba aguranye ibyo yinjiza mu gihugu biba byaraguzwe Devise zacu. Mwibuke ko devise dufite hano tuzivana mu ikawa, mu cyayi muli Pireteri no mu mboga limwe na limwe.

Ali iyo kawa, ali iyo pireteri mumenye ko iba yarahinzwe n'abaturage. Kubona rero icyo amaboko yabo yaruhiye kijya mu mahanga birababaje. Ikindi ni uko igicuruzwa kiza kitanyuze kuli gasutame kigabanya amafranga yinjira mu isanduku ya Leta.

Muzi ko igice kinini cy'amafranga ya Leta kiva mu mahoro ya Gasutame. Ayo mahoro rero igihe agabanuka ni nako ibikorwa bya Leta bitsura amajyambere bigabanuka kuko nta recettes zinjiye.

Ikindi kibi cya frode gishobora kwica ibiciro byaliho, icyo giciro gishobora kuza giciye hasi y'icyo gicuruzwa cyanyuze mu nzira zibonye, icyo ntigishobora kuba cyagurwa. Wenda kikaba cyapfa ubusa kandi nk'uko maze kubivuga cyaraguzwe devises z'abaturage.

Ibyo ali byo byose, mugomba kumva ko igihe twemeye kugura igitambara cy'ibihumbi 8 (8.000 frs) ku mafaranga ataranga ibihumbi 4 (4.000 frs) tuba dushyigikiye fraude, igihe tuguze umupira w'imodeka igiciro mu nsi y'igiciro gisanzwe kandi tukakigura n'umuntu utali n'umucuruzi tuba dushyigikiye fraude. Ibyo ntibyagombaga kurangwa ku mutegetsu.

Abanyarwanda bese bashaka gucuruza bagacuruza byose, bagacururiza hose. Iyo urebye imyifatire y'ubucuruzi bwacu, usanga twese dushaka gucuruza, tugashaka gucuruza byose nta kuvangura. Yego, urebye uko ubukungu bwacu bwifashe, bushyigikiwe ahanini n'ubuhinzi, ali nayo mpamvu imizamukire y'igihugu cyacu izava mu buhinzi bwa kijyambere, usanga kugeza ubu umuntu bita umukire ali uwakijijwe n'ubucuruzi. Ubona ibyo rero agakëka ko nta handi hali umukiro atali mu bucuruzi. Ni yo mpamvu, n'uko mu rubyiruko rwacu ali rwinshi, iyo abana barangije amashuri ya primeri, ntibajye mu ishuli ryisumbuye, bamwe babona ko guhinga ntacyo bibabwiye ndetse ahenshi batanifite aho bahinga, bagahitamo gucuruza.

Murabizi nyine ko intego ya Republika ya kabili mu byerekeye ubucuruzi, ali ukureka Umunyarwanda wese ubishoboye gukora uwo mwuga n'ubucuruzi. Kandi yifuza ko, uko iminsi iganda yicuma, abacuruzi b'abanyarwanda, bakwiyunga vuba kugirango ubucuruzi bw'amoko yose bujye mu maboko yabo.

.../...

Leta yifuza ko buhoro buhoro abanyarwanda batangira kujya baranguza ibicuruzwa, ndetse bakabyikulira mu mahanga, cyanga se ibyo twejeje bakabijyana mu mahanga. Ndetse ikifuzo gikomeye kandi cyagilira igihugu akamare ni ugushinga za Industri z'abanyarwanda.

Nicyo gituma, ari abacuruzi bacu b'abanyarwanda, ari abandi banyarwanda se bashaka gushinga Industri bagomba gufashwa n'abategetsu.

Niyo mpamvu, hahamwe Banki yo gutsura amajyambere, hahamwe Service ya Industri muri Departema y'Ubukungu, Bibereyeho kwereka ababishaka projects igihugu gikeneye.

Burgumestri muri Komini yo nawe akwiye kumenya, icyatsura amajyambere y'abaturage be. Tujya dukunda kureba abacuruzi nkabo bese ari abibye. Ku by'ukuri barwe bakwiye gufashwa mu byerekeye ubucuruzi bwabo. Abenshi ntibazi icyo bita comptabilité. Mu byerekeye gutsura amajyambere ya Komine, nk'uko hahamwe muri Komine, nk'uko hahamwe amashuri ya ninugereba yo kwigisha gusoma. Burgumestri ashobora kubona abantu bajijutse bashobora kujya kwigisha abacuruzi bene nk'ibye. Yego umucuruzi aravugaga ngo icyo bita ni amafanga kuyabara ntibinaniye. Alike atumva ko comptabilité atari ukubara amafanga gusa, ahubwo ari ugushyira uko yakwiye ngera. Ahandi Burgumestri yafashye abacuruzi kandi akaba ari umuntu w'amajyambere n'ukwanga ubuduka bw'ubudukuru muri Komine yo. Niba umuntu ashakaga gucuruzira acurulize ahantu hagaragara, mu nzu ikwiye koko ubucuruzi, n'uwinjijiyemo akumva yahagura ikintu yifuza cyese.

Abanyarwanda dukunda gucuruliza hose : usanga uturunde tw'ibicuruzwa ku mihanda, ku mashuri, ku bitaro, kuri za kiliziya. Bene ubwo bucuruzi abakozu ba Ministeri y'Imali n'Ubukungu ntibashobora kubugenzura ngo babonye ibicire bitangwa. Abategetsu ba Komine bakwiye nabo kujya bita kuri bene ubwo bucuruzi. Ubundi ubwo bucuruzi bakwiye gucika. Alike kuko wenda ababunze ibyo bicuruzwa bazi ko bagilira neza abantu, babazanira ibyo bicuruzwa hafi yabo. Twenye ko ari byo, abategetsu ba Komini, niba koko babereyeho abaturage bali bakwiye kumenya ahakwiye iduka bakahashyira umucuruzi nyakuri nawe akahubaka inzu igaragara.

Ubwo bucuruzi buko kubunzabunza ibintu ahantu hose sibwo buzateza ubucuruzi bwacu ishere. Ahanini abacuruzi nk'abo ntibabanza kugira Registri y'Ubucuruzi. Bacuruzira rero baba ku mategeko bambura icyashyamba abandi bacuruzi babifitiye urukushya. Ibyo ni ibintu twari dukwiye kwitaho muri Komini yacu.

.../...

c) Amaseko

Dushatse gusobanura isoko icyo alicyo, twavuga ko isoko ari iteranire ry'abantu cyangwa amatungo. Iryo teranire lihuza abaguzi n'abacuruza ntilishobera kuremera ahabonetse hose, niyo mpanvu muri buli Prefegitura hali ahantu hagenewe kuba isoko. Bitabaye bityo wasanga habaye akajagali mu ma Komini. Ugasanga abantu bacururiza hose kandi mu buryo budafite ishingiro; kuko utamenya naho ubaliza icyo wifuza.

Ine mu Rwanda dishobora kuvuga ko hali amoko atatu y'amaseko :

- 1° Isoko ry'abahinzi
- 2° Isoko ry'abasakuma imyaka.
- 3° Isoko rye muri Centre.

Isoko ry'abahinzi ahanini ni agasoko gato. Abaturage begereye iryo soko baza kuhagurira ibyo bejeje. Ubigura cyane cyane ni umucuruzi uba ushaka kuzabijyana muri za centres commerciales cyangwa mu yandi masoko yisumbuye.

Limwe na limwe uwo mucuruzi arunguka aliko kandi ahanini inyungu ni n'icyo cyane.

Isoko ry'abasakuma imyaka n'isoko lihuliramo nyine n'abasakumyi n'abandi bacuruzi bafite imodoka yo gutwara ibyo bintu bakabijyana mu masoko ya kure. Bene ayo masoko, ni amaseko alinganiye.

Isoko rya Centre, ni isoko linini bitewe cyane cyane na centre uko ingana. Ni isoko lihuliramo n'abantu benshi kandi ndetse n'ibicuruzwa bikaba byinshi, turyita mu gifaransa: "Marché des Consommateurs". Abacuruzi nise abasakumyi bazizanamo imyaka yabo hamwe n'abahandi bafite amodoka nabo bakazana ibyo bakuye mu mpande zose s'igihugu.

Urugero natanga ni nk'i Kigali cyangwa i Butare. i Kigali usanga ibirayi bivuye mu Ruhengeri na Gisenyi, ibitoki bivuye i Kibungo, ibijumba n'inyumbati bivuye i Gitarama. Ibyo byose bizanwa n'abacuruzi bafite imodoka. Umuntu wiyeyereje imyaka ntayizanira muri bene ayo masoko, cyane cyane abahinzi b'imboga niba bakunda kuzizanira mu masoko nkayo. Abacuruzi bo muri Centres nk'izo, ahanini, babika imyaka imwe n'imwe. Amaseko, ibishyimbo. Babibikira igihe icyo imyaka izaba itangiye kubura, kugirango bazashobore guhenda. Niba yaraguzwe ikilo cy'ibishyimbo amafanga 8, ntazatinya kukigulisha amafanga 20. Bene abo bacuruzi niba nakwita abacuruzi b'inda nini.

.../...

Abategetsu ba Komini na Prefegitura bakwiye gufatanyana na ba Inspegiteri b'ubucuruzi kugirango bene ibyo byo kuba. Muzi mwese amayeli y'abacuruzi bamwe na bamwe. Ntimukwiye rero kubihalira Inspegiteri wenyine kuko kenshi na kenshi baba banamuzi, babona ahingutse bagahindura igiciro.

Ukuntu mukwiye no kubafasha ni ukumenyesha abaturage banyu ko igihe bahenzwe ku mugaragaro bakwiye kurega umucuruzi wabahenze, ari kwa Inspegiteri, alisse kwa Burgmestri cyanga OPJ. Muzi ko haliho amasoko menshi ari kure y'aho Inspegiteri atagera kuko nta buryo afite bwo kuhagera umunsi w'isoko. Burgmestri yari akwiye nawe kujya areba niba amasoko na centre zili muri Komini ye zifite ibiciro byemewe. Ndibuze kubyerekeye ibiciro mu kanya.

Icyo nifuza kubabwira ni uko dutite amasoko adahagije. Muzi mwese ko hali abaturage bakera kilometero zirenga 15 ku ngururu bajya mu isoko. Dere amasoko dutite uko angana: yose hanwe ni 381.

Butare 59, Gitarana 48, Kigali 50, Kibungo 22, Byumba 43, Ruhengeri 31, Gisenyi 38, Kibuye 36, Cyangugu 25, Gikongoro 29.

Iyo turebye ayo masoko yose uko angana tukanareba ubuso, ayo masoko afata dusanga ubwo buso buli hafi ya Ha 5.000. Alike ugereranyije ubuso bwa buli Prefegitura usanga bugenda busumbana. Nk'i Butare dutite Ha 3.000, i Kibungo tukagira ha 14.000.

Iyo ugereranyije iminsi y'isoko n'umubare w'abaturage, ubona ko moyenne ari 5.000 by'abantu n'ibihumbi cumi i Kibungo mu na Komini usanga bitandukanye cyane. Mu na Komini amwe n'amwe y'i Butare, Kigali no ku Gisenyi usanga buli munsi haba isoko. Muri utwo turere, usanga amasoko amwe mato yari akwiye kugabanyuka kuko arema nka none, ejo hazaba isoko likomeye. Ahandi n'ahandi nk'i Gitarana cyanga mu Ruhengeri bafite iminsi mike y'isoko ugereranyije n'umubare w'abantu bahatuye. Aho ni ngombwa kwongera amasoko cyangwa kwongera iminsi y'isoko.

Ibyo alibye byose ibyerekeye amasoko bikwiye gusubirwamo muri buli Prefegitura kugirango abaturage bacherwa, ari mu byerekeye kujyana imyaka yabo mu isoko, ari se kubona ibyo bifuzwa batarushye.

Icyo ni ikibazo kizigwa na Ministeri y'Imali n'Ubukungu ifatanyije na Ministeri y'Ubutegetsu bw'Igihugu.

.../...

Tumaze kubona icyo ubucuruzi biwuga, uko ubucuruzi bwifashe, n'uko amasoko yacu ameze, aliko si ibyo gusa. Uburyo dutuye n'ubukene dufite bituma ubucuruzi bwacu butajya mbere.

D. DUTUYE NABI KANDI TURAKENNYE.

Umunyarwanda wese iyo aya akagera akunda guhinga kuko twasanze aliwo mwuga w'abakurambere. Guhinga no kworera ni ingenzi mu Rwanda. Kuva kera abanyamahanga bataragera mu gihugu cyacu ngo bazane ubundi buryo bwo kubaho (nko gutura mu mugi) ibyo byatumaga buli muntu yihutira gutura hafi y'akalima ke, ingo zikanyanyagira zityo. Byongeye kandi, imisezi y'u Rwanda irahamye, ugasanga abaturage benshi batuye kure y'unuhanda, kure y'isoko, kure ya centre de negoce, kandi ugasanga banyanyagiye ku misozi hose. Uretse ko ubu ibintu byinshi byabuze, iyo bihali ali byinshi, usanga ahanini kubera uko gutatana kw'abaturage, ibintu bipfira ubusa abacuruzi.

Uretse uko gutura nabi, dutatanye turakenye. Yego mu turere tunwe na tunwe twera ikawa, icyayi, pireteri n'ibindi nk'ibyo bihingwa tugemura mu mahanga, abaturage babona ikibazamira ifaranga; aliko igice kinini cy'abanyarwanda ntibafite uko babona ifaranga. Muturanye nabo murababona, mutabyirengagije muzi neza uko abaturage benshi bamerewe. Ubwo bukene rero bituma nako na nako bigomwa iki n'iki kubera ko nta faranga. Ibyo bituma abacuruzi badashishikara mu mulimo wabo. Muzi za centres de negoces zasenyutse kubera amafaranga nako y'abaturage. Igituma izo centres zigwa n'uko n'uwemeye kwubaka iduka ahabona ibyashara byinshi byatumaze nawe ashishikara ngo ashakire ibintu ukutabibura. Iye abonye utuntu twe tumusaziraho twarabuze kigura, ndetse igihombo kimuli hafi ahitamo kubiyihorera cyangwa yaba abishoboye akigira mu mugwi.

Ibyo tubona i Kigali muli iki gihe n'uko umucuruzi ukomeye muli centre iyi n'iyi abona ko ibyashara afite bidahagije, agashaka ukuntu yakwiyizira i Kigali. Ubwo ga ni nako Centre avuyemo itangira kugwa.

Icyo nshobora kubabwira uko muli aha ni uko mwajya mwumvisha ingabo zanyu ko ubucuruzi ali umwuga ukomeye iturukirwa n'ubonetse wese. Ushaka gukomera ku mwuga we, abyitegura igihe kirekire. Urugero ni za sosiyete zicuruza. Sosiyete yose iyo imaze kubona amafaranga n'ibikoresho bya ngombwa ntibiha bihagije. Iyo Sosiyete iba ishigajye kubona abakozi bahagije kandi babishoboye iyo itababonye ako kanya ikora iki? Irabategura.

.../...

Yemere gutanga byinshi ikwohereza bamwe kwiga mu mashuri abigenewe. Murunva ko ayo mafanga Sociyete iba itangiye abakozi bayo aba adapfuye ubusa. Iyo abo bakozi bamaze kwiga bituma Sociyete itera imbere, kubera ubushobozi bwinshi baba bavanye mu ishuli. Inyungu ikiyengera, Sociyete igakomera.

Ubwo nagirango mbunwishe ko buli mwuga ugomba gutegurwa neza kugirango ugilire akamaro uwukora n'igihugu cyeye. Muzi muli uyu mwaka ko twashinze umuryango w'Ubucuruzi aliwo witwa "Chambre de Commerce et de l'Industrie". Uwo muryango ugamije cyane cyane kurengera abacuruzi bawulimo. Kwereka Leta ibyo utekereza n'ibyo wifuza mu byerekeye politiki ikwiye gukulikizwa mu gutanga imilimo no kuguza amafanga mu byerekeye politiki yo gushesha mu gihugu no kuli za gasutamo, no gushora amafanga y'inzamura-gihugu. Ishaka kandi kugira ijamba mu nama zerekeye impaka n'amasezerano y'Ubucuruzi u Rwanda rwagiranye n'ibindi bihugu.

Icy'ingenzi mu migambi yayo ni ugutsura no gutera inkunga amajyambere y'ubukire mu bucuruzi na Industri mu gihugu, kwumvisha no guteza abanyamuryango inigenzo myiza y'ubucuruzi bicishije mu buryo butunganye bwo kubahugura.

Iyo chambre de commerce et de l'industrie ishyigikiwe na Leta mu bikorwa byiza byo gutsura amajyambere y'ubucuruzi.

Icyo Leta yacu ya Republika ya kabili yifuza murakizi ni uko ubucuruzi bwajya mu maboko y'abanyarwanda. Si ukuvuga ko abanyamahanga batazacuruliza imo. Reka du, ahubwo ni uko habaho concurrence, aliko abanyarwanda bazafashwa mu byerekeye kugulizwa ngo nabo batangire kujya batumira ibicuruzwa mu mahanga, abanyamahanga ntibagumye kutugaragura uko bashaka. Murebe ibyerekeye peteroli ubu aho bitugeze.

Mu buryo bwo gukwirakwiza ibintu mu mpande zose z'u Rwanda abanyarwanda batangiyeye kubikomera aliko ntibiratungana cyane, kuko nabagerageze gutumira ibintu mu bindi bihugu baracyabikora batinya. Baba babizanye none ejo ukibaza icyatumye adatumira ibindi ukakibura. Alike haba hali impamvu. Abacuruzi bacu rere ntibaratinuka Ministeri ishinzwe ubucuruzi ngo bajye bagisha inama. Uretse na Ministeri, noneho nk'uko maze kubibabwirira hali n'umuryango w'Ubucuruzi, hali na za Banki.

N'ubwo abacuruzi bamwe bamaze gutera imbere, ndetse bakaba banatangiye gushinga za Sociyete, abenshi baracyakora ubucuruzi budafashe. Ni yo mpamvu tugomba gufatanya twese, mwe muli za Komini na twe muli Ministeri y'Imali n'Ubukungu bw'Igihugu kugirango abagenda inyuma nabo bajye mbere aliko bacuruzwa mu buryo bubonye.

.../...

Kugeza ubu dufite abacuruzi bagera ku bihumbi bine b'abanyarwanda. Muli aho bacuruzi abenshi usanga bafite Capital y'amafanga 2.000, ibihumbi 5.000 cyangwa 10.000. Abageza ku bihumbi 100.000 ni bake. Ni ngombwa aho tugeze gushaka ukuntu abacuruzi bafite Rejistri y'Ubucuruzi batera imbere, aliko kandi na none ni ngombwa gushaka uburyo batagumya kwiyongera bikabije. Ministeri y'Imali n'Ubukungu bw'Igihugu irabyiga.

Ntabwo narangiza ntababwiye ibyerekeye amategeko y'ubucuruzi dukulikiza mu gihugu cyacu. Kugirango umuntu yitwe umucuruzi nyakuli agomba kuba afite Rejistri y'Ubucuruzi. Iyo Rejistri y'Ubucuruzi iha uyifite iburenganzira bwo gucuruza, aliko nyili ukuyigira agacuruza ibyo yaherewe uruhushya gusa. Niba kuli Rejistri yawe, handitseho ko uzacuruza inzoga (exploitation d'un Bar) ugomba gucuruza inzoga nta kindi. Niba ugomba gucuruza inyenda, curuza imyenda.

Abacuruzi benshi bakunda kuvangavanga ibintu, ugasanga mu magazini y'imyenda, halimo n'amamesa, umunyu, amasabune, ibikopo by'ibilibwa. Ibyo byose Ministeri y'Imali n'Ubukungu iliga ukuntu byazahinduka bikagenda neza.

Kugeza ubu rero kugirango umuntu abone Rejistri y'Ubucuruzi, agomba mbere na mbere kubona icyemezo cya Bourgmestri (attestation) icyo cyemezo ubundi ntabwo Burgmestri yali akwiye kugitanga atabanje kureba niba koko nyirukucyaka ashoboye umwuga w'ubucuruzi, kandi niba afite aho azacuruliza hagaragara. Burgmestri agomba kureba inzu izacurulizwamo uko imeze, uko ingana. Igihe dutanze Rejistri y'Ubucuruzi tuba twizeye ko Burgmestri yarebye ibyo byose. Nyamara iyo urebye usanga ubu, abantu bafite Rejistri y'Ubucuruzi kandi batagira aho bacuruliza. Aho niba usanga ahanini barwanira ibintu, ngaho muli SIRWA, ngaho kwa BENALCO, ngaho muli HATTON cyangwa kwa NUKTAR i Butare.

Iyo rero ushaka gucuruza abonye icyemezo cya Burgumestri, agomba kukijyana kwa Bwana Prefet akagishyiraho umukono. Ibyo ntibiba birangiye; agomba kwohereza ibarwa muli Ministeri y'Imali n'Ubukungu akerekana numero z'ikibanza azacurulizamo, kuranga amafanga ashoye, akavuga ibyo yifuza gucuruza.

Muzi ko ubucuruzi bulimo inzego nyinshi. Hali ubucuruzi bukuranguza, n'ubwo kudandaza. Itegeko ryo kuwa 5 Nyakanga 1967 livuga ko nta ucuruzi n'umwe ushobora kuranguza no kudandaza, abikorera mu nzu imwe. Kugirango bishoboke kereka hali impanvu igaragara kandi Ministri ushinze ubucuruzi abitangiye uruhushya.

.../...

IBYEREKEYE IBICIRO :

Ibicuruzwa byose bigomba kuba bimanitseho ibiciro byabyo. Igituma iryo tegeko liriho, ni ukugirango burwanye wa muco mubi twazaniwe n'abanyamahanga wo kukubwira igiciro gihanitse kugirango ugende unanura, nugira ibyago uhendwe kandi utabizi. Ibyo byo kwandika ibiciro sibyo twihaye no mu bindi bihugu niko binera.

IBYEREKEYE INYUNGU :

Na none ni itegeko ryo kuwa 5 Nyakanga libitubwira. Kugirango ushyire igiciro kubyo ucuruza ni ngombwa gushyiraho inyungu. Alike haliho abacuruzi batazi amategeko bagapfa kwishyiraho igiciro. Ugasanga nk'ikawa igura amafanga 100 muli OCIR iragura 150. Ubwo akaba akubiseho 50 % y'ayo yatanze. Inspegiteri yamufata akamuca amafanga, ugasanga alinuba, ntiyishime, agatekereza ko Ministeri y'Imali n'Ubukungu ibereyeho kugilira nabi abacuruzi. Ubundi iyo Ministeri ibereyeho kubarera no kubafasha, iyiba abacuruzi bakulikizaga amategeko ntabwo abakezi ba Ministeri bakwilirwa bajya muli utwo.

Umucuruzi agomba gufata nyungu ki ? Umucuruzi ukura ibintu mu mahanga akabiranguza mu bandi bacuruzi, afata inyungu ahatse, aliko atarenza 15 %. Noho umucuruzi udandaza, nawe afata inyungu ashaka, aliko atarenza 25 %. Ibyo niko bimeze kugeza ubu. Alike mu minsi ili inbere birashoboka ko byahinduka. Igihe bizahindukira, tuzabibamenyesha.

Mu kugenzura ibiciro, kugeza ubu muli za Prefegitura ushinzwe kugenzura ibiciro ni Inspegiteri w'ubucuruzi na Prefet. Abandi, ari Burgnestri, ari ba OPJ bashobora kubona amakosa bakabibwira Prefet cyangwa Inspegiteri nawe afite amategeko akulikiza mu guhana. Ikindi nifuza kubabwira ni ibyerekeye za Koperative dufite ine mu Rwanda.

Mu bihugu byacu bikeneye gutsura amajyambere cyane cyane mu Rwanda, gutsura ubukungu mu baturage bose ni ngombwa. Kugirango tubigereho, buli muntu wese ari umute ari umukuru ari utegeka, ari utegekwa, bagomba kwihatira imilimo ntsura-bukungu. Kubyaza ubutaka bwacu, ibidutunga, ibitwambika n'ibikoresho ni ikintu dukwiye guhagurukira.

.../...

Nkuko Umubyeyi wacu Nyakubahwa Jenerali Major Juvenali HABIALIMANA, Presida wa Republika na Prezida wa Comité y'Amahoro n'Ubumwe adahwema kubitubwira; ntitugomba gutega amaso abanyamahanga. Tugomba gushyiraho akacu. Abo banyamahanga bakaza bagira aho bahera. Ngo Imana ifasha uwifashije.

Kuzamura ubukungu bw'igihugu bisaba gukorana uburyo (Rationalité), uko gukorana uburyo bigatuma umutungo wiyongera mu nzego zose z'igihugu. Ubwo rero Igihugu cyacu giteze ahanini umukiro n'ubuhinzi, iryo shami ry'ubukire bwacu niryo lizatubera ingenzi (moteur) n'ugutsura ubukungu bw'u Rwanda. Ni naho gukorana uburyo bigomba kwiganza.

Niyo mpamvu dufite za Koperative z'ubuhinzi nk'Aspy nuli Pirateri, nka coopthé Mulindi y'icyayi. Hali andi makoperative y'imboga, y'ubucuruzi cyangwa y'imyuga.

Ikibazo kilihon ni uko izo Koperative zikora zigacuruza ibyo zejeje cyangwa ibyo zakeze. Kubitwerekeye, nta sosiyete, nta koperative ishobora gukora unulimo wo gucuruza idafite Rejistri y'Ubucuruzi. Ikindi kandi kugirango Koperative ibeho ni igomba kuba yarenewe na Ministeri ibishinzwe. Iyo ministeri rero naye kugirango yemere Koperative ni uko igomba kuba ireba koko, ko iyo Koperative ifite akamare, kandi ikomeye. Bigatuma amakoperative amwe n'amwe amara imyaka akora, acuruza nta Rejistri y'Ubucuruzi.

Ntabwo dushobora guha Rejistri y'Ubucuruzi Koperative itarembera na Ministeri y'Ubuvuzi n'Ubuzamukire bw'Abaturage. icyo ni ikibazo kikigwa. Alike icyo nshobora kubabwira ni uko ibyo ntacyo bitwaye kuko ayo makoperative na none aba ari mu maboko y'abayayobora bayarera ngo akomere. icyo dushaka ni uko umunyarwanda wese yajya mbere. Kugeza ubu nta Koperative nzi yaba yaraguye mu ikosa ryerekeye ibiciro. Ni yo mpamvu kugeza igihe amategeko mashya azazira bizagumya bikaba nk'uko bisanzwe ku byerekeye Rejistri y'Ubucuruzi ya Koperative.

Cicophas KANYARWANDA



Bwana RWAKIBIBI ati:

Basigaye bazamura ibiciro gusa nta mpamvu maze byagera mu bilibwa bigakabya kubera ko nta minzani ngo habeho igiciro cy'ikilo.

N'ibyakuli ko umuntu ushaka kubona Registre y'ubucuruzi atanga amafaranga ibihumbi 100?

Bwana KANYARWANDA ati:

Dukwiye kurebera hamwe icyatumye ibiciro bizamuka.

a) Byatewe nuko imvura yaguye igatuma imyaka itera neza niyeze ntishobore gusarurwa igapfira mu milima. Cyakora ntabwo alicyo cy'ingenzi.

b) Turashima abaturage bacu ko bahumutse. Isuka yaguraga 90Fr ubu iyo agize Imana ayibona kuli 205Fr, nawe abibonye atyo yongeraga ibyo azana mw'isoko. Ubu ibintu biguzwe na miliyoni imwe, bigezwa ino na miliyoni 4. Haliho ibyaje mbere, aliko umucuruzi yabibona atyo akabibika kugirango bibure azabihendeho.

Iminzani yose yarapfuye ndetse haliyo twafashe; ubu twatumije indi mishya. Dukwiye kugerageza gushyiraho ibiciro ntarengwa by'ibilibwa, sinzi niba twabishyiraho dukulikije za Prefegitura cyangwa bikaba bimwe mu Rwanda hose; aha inana za Kadre zazabidufashamo.

Nta Registre z'ubucuruzi twatanze kuva mu kwezi kwa kabili. Kugirango tuyihe umuntu, agomba kutubwira amafaranga azatangiza nibyo azacuruza; nta mafaranga tumwaka wenda azabaho mu gihe kizaza.

Bwana Prezida w'Urukiko rw'Iremezo ati:

Ushaka Registre, iyo Ministeri ibigenga imwemereye, aza ku Rukiko agatanga 5.000Fr yo kwiyandikisha. Amasosiyete nka SOMIRWA nibo batanga menshi (4.000.000Fr).

Bwana Burgmestri wa Komini Rutongo ati:

Ibiciro by'inyana bilyongera buli muni kimwe niby'inzagwa; bizahoraho kuko abaguzi ubwabo biyumvikanira. Ndabona kuzashyiraho ibiciro ntarengwa bitazashoboka kereka umuntu agiye ahaguma.

Bwana KANYARWANDA ati:

Nimwe mwatubwira uko amatungo agura mu karêre muherereyemo noneho tukigira hamwe uko ikilo cyagurwa kuko ntitwagwirwa abakene. icyo tubasaba nugukora uko mushoboye ibiciro bikaguma aho bigereye ubu.

Bwana Inspegiteri w'Ubucuruzi ati:

Natangiye kubyigana na Bwana Veterineri wa Prefegitura: dupima inka yose tukavugaga igiciro yagushyiraho ikilo dukulikije uko yayiguze. Kuva muli 68 ikilo cyaguraga 40Fr bigenda bizamuka none ubu kigeze muli 70Fr. Ndasanga hose bakwiye kutarenza amafaranga 70 ku kilo.

Bwana Burgmestri wa Komini Gikomero ati:

Abatandika mw'isoko barusha icyashara abo mu nzu bigatuma nabo baza gutandika, twabakira umusoro wa Komini bakanga ngo basorera Finances.

Bwana KANYARWANDA ati:

Abadandaza (commerçant ambulant) bahagalitswe kuva muli 72 cyakora bakomeje gucuruza kuko bagifite Registre. Ibyabo byalizwe bizaza vuba. Usorera Finances nawe atanga umusoro wa Komini, ukagenwa bikulikije amategeko agenga Komini.

... / ...

Bwana Burgmestri wa Komini Kiyovu ati:

Ko mbona uwaka Registre avuga numero z'ikibanza, nkabacuruza za Butike (boutiques) babona Registre bate badafite inumero z'ikibanza?

Ndabaza abatamanika ibiciro ku bintu ingingo ibahana?

Abatubaha ibiciro byashyizweho, bo bahanishwa iki?

Mukwiye kutubwira igiciro ntarengwa cya Primus muli Bar kuko bishyilira ibiciro bishakiye.

Bwana KANYARWANDA ati:

Abacururiza muli centre nibo bagira numero. Umuturage wifitiye inzu nziza ikwiye ubucuruza nawe ashobora kubona Registre.

Mu Rwanda ugura ikintu ntibaguhe facture; ubu tuzashyiraho facture zihuje ku bacuruza bese. Mul'iki gihe kugenzura ibiciro ntibishoboka kubera Forode (fraude) ntidushobore kumenya uko ikintu cyaguzwe nuko kigomba kunguka (marge bénéficiaire). Impamvu murayizi; nibinera neza ibintu biza neza tuzabikulikiza.

Burgmestri nta bushobozi afite bwo guca amafaranga arenga 200; wadukorera raporo tukamwihanira.

Ibiciro bya Byeli (Primus) muli za Bars muzabibona vuba.

Bwana Prefe ati:

Ikiguzi cya essence cyarazamutse, amafaranga y'imisoro yarazamutse, kuki igiciro cy'imodoka z'abakozi kuli Km kitiyongereye; ubwo s'akarengane?

Umucuruza nawe nuko, urwunguko rwe rukwiye kwiyongera (%) ntiruhore ali rwarundi.

Bwana KANYARWANDA ati:

Kubyerekeye abakozi muli Service ya Budget Contrôle barabizi kandi barabyiga.

Transporo turayizi ko ihenda ndetse n'igiciro cya Primus n'agateganyo. Abanyarwanda ntabwo bazi kw'imodoka isaza (amortissement). Iyo ishaje inywa cyane, igapfa ibyuma byinshi bigomba gusimburwa; ubwo umucuruza akabishyira muli transporo ntaho bihuriye. Hagomba imodoka nshya ngo bikorwe neza. Iki kibazo tukiliho dufatanyije na Finances.

Bwana Prefe ati:

Umucuruza atanga amafaranga 400.000 agura TOYOTA hagashira igihe kirekire atarayibona, ubu hafi akaza uwo muni akayibona kandi uwayatanze mbere nta nyungu abona; ako karengane Ministeri ishinzwe Ubucuruza agatekerezaho iki?

Bwana Inspejiteri w'Ubucuruza ati:

Biterwa no kutagira abandi bacuruza batumiza ibintu mu mahanga. Nicyo gituma ali ngombwa ko abacuruza bacu bakwiyunga nabo bagakora ako kazi ntibasuzugurwe mu byabo. Murumva ko tubateyeho amahane batakongera gutumiza izindi modoka kandi benshi ntibashoboye kugura Kamyo (camion). icyo kibazo giteye inkeke, nagiyeyo kubihaniza namwe muzanyarukireyo mumbwire ko hali icyahindutse.

Bwana Agronome wa Prefegitura ati:

116

Ino hahoze uruganda rw'amasuka rwagiye he?

Forode izana ibintu mu gihugu ntabwo ali mbi kereka ibikura mu gihugu kuko ali ukwirwanaho (dépannage). Uzitonde urebe neza haraho nabisomye.

Kuki ugura ikintu kimwe k'umucuruzi umwe ejo wagaruka ugasanga igiciro cyahindutse biterwa n'iki?

Ese muzabuza ibiciro kuzamuka imbere mu gihugu naho inyuma yacyo bikomeze byizamukire!

Bwana KANYARWANDA ati:

Hali uruganda i Nyabisindu rucura ibyuma bihingishwa. Projet y'uruganda rw'amasuka ndetse n'imihoro iracyaliho uretse ko Leta ifite byinshi. Byali bigiye kuba hajemo akantu gato k'inkomyi.

Forode yose igabanya imali y'Igihugu bigatuma itsura ry'amajyambere lidindira. Aho byacyiye kuli Gasutamo ngo byongere imali y'Igihugu bigaca iruhande. Ibije bityo bizana igiciro kitagira igenzura, bikicira ibyaje neza kuko biba bigurwa make; naho ibindi bikabora biba byaratwaye amafaranga y'ahandi (devises).

Biterwa nuko umucuruzi afata inyungu ashaka: uranguza ashobora guhera kuli 1% ntarenze 15% naho udandaza ntarenza 25%. Ubundi bigaterwa na transporo igenda ihindagulika.

Ntabwo ali impamo ahubwo n'agateganyo. Ibintu biza neza tuzi igiciro cyabyo uretse babandi bishakira inyungu ya buli muni (fraudeurs). Nicyo gituma mbasaba ko twabyigira hamwe.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanombe ati:

Igiciro cya Primus muli Kigali ni 37Fr, twese tuzikura ino, abajya kure bazagulisha angahe? Abaranguza (grossistes) bishyiliraho ibiciro bishakiye, nkaba nakeka ko bo nta giciro ntarengwa bagira.

Bwana KANYARWANDA ati:

Icyo kibazo nali nagitegereje kuva kare. Twabishyizeho ali agateganyo dukulikije za Prefegitura tutishingiye uturere, aliko twabikoze ku buryo buli wese adahomba aranguliye ku Gisenyi. Mu Rwanda bamenyereye ko ikivuye kuli 5Fr kijya kuli 10Fr, sinumva igituma twali gushyira kuli 40Fr kandi imibare yacu iduha 37Fr. Yego halimo ikibazo urebye ko ku Gisenyi n'i Gatumba icupa ligura kimwe. Byose biterwa no kubura imodoka (moyen de transport) aho kujya ku Gisenyi mukaza kugura muli Bar i Kigali ngo muraranguye.

Bwana Burgmestri wa Komini Kanzenze ati:

Watubwiye ko umucuruzi wishe amategeko twamukorera raporo agahanwa. Urayikora akagilirwa imbabazi ukaba witeranyiliye ubusa akanabigucyulira ntumenye ibyo alibyo kuko utabimenyeshwa.

Bwana KANYARWANDA ati:

Niba byarabaye ntibizongera kuko ubu alijye ubishinzwe. Ndamutse mugiliye imbabazi ni wowe nabimenyesha mbere.

... / ...

Bwana Burgemestri wa Komini Gikoro ati:

117

Ko mutubwira kurwanya ubucuruzi bwa hobyohoby, ibyo umucuruzi agenewe gucuruza biba byanditse kuli Registre ye?

Bwana KANYARWANDA ati:

Ibitanditse kuli Registre, umucuruzi ntafite uburenganzira bwo kubicuruza. Ino bamenyereye gucuruza ubuconsholi: usanga amamesa avanze n'imyenda n'amasabuni. Bene ubwo bucuruzi sibwo ahubwo umuntu acuruza kinwe yakimenyera agacuruza ikindi: ucuruza amabati ntashyiremo amasafuliya n'ibiyiko. Ubu buryo tuzabucengeza mu bacuruzi bino kugirango bajye bashobora gutumiza ibintu mu mahanga.

Bizatuma habaho ubucuruzi bwa gros na demi-gros burangulira abandi ku giciro nyacyo. Abenshi ubu babarangulira ku giciro cya kamwe kamwe (détaillant), bashaka kunguka ugasanga umuturage aharenganiye. Kubera ko ibintu byabuze twafunze amaso ntitubigenzura cyane.

Bwana Su-Prefe GAKUBA ati:

Centres nyinshi zaraguye kubera ko abacuruzi bahata bakiyizira i Kigali, nta buryo mwabategeka bakaguma mul'izo centres bakazizamura. Abaturage barahavunikira cyane iyo bashaka ibintu bakeneye.

Bwana KANYARWANDA ati:

Leta ntiyahatira umucuruzi kuguma muli centre iyi n'iyi areba ubucuruzi bwe buhacumbagilira. Cyakora nzabishyikiliza Ministri numve icyo abitekerezaho.

Bwana Su-Prefe TABARO ati:

Mwali mukwiye kubishyiramo umurego (mesures contraignantes) umucuruzi yaza i Kigali ntiyimuke rwose akaguma naho yarasanzwe. Kuli Registre bandikaho aho umucuruzi agomba gucuruliza, urumva ko atabijyana aho, ahubwo abigumana ino. Mubigenzuye, byatuma abijyana aho yandikishije, ubundi gucuruliza aho ubonye ngo nuko uhabona inyungu sibyo. Niba bamuhaye amasuka ayajyana mu karere aka naka, ayagumane ino kandi iwabo bayakeneye, n'ibindi byinshi babona bakabigurulira ino ntibigere ahagombwa. Urumva ntacyo bitwaye abaturage bako karere? N'ikibazo gikwiye kwihutirwa.

Uravuga ko twajya tujijura abacuruzi, wamwigisha ute ureba ibyo yagezeho wowe ntacyo ufite. Ntashobora kwemera ibyo umubwira ahubwo yaguseka cyane. Ndabona Chambre de commerce ifatanyije na Ministeri yanyu bagenda bagira ahantu (local) muli za Prefegitura bakabigisha ndetse mugashyiraho abalimu babyize.

Bwana KANYARWANDA ati:

Icyo gitekerezo ni kiza. Iyo umucuruzi yimutse ahantu ashaka kujya ahandi, abyakira uburenganzira (Inscription complémentaire); tukareba impamvu ibimuteye, twasanga aliyo tukamwemerera. Bose rero bavuga ko batunguka natwe tukanga kubadindiza.

Guhugura abacuruzi birakwiye. Chambre de commerce muli statut yayo ntabwo yibagiwe iyo ngingo nuko aliyo igitangira.

Bwana Inspegiteri w'Ubucuruzi ati:

Ibiro bigenewe kujijura abacuruzi byarateganijwe muli Ministeri (Département de la promotion du commerce).

... / ...

Bwana Prefe ati:

Ese naba nifitiye amafaranga yo gukodesha inzu mu muji ukambuza kuhaza ute? Ibintu nzabikura hafi yanjye kandi urwunguko ni kimwe mu Rwanda hose (marge bénéficiaire). Birumvikana ko kubera transporo, uli mu mugyunguka kurusha uwo mu cyaro.

Bwana KANYARWANDA ati:

Kugirango tubigereho tuzashimisha abali kure (conditions avantageuses) aliko bahagume (par rapport à la Capitale).

Bwana Inspejiteri w'Imilimo ati:

Sinzi niba abategetsi babireba naho ubundi ubuzima bukabije guhenda hano i Kigali. Hali abahanga mul'ibyo babibaze, bafashe intangiliro (base) kw'ijana muli 67 kugeza mukwa 12 muli 73 byarazamutse bigera kw'ijana na 37 mu myaka 6. Mul'uyu mwaka mukwa mbere ubuzima bwazamutse (indice de vie chère) bugera kw'ijana na 50 none mukwa 6 bumaze kugera kw'ijana na 81. Murumva ko guhenda k'ubuzima kwiyongereye cyane mul'uyu mwaka kuruta mu myaka 6 ishize.

Muravuga ko muzashyiraho ibiciro ntarengwa munaze kubyiga, jye ndabona alibyo kwihutirwa tutaragwa mu rwobo tutureba (catastrophe).

Bwana KANYARWANDA ati:

Ntabwo byoroshye gushyiraho ibiciro ntarengwa by'ibilibwa, uko amezi ahita niko bigenda bizamuka. Umaturage nawe akeneye ibintu biva mu mahanga (importées). Ahanini ninwe mubitera kuko tudafatanye. Twigeze kubikora aliko abenshi muli nwe mwaradutse ngo tuli abasazi. Tuli bake dukeneye ko twafatanye namwe (Autorité locale) ngo tubigereho. Ifaranga ntiryataye agaciro (dévaluation) nkuko benshi babivuga, aliko tutabihagaliye byazaba.

Bwana Burgmestri wa Komini Ngenda ati:

Forode iwacu irakaze cyane. Umuforode igihe nkora we abaruhuka, naruhuka agatangira akazi; ngasanga tudashoboye kubafasha binejeje kubera akazi kenshi tugira. Mukwiye kureba uko mwabigenza muli Ministeri yanyu.

Bwana Prefe ati:

Hali n'ikindi kibazo gikunda kuboneka muli Komini Ngenda: mul'iyi Komini nta munyu uhali kubera wawundi wigeze gufatwa. Hali Koperative imwe ibona umunyu (Gihinga-nord), umaturage ushoboye kuhagera akajya guhenda abandi. Abacuruza baho bababujije gucisha umunyu i Gako, none balibaza uko bizagenda.

Bwana KANYARWANDA ati:

